If the judge finds that there are serious grounds for suspecting the person of an offence, he/she may order provisional detention of the suspect in accordance with the provisions of Articles 96 and 98 of this Law.

If the judge finds that there are no serious grounds for provisional detention, the suspect

Le juge statue sur la demande dans un délai ne dépassant cinq (5) jours. Il est tenu de motiver sa décision en fait et en droit. Lorsqu'une exception sur la mise en liberté provisoire est soulevée, le juge de fond doit surseoir à statuer afin de se prononcer sur cette exception.

Lorsque la mise en liberté provisoire est accordée, le prévenu peut être soumis aux mesures de contrôle judiciaire.

Lorsque pendant l'examen sur la détention provisoire d'une personne poursuivie pour crime, le juge constate que la détention est illégale mais qu'il existe des indices sérieux faisant croire que la personne a commis l'infraction, il ordonne que le prévenu reste en détention malgré cette irrégularité, et l'auteur de cette détention illégale est poursuivi personnellement.

**<u>Article 106</u>: Motifs de détention ou de mise en liberté provisoire**

Lorsque le juge constate qu'il existe des indices sérieux faisant croire que le prévenu a commis l'infraction, il peut ordonner la détention provisoire conformément aux dispositions des articles 96 et 98 de la présente loi.

Lorsque le juge constate qu'il n'existe pas de raisons sérieuses justifiant la détention provisoire,

ugikurikiranyweho ahita arekurwa.

**Ingingo ya 107: Gutegekwa ibigomba kubahirizwa**

Umucamanza ashobora kudafunga by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha akamutegeka ibyo agomba kubahiriza ku byaha bihanishwa igihano cy'igifungo kitarenze imyaka itanu (5).

Bimwe mu byo ashobora kumutegeka ni ibi bikurikira:

1° kuba mu karere k'aho umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye akorera;

2° kutajya kure y'akarere abwiwe atabiherewe uruhushya n'Umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye cyangwa n'intumwa ye;

3° kutajya aha n'aha cyangwa no kutaba ahari ku gihe iki n'iki;

4° kujya yitaba, buri gihe cyagenwe umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye cyangwa umukozi wa Leta cyangwa undi mukozi abwiwe n'uwo mucamanza;

5° kwitaba umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye cyangwa kwitaba umucamanza igihe azaba abitegetswe;

shall be immediately released.

**Article 107: Being subject to judicial supervision**

The judge may not order provisional detention against the suspect but subject him/her to judicial supervision in case of offences punishable with imprisonment not exceeding five (5) years.

The judge may impose on the suspect obligations including the following:

1° to reside in territorial jurisdiction of the Prosecutor in charge of case file preparation;

2° to refrain from travelling beyond a prescribed area without prior authorization of the Prosecutor in charge of case file preparation or his/her representative;

3° to refrain from travelling to a prescribed area or being found in such area at a given time;

4° to report on a prescribed periodic basis to the Prosecutor in charge of case file preparation or a civil servant or any other officer designated by the judge;

5° to report to the Prosecutor in charge of case file preparation or to the judge when required to do so;

le prévenu est immédiatement remis en liberté.

**Article 107: Mise sous contrôle judiciaire**

Le juge peut ne pas ordonner la détention provisoire du prévenu mais le placer sous contrôle judicaire pour les infractions punissables d'une peine d'emprisonnement n'excédant pas cinq (5) ans.

Certaines des obligations que le juge peut imposer sont les suivantes:

1° habiter dans les environs du lieu de travail de l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier;

2° ne pas aller au-delà d'un certain rayon de la localité prescrite, sans autorisation de l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou de son délégué;

3° ne pas se rendre dans un endroit déterminé ou ne pas s'y trouver à un moment déterminé;

4° se présenter périodiquement devant l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou devant un agent de l'Etat ou tout autre agent désigné par le juge ;

5° comparaître devant l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou devant le juge lorsqu'il en est requis;

6° gutanga ingwate;

7° gufatira ibyangombwa by'ukurikiranyweho icyaha.

Icyemezo cy'umucamanza kigomba kugaragaza impamvu zidasanzwe yashingiyeho arekura by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha.

Ubushinjacyaha bugenzura ko ibyategetswe n'Urukiko byubahirijwe, byaba bitarakozwe bugasaba ko ukurikiranywe afungwa by'agateganyo.

Nta muntu ugomba gutegekwa kwitaba ku mukozi wagenwe igihe kirenze umwaka umwe ku byaha by'ubugome n'amezi arenze atandatu (6) ku byaha bikomeye.

Mu kugena neza uko ibigomba kubahirizwa bivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo bizakorwa, icyemezo cyo gufungurwa by'agateganyo gishobora kandi gutegeka gusa ko hazubahirizwa kimwe mu bivugwa.

Bisabwe n'umushinjacyaha cyangwa uwarekuwe by'agateganyo, umucamanza ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, guhindura ibyo yategetse kugira ngo abihuze n'ibihe. Ashobora kandi gutegeka ko ukurikiranywe yongera gufungwa niba bibaye ngombwa kubera impamvu nshya kandi zikomeye.

6° to post bail;

7° to confiscate identification papers of the suspect.

The order of the judge shall indicate special grounds for deciding provisional release of the suspect.

The Public Prosecution shall verify observance of the imposed obligations and apply for provisional detention of the suspect if it finds that such obligations are violated.

A person shall not be ordered to report to a designated officer for a period exceeding one (1) year for felonies and six (6) months for misdemeanours.

For the purposes of proper enforcement of the obligations provided under Paragraph 2 of this Article, the court order of provisional release may also stipulate that the suspect is required to comply with only one of such obligations.

The judge may at any time upon request by the Prosecutor or the suspect granted provisional release modify the obligations imposed to adjust them to new circumstances. If necessary, the judge may, due to the new and serious circumstances, also revoke the provisional release of the suspect.

6° donner une caution;

7° confisquer les pièces d'identité du prévenu.

L'ordonnance de mise en liberté provisoire doit préciser des raisons exceptionnelles sur lesquelles elle est fondée.

L'Organe National de Poursuite vérifie si les obligations imposées sont observées et en cas de manquement, demander au juge d'ordonner la détention provisoire du prévenu.

Nul ne peut être obligé de comparaitre devant un agent désigné plus d'une (1) année pour les crimes et plus de six (6) mois pour les délits.

Pour la bonne mise en application des obligations visées à l'alinéa 2 du présent article, la décision ordonnant la mise en liberté provisoire peut imposer une seule obligation parmi celles indiquées.

Le juge peut, à tout moment et sur requête de l'Officier de Poursuite Judiciaire ou du prévenu mis en liberté provisoire, modifier les obligations imposées pour les adapter à des circonstances nouvelles. Il peut également révoquer la liberté provisoire si des circonstances nouvelles et graves rendent cette mesure nécessaire.

**Ingingo ya 108: Ingwate**

Umucamanza ugomba gufata icyemezo ku ifungwa ry'agateganyo, ashobora kurekura ukurikiranywe amwemerera gutanga ingwate yonyine cyangwa igeretse kuri kimwe cyangwa byinshi mu bigomba kubahirizwa bivugwa mu ngingo ya 107 y'iri tegeko.

Iyo ngwate ituma uyitanze yitaba urukiko kandi ikazavanwamo n'ubwishyu bw'ibyangijwe n'icyaha, ibintu bigomba gusubizwa, ihazabu n'amagarama y'urubanza, mu gihe icyaha kimuhamye.

**Ingingo ya 109: Ubwoko bw'ingwate**

Ingwate ishobora kuba amafaranga cyangwa kwishingirwa n'undi muntu.

Umuntu wiyemeje kwishingira undi agomba kuba ari inyangamugayo kandi ashobora kwishyura.

Iyo ukurikiranyweho icyaha atorotse ubutabera, uwiyemeje kuba umwishingizi ni we uriha ibyangijwe n'icyaha.

**Ingingo ya 110: Kugena ingwate**

Umucamanza agena ingwate ashingiye ku gaciro k'ibyangijwe n'icyaha.

Iyo ari ibyaha byerekeranye n'umutungo, ingwate igomba kuba ingana nibura n'inshuro ebyiri (2)

**Article 108: Bail**

The judge ruling on provisional detention may release the suspect on bail only or on bail in combination with one or more obligations provided for under Article 107 of this Law.

Such bail guarantees that the suspect will appear before the court, pay damages arising from the offence, provide restitution of property and pay fines and courts fees, if found guilty.

**Article 109: Types of bail**

Bail may be in the form of cash or a person standing as surety.

A person who accepts to stand as surety must be a person of integrity and capable to pay.

If the suspect escapes justice, the person standing as surety shall make reparation for the damages caused by the offence.

**Article 110: Determination of bail**

The judge shall determine the amount of bail in consideration of the damages caused by the offense.

If the offence is against property, the amount of bail must be at least twice the value of the

**Article 108: Caution**

Le juge appelé à statuer sur la détention provisoire peut ordonner la mise en liberté provisoire du prévenu sous caution seulement ou sous caution en plus de l'une ou plusieurs des obligations visées à l'article 107 de la présente loi.

La caution garantit la comparution du prévenu devant la juridiction et le paiement des dommages causés par l'infraction, des restitutions, des amendes et des frais de justice, s'il est reconnu coupable.

**Article 109: Nature de la caution**

La caution peut être une somme d'argent ou une personne.

Lorsque la caution est une personne, celle-ci doit être intègre et solvable.

Lorsque le prévenu se soustrait à la justice, la réparation du préjudice causé par l'infraction incombe à la caution.

**Article 110: Détermination de la caution**

Le juge détermine le montant de la caution en tenant compte des dommages causés par l'infraction.

Pour les infractions contre la propriété, la caution doit être égale au moins au double de la valeur des

z'agaciro k'ibyo akurikiranyweho.

Nta ngwate ishobora gutangwa ku byaha bihanishwa igihano cy'igifungo kiri hejuru y'imyaka itanu (5).

**Ingingo ya 111: Gusubiza ingwate**

Iyo ushinjwa atsinze, ingwate irasubizwa.

Iyo ushinjwa atsinzwe, urukiko rugena imikoreshereze y'ingwate hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 108 y'iri tegeko.

**UMUTWE WA V : UBUJURIRE KU RWEGO RWISUMBUYE BWEREKEYE IFUNGWA N'IFUNGURWA BY'AGATEGANYO**

**Ingingo ya 112: Kujuririra icyemezo cyo gufunga cyangwa gufungura by'agateganyo**

Ubushinjacyaha n'ukurikiranyweho icyaha bashobora kujuririra icyemezo cyo gufunga cyangwa gufungura by'agateganyo.

**Ingingo ya 113: Icyemezo kijuririrwa**

Icyemezo cyo gufunga cyangwa gufungura by'agateganyo cyafashwe nUrukiko rw'Ibanze kijuririrwa mu Rukiko Rwisumbuye, naho icy'Urukiko Rwisumbuye kijuririrwa mu Rukiko

property damaged.

No bail shall be accepted in respect of offences punishable with imprisonment of more than five (5) years.

**Article 111: Bail refund**

If the accused is found innocent, he/she shall get his/her bail refunded.

If the accused loses the case, the court shall decide on the use of the bail in accordance with the provisions of Article 108 of this Law.

**CHAPTER V: APPEAL AT THE HIGHER LEVEL IN CASE OF PROVISIONAL DETENTION AND PROVISIONAL RELEASE**

**Article 112: Appealing against a court order of provisional detention or provisional release**

The Public Prosecution or the suspect may appeal against an order of provisional detention or provisional release.

**Article 113: Appealable court order**

The appeal against a court order rendered by a Primary Court on provisional detention or release shall be filed with Intermediate Court while the appeal against an order rendered by Intermediate

biens endommagés.

Aucune caution ne peut être constituée pour les infractions punissables d'un emprisonnement supérieur à cinq (5) ans.

**Article 111: Restitution de la caution**

Lorsque l'accusé n'est pas condamné, la caution lui est restituée.

Lorsque l'accusé perd la cause, la juridiction détermine l'utilisation de la caution conformément aux dispositions de l'article 108 de la présente loi.

**CHAPITRE V: APPEL AU DEGRE SUPERIEUR EN MATIÈRE DE DÉTENTION PROVISOIRE ET DE MISE EN LIBERTÉ PROVISOIRE**

**Article 112: Appel contre l'ordonnance de détention provisoire ou de mise en liberté provisoire**

L'Organe National de Poursuite ou le prévenu peut faire appel contre l'ordonnance de détention provisoire ou de mise en liberté provisoire.

**Article 113: Ordonnance susceptible d'appel**

L'appel contre une ordonnance de détention ou de mise en liberté rendue par le Tribunal de Base est porté devant le Tribunal de Grande Instance tandis que l'appel contre une ordonnance rendue par le

Rukuru.

Icyemezo cy'Urukiko rwa Gisirikare kijuririrwa mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare.

Icyemezo cyafashwe ku bujurire nticyongera kujuririrwa.

Kujuririra icyemezo cyerekeranye n'ifungwa cyangwa ifungurwa by'agateganyo ntibibuza isuzumwa ry'urubanza nyir'izina.

Urukiko rwajuririwe ku bijyanye n'ifungwa cyangwa ifungurwa ry'agateganyo rusuzuma mu bujurire icyo kibazo nubwo urukiko rwaregewe mu rwego rwa mbere rwaba rwararegewe urubanza nyir'izina.

**<u>Ingingo ya 114</u>: Igihe cyo kujurira**

Igihe cyo kujurira ni iminsi itanu (5). Iyo ari Ubushinjacyaha bujurira, iyo minsi itangira kubarwa kuva ku munsi icyemezo cyafatiweho, naho iyo ari ukurikiranyweho icyaha, iyo minsi itangira kubarwa kuva ku munsi yabimenyesherejweho.

**<u>Ingingo ya 115</u>: Ubujurire**

Ubujurire bukorwa imbere y'ubwanditsi bw'urukiko rwafashe icyemezo, cyangwa ubwanditsi bw'urukiko rugomba kububuranisha.

Court shall be filed with the High Court.

The appeal against an order rendered by the Military Court shall be filed with Military High Court.

An order rendered on appeal shall not be subject to appeal.

The appeal against an order of provisional detention or provisional release shall not preclude the adjudication of the case on its merits.

The court seized of an appeal against an order of provisional detention or provisional release shall examine the appeal even if the court seized of the case at first instance is seized to hear the case on its merits.

**<u>Article 114</u>: Time limits for appeal**

The time limits for appeal shall be five (5) days. The period shall start from the date the order is rendered if the appeal is lodged by the Public Prosecution or from the date the suspect is notified of the order, if the appeal is lodged by the suspect.

**<u>Article 115</u>: Filing an appeal**

The notice of appeal shall be filed with the registry of the court that rendered the order or with the registry of the court expected to hear

Tribunal de Grande Instance est porté devant la Haute Cour.

L'appel contre une ordonnance rendue par le Tribunal Militaire est porté devant la Haute Cour Militaire.

La décision rendue en appel n'est pas susceptible d'appel.

L'appel contre l'ordonnance de mise en détention provisoire ou de mise en liberté provisoire n'empêche pas l'examen au fond de l'affaire.

La juridiction d'appel contre l'ordonnance de mise en détention provisoire ou de mise en liberté provisoire examine en appel cette demande quand bien même la juridiction au premier degré serait saisie de l'affaire au fond.

**<u>Article 114</u>: Délai d'appel**

Le délai d'appel est de cinq (5) jours. Ce délai court du jour où l'ordonnance est rendue, si l'appel est formulé par l'Organe National de Poursuite ou du jour où le prévenu est notifié de l'ordonnance si l'appel est formulé par le prévenu.

**<u>Article 115</u>: Interjeter appel**

La déclaration d'appel est faite au greffe de la juridiction qui a rendu l'ordonnance ou au greffe de la juridiction devant connaître de cet appel.

Umwanditsi w'urukiko wakiriye ubujurire yandika imvugo y'uregwa cyangwa ingingo yaba atanga zigaragaza ishingiro ry'ubujurire bwe, iyo nyandiko akayigerekaho inzandiko zose ukurikiranyweho icyaha amuhaye ngo zishyikirizwe urukiko rugenewe kuburanisha ubujurire bwe. Amuha urwandiko rwemeza ko azibonye.

Umwanditsi w'urukiko wakiriye ubujurire n'inzandiko zijyanye na bwo aherako abyohereza umwanditsi w'urukiko rugomba kuburanisha ubwo bujurire.

**<u>Ingingo ya 116</u>: Igumaho ry'icyemezo cy'urukiko cyafatiwe ukurikiranyweho icyaha**

Mu gihe cyagenewe ubujurire no mu gihe urukiko rwamaze kujuririrwa rutaraca urubanza, icyemezo cy'urukiko cyafatiwe ukurikiranyweho icyaha kigumaho mu gihe cyose hatarafatwa ikindi cyemezo kikivuguruza ku rwego rw'ubujurire.

**<u>Ingingo ya 117</u>: Igihe cyo gusuzuma ubujurire**

Ubujurire ku cyemezo cyo gufunga cyangwa gufungura by'agateganyo bugomba gusuzumwa mu minsi itanu (5) uhereye umunsi bwashyikirijwe urukiko. Icyemezo kigomba gufatwa mu minsi itanu (5) ibarwa uhereye ku munsi urukiko rwasoreje iburanisha.

Iyo uwajuriye atari mu karere k'aho urukiko ruburanishiriza cyangwa se adafite umwunganira,

such an appeal.

A court registrar who receives a notice of appeal shall record in writing observations or grounds of appeal given by the suspect in support of his/her appeal and attach to the notice all other documents submitted by the suspect intended for the court expected to hear the appeal. The court registry shall issue him/her an acknowledgement of receipt.

A court registrar who receives a notice of appeal and the accompanying documents shall immediately forward them to the registrar of the court expected to hear the appeal.

**<u>Article 116</u>: Upholding the status quo of the suspect**

During the period of appeal and before the appellate court rules on the case, the suspect shall continue to be in the same state as the court ordered, until the appellate court decides otherwise.

**<u>Article 117</u>: Time limits to examine an appeal**

The court seized of the appeal on the provisional detention or release court order must examine the appeal within five (5) days from the date the appeal was filed. The decision must be taken within five (5) days of the closing of the proceedings by the court.

If the appellant does not reside in the area where the court holds its hearings or has no legal

Le greffier qui reçoit la déclaration d'appel acte également les observations ou moyens éventuellement invoqués par le prévenu à l'appui de son recours et joint à cet acte les mémoires, notes et autres documents que le prévenu lui remet pour être soumis à la juridiction qui doit connaître de l'appel. Il lui en est donné récépissé.

Le greffier qui reçoit la déclaration d'appel et les documents y annexés les transmet sans délai au greffier de la juridiction qui doit connaître de l'appel.

**<u>Article 116</u>: Maintien du prévenu en état où l'ordonnance l'a placé**

Pendant le délai d'appel et, en cas d'appel, jusqu'à la décision de la juridiction d'appel, le prévenu est maintenu en l'état où l'ordonnance du juge l'a placé.

**<u>Article 117</u>: Délai d'examen de l'appel**

La juridiction saisie de l'appel contre une ordonnance de mise en détention ou en liberté provisoire doit l'examiner dans les cinq (5) jours à partir de la date de la réception du dossier d'appel. Elle doit rendre sa décision dans les cinq (5) jours à compter de la date de la clôture des débats.

Si le prévenu ne se trouve pas dans la localité de la juridiction d'appel ou s'il n'a pas d'avocat, la

urukiko rushobora guca urubanza rushingiye ku myanzuro yanditse yonyine y'uwajuriye.

**Ingingo 118: Icyemezo gifunga cyangwa cyongera igihe cy'igifungo cy'agateganyo ku rwego rw'ubujurire**

Iyo urukiko rwajuririwe rukuyeho icyemezo cyafashwe n'urukiko rwa mbere cyo gufungura cyangwa kutongera gufunga by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha, rutegeka ko afungwa by'agateganyo igihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

Icyo gihe gitangira kubarwa kuva ku munsi icyemezo cy'urukiko rwajuririwe gitangiriyeho gukurikizwa.

**Ingingo ya 119: Kutongera gufunga uwari wafunguwe by'agateganyo**

Iyo ukurikiranyweho icyaha afatiwe icyemezo cyo kudafungwa by'agateganyo cyangwa icyo kutongererwa igihe cy'igifungo, ntashobora guhabwa ikindi cyemezo cyo kuba afashwe azize cya cyaha yarezwe, keretse habonetse izindi mpamvu nshya kandi zikomeye zituma agomba gufungwa by'agateganyo.

counsel, the court may rule on the case basing only on written submissions of the appellant.

**Article 118: Order of provisional detention or that of extension of provisional detention in the appellate instance**

If the court seized of the appeal overturns an order of provisional release or extension of provisional detention of the suspect, it shall order provisional detention of the suspect for a period not exceeding thirty (30) days.

Such period shall commence from the date the order of the appellate court comes into effect.

**Article 119: Prohibition of re-detention of person who has been provisionally released**

A suspect in respect of whom provisional detention or extension of provisional detention is not granted shall not be subject to another arrest warrant for the same offence, unless new and serious grounds justifying further detention emerge.

juridiction peut statuer uniquement sur base des conclusions de la partie ayant interjeté appel.

**Article 118: Décision sur la mise en détention provisoire ou sur sa prolongation par la juridiction d'appel**

Si la juridiction saisie de l'appel infirme l'ordonnance de mise en liberté provisoire ou refusant la prolongation de la détention provisoire, elle ordonne la mise en détention provisoire du prévenu pour une période n'excédant pas trente (30) jours.

Ce délai court du jour où l'ordonnance d'appel est mise à exécution.

**Article 119: Interdiction de remise en détention provisoire de la personne remise en liberté provisoire**

Le prévenu à l'égard duquel la détention provisoire n'a pas été décidée ou prorogée ne peut pas faire l'objet d'un nouveau mandat d'arrêt du chef de la même infraction sauf en cas de nouveaux indices graves justifiant la mise en détention.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZIHARIYE KU IFUNGA N'IFUNGURA RY'AGATEGANYO**

**Ingingo ya 120: Gusaba gufungurwa**

Iyo Ubushinjacyaha bwemeje ko nta mpamvu ihari ituma bukurikirana ushinjwa, bugomba gusaba ko uwari ufunze by'agateganyo afungurwa.

Umucamanza usuzuma ko ukurikiranyweho icyaha afungurwa agomba kuba yafashe icyemezo mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe urukiko rwashyikirijwe icyo kibazo.

**Ingingo ya 121: Uko ukurikiranyweho icyaha afatwa mu gihe urukiko rushyikirijwe ikirego cyo kuburanisha urubanza mu mizi**

Iyo ukurikiranyweho icyaha yari afunzwe cyangwa yarafunguwe by'agateganyo mbere y'uko urukiko rushyikirijwe ikirego cyo kuburanisha urubanza mu mizi, akomeza kumera atyo kugeza igihe urubanza ruciriwe.

Icyakora mu gihe urukiko rwaregewe urubanza mu mizi, igifungo cy'agateganyo ntigishobora kurenga igihe cy'igifungo cyo hejuru giteganywa n'itegeko ku cyaha akurikiranyweho.

Ukurikiranyweho icyaha ufunzwe by'agateganyo ashobora gusaba urukiko yarezwemo urubanza

**CHAPTER VI: SPECIAL PROVISIONS ON PROVISIONAL DETENTION AND PROVISIONAL RELEASE**

**Article 120: Application for release**

If the Public Prosecution finds that there is no reason to prosecute the suspect held in provisional detention, it must apply for his/her release.

The judge examining the application for release of the suspect must render a decision within forty eight (48) hours after the court is seized of the application.

**Article 121: Status of the suspect when the court is seized to hear the case on its merits**

If the accused is held in provisional detention or granted provisional release before the court is seized to hear the case on its merits, his/her status remains the same until judgement.

However, when the court is seized to hear the case on its merits, the period of provisional detention shall not exceed the maximum period of imprisonment provided by law for the offense alleged against the accused.

The suspect held in provisional detention may petition the court seized of the initial claim

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS PARTICULIÈRES EN MATIERE DE DETENTION PROVISOIRE ET DE MISE LIBERTE PROVISOIRE**

**Article 120: Demande de mainlevée de la détention provisoire**

L'Organe National de Poursuite doit demander à la juridiction d'ordonner la mainlevée de la détention provisoire s'il n'y a plus de motif de poursuivre le prévenu.

Le juge examinant la demande de mise en liberté du prévenu doit rendre sa décision dans un délai de quarante-huit (48) heures à compter du moment où la juridiction est saisie de la demande.

**Article 121: Situation du prévenu lorsque la juridiction est saisie pour connaître du fond de l'affaire**

Si le prévenu se trouve en état de détention provisoire ou en liberté provisoire au jour où la juridiction est saisie pour connaître du fond de l'affaire, il reste en cet état jusqu'au jugement.

Toutefois, lorsque la juridiction est saisie pour connaître du fond de l'affaire, la détention provisoire ne peut pas dépasser la durée d'emprisonnement maximale prévue par la loi pour l'infraction faisant l'objet de poursuite.

Le prévenu en détention provisoire peut demander à la juridiction saisie de l'affaire principale

remezo gukuraho icyemezo kimufunga cyangwa ko afungurwa by'agateganyo.

Urukiko ruca urubanza kuri icyo kibazo gisaba ifungurwa ry'agateganyo mbere y'uko rusuzuma urubanza rwose mu mizi yarwo.

Ukurikiranyweho icyaha wafunzwe by'agateganyo n'icyemezo cy'urukiko ntashobora gufungurwa bidategetswe n'urukiko. Rufata icyemezo gikuraho icya mbere.

Urubanza rucibwa mu buryo no mu bihe biteganyijwe mu ngingo ya 101 y'iri tegeko.

Iyo urukiko rufunguye umuntu by'agateganyo, hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 107 na 108 z'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 122</u>: Ubujurire butanzwe ku cyemezo gifunga cyangwa gifungura by'agateganyo**

Ubushinjacyaha bujuririra gusa icyemezo giteganywa mu ngingo ya 121 y'iri tegeko, iyo gifungura uwafunzwe mbere y'urubanza.

Ukurikiranyweho icyaha ashobora kujurira gusa iyo hemejwe ko akomeza gufungwa by'agateganyo mbere y'urubanza. Mu gihe cyagenewe ubujurire

against him/her to overturn the order of provisional detention or to order his/her provisional release.

The court shall rule on the application for provisional release before hearing the case on its merits.

The suspect held in provisional detention following a court order shall not be released unless his/her release is ordered by the court. In that case, the court shall render a decision annulling the first order.

A judgment shall be delivered in the manner and within the time period provided for under Article 101 of this Law.

If the court orders provisional release, Articles 107 and 108 of this Law shall apply.

**<u>Article 122</u>: Appeal against a court order of provisional detention or provisional release**

The Public Prosecution shall only appeal against a court order provided for under Article 121 of this Law if such an order grants release of a person held in detention before trial.

The suspect shall only appeal if the court order confirms provisional detention before trial. The status of the suspect within the prescribed time

d'ordonner la mainlevée de la détention provisoire ou la mise en liberté provisoire.

La juridiction statue sur la demande de mise en liberté provisoire avant de connaître du fond de l'affaire.

Le prévenu détenu provisoirement par ordonnance de la juridiction ne peut être libéré que sur une autre ordonnance de la juridiction. Dans ce cas, la juridiction rend une ordonnance d'annulation de la première.

La décision est rendue dans les formes et délais prévus à l'article 101 de la présente loi.

Si la juridiction ordonne la mise en liberté provisoire, les articles 107 et 108 de la présente loi s'appliquent.

**<u>Article 122</u>: Appel contre la décision de mise en détention provisoire ou de mise en liberté provisoire**

L'Organe National de Poursuite ne peut interjeter appel de la décision prévue par l'article 121 de la présente loi que si elle accorde la liberté provisoire à une personne détenue avant le jugement.

Le prévenu ne peut interjeter appel que si la décision maintient la détention provisoire avant le jugement. Pendant le délai d'appel et, en cas

no mu gihe umuntu yajuririye kugeza igihe urubanza ruciriwe, ukurikiranyweho icyaha akomeza kumera nk'uko umucamanza wa mbere yabyemeje.

Ujurira abikora hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 112, iya 114 n'iya 115 z'iri tegeko.

Hajuririrwa urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 113 y'iri tegeko. Urwo rukiko rukiza urubanza rukurikije ibiteganywa n'ingingo ya 117 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 123: Kongera gufunga ukurikiranyweho icyaha**

Ubushinjacyaha bukurikirana ko ukurikiranyweho icyaha warekuwe by'agateganyo n'urukiko agategekwa kugira ibyo yubahiriza yabyubahirije. Iyo atabyubahirije**,** bushobora kongera gusaba urwo rukiko ko afungwa by'agateganyo.

Icyemezo gifashwe n'urukiko gishobora kujuririrwa inshuro imwe kikaburanishwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 117 y'iri tegeko.

limits for appeal and in case of appeal until the final decision shall remain the same as ordered by the first judge.

The appellant shall appeal in the manner and within the time limits provided for under Articles 112, 114 and 115 of this Law.

The appeal shall be filed with the competent court in accordance with Article 113 of this Law. The court shall rule on the case in accordance with Article 117 of this Law.

**Article 123: Re-detention of a suspect**

The Public Prosecution shall verify whether the suspect granted provisional release by the court complies with the obligations imposed. If the suspect does not comply with the obligations imposed, the Public Prosecution may apply to the court for sending him/her back to provisional detention.

The court order may be subject to appeal only once and the appeal against it shall be heard in the manner provided under Article 117 of this Law.

d'appel, jusqu'à la décision, le prévenu est maintenu en l'état où la décision du premier juge l'a placé.

L'appel est interjeté dans les formes et délais prévus aux articles 112, 114 et 115 de la présente loi.

L'appel est porté devant la juridiction compétente pour connaître de l'affaire conformément à l'article 113 de la présente loi. La juridiction statue conformément à l'article 117 de la présente loi.

**Article 123: Nouvelle détention du prévenu**

L'Organe National de Poursuite vérifie que le prévenu mis en libéré provisoire par la juridiction respecte les obligations imposées. Si le prévenu ne respecte pas les obligations imposées, l'Organe National de Poursuite peut demander à la juridiction d'ordonner à nouveau la détention provisoire du prévenu.

La décision de la juridiction n'est susceptible d'appel qu'une seule fois et l'appel contre cette décision est jugé selon les procédures prévues par l'article 117 de la présente loi.

**<u>INTERURO *YA* III</u>: IKURIKIRANWA RY'USHINJWA MU NKIKO**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: KUREGERA URUKIKO**

**<u>Ingingo ya 124</u>: Igihe urukiko rufatwa nk'aho rwaregewe**

Urukiko rufatwa nk'aho rwaregewe mu bihe bikurikira :

1° iyo Ubushinjacyaha bwemeje gukurikirana, bwohereza dosiye yuzuye urukiko rubifitiye ububasha;

2° iyo uwakorewe icyaha aregera urukiko atisunze Ubushinjacyaha mu bihe biteganywa mu ngingo ya 144 y'iri tegeko.

Ubushinjacyaha cyangwa uwaregeye urukiko atisunze Ubushinjacyaha bashobora no kureka icyo kirego mu gihe basanga bitakiri ngombwa kugikurikirana.

**<u>Ingingo ya 125</u>: Kuregera urukiko bidakozwe n'umuburanyi**

Urukiko rushobora kuregerwa rubyibwirije iyo hakozwe icyaha mu gihe cy'iburanisha.

Urukiko rushobora kandi kuregerwa mu gihe

**<u>TITLE III</u>: PROSECUTION OF THE ACCUSED BEFORE THE COURTS**

**<u>CHAPTER ONE</u>: FILING A CASE BEFORE THE COURT**

**<u>Article 124</u>: Presumption of having seized a court**

A court shall be presumed to have been seized in the following circumstances:

1° if the Public Prosecution decides to conduct prosecution by transmitting a complete criminal case file to a competent court;

2° if the victim brings a case before the court by way of private prosecution in the circumstances provided under Article 144 of this Law.

The Public Prosecution or the person who brings a case before the court by way of private prosecution may withdraw the case if considered unnecessary to conduct prosecution.

**<u>Article 125</u>: Court's initiative to take up a case**

The court may on its own initiative take up a case if an offense of contempt of court is committed.

The court may also take up a case when

**<u>TITRE III</u>: POURSUITE DU PREVENU DEVANT LES JURIDICTIONS**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: SAISINE DE LA JURIDICTION**

**<u>Article 124</u>: Moment où la juridiction est réputée saisie**

La juridiction est réputée saisie lorsque:

1° l'Organe National de Poursuite décide d'exercer l'action publique et communique le dossier complet à la juridiction compétente ;

2° la victime intente une action par voie de citation directe suivant les circonstances prévues à l'article 144 de la présente loi.

L'Organe National de Poursuite ou la personne qui a intenté une action par voie de citation directe peut se désister lorsque l'exercice de l'action publique est jugé inopportun.

**<u>Article 125</u>: Saisine d'office de la juridiction**

La juridiction peut être saisie d'office en cas de délit d'audience.

La juridiction peut aussi être saisie en cas de

rwohererejwe dosiye y'urubanza n'urundi rukiko.

**Ingingo ya 126: Gukurikirana abafatanyije icyaha cyangwa ibyitso**

Iyo mu gihe cy'iburanisha urukiko rusanze hari ibimenyetso bishinja abandi bantu kuba barafatanyije gukora icyaha cyangwa se ari ibyitso by'ukurikiranyweho icyaha rurabahamagaza kugira ngo bagire ibisobanuro batanga muri urwo rubanza.

Iyo abahamagawe mu rubanza batitabye, urukiko rutegeka Ubushinjacyaha kubazana ku ngufu za Leta.

Iyo urukiko rumaze kubaza abahamagawe mu rubanza mu buryo buteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo rugasanga ibimenyetso bitabahamya icyaha rufata icyemezo cyo gukomeza iburanisha batongeye guhamagarwa mu rubanza.

Iyo urukiko rusanze ibisobanuro batanze bidahagije kandi urukiko rugasanga hari ibimenyetso bibashinja icyaha, rutegeka Ubushinjacyaha gukora iperereza buhereye ku byagaragajwe mu iburanisha kugira ngo bazashyikirizwe urukiko. Ubushinjacyaha butegetswe kandi kubahiriza icyo cyemezo cy'urukiko.

receiving a case file transferred by another court.

**Article 126: Prosecution of co-offenders or accomplices**

If during the hearing the court finds that there is incriminating evidence against persons alleged to have acted as co-perpetrators or accomplices of the accused, the court may order them to appear in order to furnish explanations with respect to the case.

If the persons so summoned do not appear, the court shall order the Public Prosecution to compel them to appear.

If the court interrogates the persons summoned in the manner provided for under Paragraphs One and 2 of this Article and finds that there is no incriminating evidence against them, the court shall continue with the hearing without summoning them to appear once again.

If the court is not satisfied with the explanations given by the persons so summoned and finds that there is incriminating evidence against them, the court shall order the Public Prosecution to conduct investigation basing on the facts uncovered during the hearing in order to take them to court. The Public Prosecution shall be bound to comply with such a court order.

renvoi d'une affaire par une autre juridiction.

**Article 126: Poursuite des coauteurs ou complices**

Lorsque la juridiction constate, lors de l'instruction d'audience, qu'il existe des indices faisant croire qu'il y a d'autres personnes qui ont participé à la commission de l'infraction comme coauteurs ou complices, la juridiction les cite à comparaître afin de donner des explications.

Lorsque les personnes convoquées ne comparaissent pas, la juridiction ordonne à l'Organe National de Poursuite de les contraindre à comparaitre.

Lorsque la juridiction, après avoir entendu les personnes citées conformément aux alinéas premier et 2 du présent article, constate qu'aucune charge ne pèse contre elles, elle poursuit l'instruction d'audience sans les citer à comparaître à nouveau.

Lorsque la juridiction n'est pas satisfaite des explications des personnes citées et qu'elle constate qu'il existe des indices qui pèsent contre elles, elle ordonne à l'Organe National de Poursuite de procéder à l'instruction en se basant sur les éléments de l'audience, et les faire traduire devant la juridiction. L'Organe National de Poursuite est tenu de se conformer à la décision de la juridiction.

**UMUTWE WA II : ITUMIRWA RY'ABABURANYI**

**Ingingo ya 127: Ihamagara mu rukiko**

Ihamagara mu Rukiko rikorwa n'umwanditsi w'urukiko ashingiye ku cyemezo cya Perezida w'urukiko gishyiraho umunsi w'iburanisha

Ihamagara rigomba kuvuga nibura uwarezwe, amazina ye, aho atuye, cyangwa aho acumbitse, icyo aregwa, urukiko agomba kwitaba, ahantu, umunsi n'isaha azitabiraho.

Ihamagara ritangwa n'umuhesha w'inkiko cyangwa umwanditsi w'urukiko. Kopi yaryo ihabwa umushinjacyaha, ushinjwa, ugomba kuriha indishyi, cyangwa undi muntu wese wahamagawe.

Ihamagara rishyikirizwa uwahamagawe cyangwa rigashyirwa aho uhamagawe abarizwa.

**Ingingo ya 128: Ihamagara rishyirwa aho uhamagarwa abarizwa**

Ihamagara rishyirwa aho uhamagarwa atuye hazwi mu Rwanda. Iyo uhamagarwa adafite aho atuye hazwi mu Rwanda, ariko aho acumbitse hazwi, iryo hamagara rishyirwa aho acumbitse.

**CHAPTER II: SUMMONING OF PARTIES**

**Article 127: Summons to appear before court**

The summons to appear before court shall be issued by the court registrar based on the decision of the President of the court setting the hearing date.

The summons must specify at least the names, domicile or residence of the accused, charges against him/her, the court before which to appear, place, date and time of appearance.

The summons shall be served by a court bailiff or a court registrar and its copy shall be given to the Prosecutor, the accused, the person liable to pay damages or any other summoned person.

The summons shall be served on the person summoned to appear or at his/her place of residence.

**Article 128: Summons served at the place of residence of the summoned person**

The summons shall be served at the summoned person's known domicile in Rwanda. If the summoned person has no known domicile in Rwanda but has a known residence, the summons shall be served at his/her residence.

**CHAPITRE II: CITATION DES PARTIES**

**Article 127: Citation à comparaître devant la juridiction**

La citation à comparaître devant la juridiction est faite par le greffier sur base de la décision du Président de la juridiction fixant la date de l'audience.

La citation doit indiquer au moins le nom, le prénom et le domicile ou la résidence de l'accusé, les charges pesant contre lui, la juridiction compétente, le lieu, le jour et l'heure de la comparution.

La citation est notifiée par un huissier de justice ou par un greffier. Il réserve une copie à l'Officier de poursuite judiciaire, à l'accusé, à la personne civilement responsable ou à toute personne citée à comparaître.

La citation est signifiée à la personne citée ou à sa résidence.

**Article 128: Citation signifiée à résidence**

La citation est signifiée au domicile connu au Rwanda de la personne citée. Si la personne citée n'a pas de domicile connu au Rwanda, mais y a une résidence connue, la citation est signifiée à sa résidence.

**Ingingo ya 129 : Abahabwa ihamagara iyo uhamagarwa abuze**

Iyo uhamagarwa atabonetse, iryo hamagara rishyikirizwa uwo bashakanye, uwo akorera, uwo bafitanye isano cyangwa ufitanye isano n'uwo bashakanye, cyangwa umukorera, baba aho atuye cyangwa aho acumbitse bafite nibura imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko. Niba nta wubonetse muri abo, rishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali atuyemo cyangwa acumbitsemo.

Kopi y'ihamagara isubizwa urukiko igomba kugaragaramo itariki, umukono w'uwahamagawe cyangwa umukono n'amazina by'uwashyikirijwe ihamagara n'isano afitanye n'uwahamagawe.

**Ingingo ya 130: Ubundi buryo bw'ihamagara**

Ihamagara rishobora kandi kumenyeshwa hoherejwe kopi yaryo iri mu ibahasha ishinganye mu iposita cyangwa ihawe intumwa izagaragaza icyemezo cy'uko nyiraryo yaribonye, kiriho itariki n'umukono w'uwahamagawe cyangwa umwe mu bantu bavuzwe mu ngingo ya 129 y'iri tegeko agaragaza icyo apfana n'uwahamagawe.

**Article 129: Persons on whom the summons is served in the absence of the summoned person**

If the summoned person cannot be found, the summons shall be served on his/her spouse, employer, relative or a relative to his/her spouse or on his /her employee living in his/her place of domicile or residence and aged at least sixteen (16) years. If neither of them is found, the summons shall be served on the Executive Secretary of the Cell of his/her domicile or residence.

A copy of the summons returned to the court must bear the date of service and signature of the summoned person or the signature and names of the person on whom the summons was served and his/her relationship with the summoned person.

**Article 130: Other means of serving a summons**

The summons may also be served by sending a copy thereof in a sealed envelope sent as registered mail or carried by a messenger required to return an acknowledgment of receipt bearing the date and the signature of the summoned person or that of one of the persons mentioned in Article 129 of this Law, specifying his/her relationship with the summoned person.

**Article 129: Personne à qui est signifiée la citation à défaut de la personne citée**

A défaut de la personne citée, la citation est signifiée à son conjoint, à son employeur, à son parent, à un parent de son conjoint ou à son employé qui vivent avec lui et ayant l'âge de seize (16) ans. A défaut de l'un d'eux, elle est signifiée au Secrétaire Exécutif de Cellule de son domicile ou de sa résidence.

Une copie de la citation retournée à la juridiction doit être datée et signée par la personne citée ou porter la signature et les noms de la personne à laquelle elle a été signifiée en indiquant la relation avec la personne citée.

**Article 130: Autres modes de signification de la citation**

La citation peut également être signifiée par l'envoi d'une copie sous pli fermé recommandé à la poste contre récépissé ou remis par un messager avec accusé de réception, daté et signé par le cité ou par l'une des personnes visées à l'article 129 de la présente loi, avec indication de sa relation avec la personne citée.

**Ingingo ya 131: Ihamagara rikoresheje ikoranabuhanga mu itumanaho**

Ihamagara rishobora kohererezwa uwahamagawe hakoreshejwe inyandiko inyuze kuri interineti n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu itumanaho. Iryo hamagara rikurikiza ibikubiye mu ngingo ya 127 y'iri tegeko kandi hakagaragazwa ikimenyetso cy'uko uwo ryohererejwe yaribonye.

**Ingingo ya 132: Uburyo bwo gukora imenyesharuhame**

Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo, inyandukuro yayo mu magambo ahinnye ikamanikwa aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera kandi ikamenyeshwa rubanda hakoreshejwe inzira yose urukiko rusanze iboneye mu gihe cy'amezi abiri (2).

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akamenyeshwa ko kopi y'ikirego imutegereje mu bwanditsi bw'Urukiko.

Icyemezo gitangazwa mu kinyamakuru kimwe cya Leta, byaba ngombwa kikanatangazwa no mu kindi kinyamakuru cyigenga gisomwa na benshi

**Article 131: Summons through electronic channels**

The summons may be sent using an email and any other electronic channels. Such a summons shall comply with the provisions of Article 127 of this Law and require an acknowledgement of receipt by the person on whom it is served.

**Article 132: Summons by public notice**

Service of a summons by public notice shall be made by posting a copy of the summons in a visible place on the court premises determined by the court seized of the case in addition to posting the extract of such summons at the seats of all Intermediate Courts and making it public using any other channel the court may deem appropriate within a period of two (2) months.

Service of summons provided for under Paragraph One of this Article shall be accompanied by the publication of the order of the President of the Court compelling the accused to appear within the prescribed time limits and informing him/her that he/she is expected to collect a copy of the complaint from the court registry.

The order shall be published in one state-owned newspaper and if necessary, in another independent newspaper with wide circulation

**Article 131: Citation par voie électronique**

Une personne peut être citée par email et par d'autres moyens électroniques. La citation se fait conformément aux dispositions de l'article 127 de la présente loi et l'accusé de réception de la part du destinataire est exigé.

**Article 132: Citation par avis public**

La citation par avis public se fait par affichage d'une copie de la citation à un endroit visible dans les locaux de la juridiction déterminé par la juridiction saisie avec affichage de l'extrait de la citation aux sièges de tous les Tribunaux de Grande Instance et est communiquée au public par tous les moyens que la juridiction considère nécessaire dans un délai de deux (2) mois.

La signification de la citation visée à l'alinéa premier du présent article s'accompagne de la publication de l'ordonnance du Président de la juridiction enjoignant l'accusé de comparaître dans un délai lui imparti et l'informant que la copie de la requête se trouve au greffe de la juridiction.

L'ordonnance est publiée dans un journal de l'Etat, et le cas échéant, dans un autre journal privé de grande distribution désigné par le

cyagenwe na Perezida w'Urukiko.

Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radiyo, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga.

Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda, ariko bibaye ngombwa, Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko rikorwa no mu Gifaransa cyangwa mu Cyongereza, cyangwa se no muri izo ndimi zombi.

**<u>Ingingo ya 133</u>: Ikimenyetso cy'imenyesharuhame**

Ikimenyetso cy'imenyesharuhame kigaragazwa n'urupapuro rw'ikinyamakuru cyaritangaje gishyirwa mu bwanditsi bw'urukiko.

**<u>Ingingo 134</u>: Ihamagara ry'imiryango ifite ubuzima gatozi**

Ihamagara ku miryango ifite ubuzima gatozi rikorerwa ku cyicaro cyayo gikuru cyangwa aho ishami ryayo rikorera**.** Urwandiko ruhamagara rushyikirizwa umukozi ushinzwe kwakira amabarwa.

Iyo aho iyo miryango ikorera hadashoboye kumenyekana hakoreshwa uburyo buteganywa mu ngingo ya 132 y'iri tegeko.

determined by the President of the Court.

The President of the Court may order that the summons be published using any other appropriate means such as radio, television or any other electronic channel.

The order shall be published in Kinyarwanda. However, if necessary, the President of the Court may order its publication in French or English or both.

**<u>Article 133</u>: Proof of summons by public notice**

Service by public notice shall be evidenced by the deposit into the court registry of a copy of the page of the newspaper in which the summons was published.

4° prosecution and hearing procedure documents;

5° submissions made by parties;

6° grounds for the judgment;

7° legal provisions that were applied;

8° offence of which the accused is convicted, if not proven innocent;

9° penalties imposed;

10° damages to be paid, if any;

11° decision on the fate of seized property;

12° the presence or absence of parties to the proceedings;

**Article 162: Contenu du jugement**
`

Le jugement doit indiquer ce qui suit:

1° la juridiction qui l'a rendu;

2° l'identité de l'accusé, celle de la partie civile et de la partie civilement responsable;

3° l'infraction à charge de l'accusé;

4° les actes de poursuite et de procédure à l'audience;

5° les conclusions des parties;

6° les motifs du jugement;

7° les textes de loi dont il est fait application;

8° l'infraction dont l'accusé est reconnu coupable s'il n'a pas été acquitté;

9° les peines prononcées;

10° les condamnations civiles éventuelles prononcées;

11° la destination des objets saisis;

12° la présence ou l'absence des parties au procès;

13° ko rwaburanishijwe mu ruhame cyangwa mu muhezo kandi rugasomerwa mu ruhame;

14° umunsi n'aho rwaciriwe;

15° ko hari umucamanza utarahuje na bagenzi be mu icibwa ry'urubanza n'impamvu yashingiyeho mu magambo avunaguye;

16° amazina y'umucamanza cyangwa ay'abacamanza baruburanishije;

17° amazina y'umwanditsi w'urukiko.

Mu gihe urubanza rwaciwe n'umucamanza urenze umwe, umucamanza cyangwa abacamanza batemera icyemezo cyafashwe na bagenzi babo, bashobora kwandika igitekerezo cyabo bashyigikiraga n'impamvu bashingiraho, kikagaragara mu rubanza inyuma y'imikono y'abagize inteko. Icyo gitekerezo ntigisomwa mu ruhame.

Urubanza rugomba no kugaragaza ibarura ry'amagarama ryakozwe n'umwanditsi rikemezwa na Perezida w'urukiko rukavuga n'ibihe itegeko ryateganyirije ubujurire.

Urubanza rushyirwaho umukono n'umucamanza cyangwa abacamanza baruburanishije n'umwanditsi w'urukiko wari uhari urubanza rusomwa.

13° whether the hearing was conducted in public or in camera and the judgment was pronounced in public;

14° date and place of the pronouncement of the judgment;

15° whether there is a dissenting opinion and brief presentation of the reasons for dissenting;

16° names of judge(s) on the bench;

17° names of the court registrar.

If a case is decided by more than one judge, a judge or judges who disagree with the decision of their colleagues may express their dissenting opinion in writing and state reasons for dissenting and such dissenting opinion shall appear in the judgment after the signatures of members of the bench. The dissenting opinion shall not be read in public.

The judgment must also indicate an estimate of court fees prepared by the court registrar and approved by the President of the court and the time limits for appeal prescribed by law.

The judgment shall be signed by a trial judge or judges and countersigned by the court registrar present at the time of the pronouncement.

13° la publicité ou l'huis-clos des audiences et le prononcé en public;

14° le lieu et la date du prononcé;

15° l'opinion du juge dissident et ses motifs;

16° les noms du juge ou des juges qui ont siégé;

17° les noms du greffier.

Si le jugement est rendu par plusieurs juges, le juge ou les juges dissidents peuvent mettre à l'écrit leur opinion et les raisons de cette dissidence et les faire attacher au jugement après les signatures des membres du siège. L'opinion dissidente n'est pas lue en public lors du prononcé.

Le jugement doit également contenir l'état des frais dressé par le greffier et approuvé par le Président de la juridiction. Le jugement doit mentionner les délais pour l'exercice des voies de recours.

Le jugement est signé par le juge ou les juges du siège ainsi que par le greffier présent au prononcé.

**<u>Ingingo ya 163</u>: Amagarama y'urubanza**

Iyo ushinjwa atsinze, amagarama y'urubanza aherera ku isanduku ya Leta. Ariko, iyo uwaregeye urukiko atisunze ubushinjacyaha atsinzwe, ategekwa kuriha amagarama yose yatanzwe muri urwo rubanza. Naho iyo uwaregeye indishyi atsinzwe, ategekwa gutanga kimwe cya kabiri (1/2) cy'amagarama y'urubanza.

Uregera indishyi waretse urubanza, yaba yararegeye urukiko yisunze cyangwa atisunze Ubushinjacyaha, ntatanga amagarama nyuma y'aho arekeye gukurikirana urubanza; ibyo ntibyamubuza gucibwa indishyi z'akababaro zigenewe ushinjwa cyangwa utegetswe kuriha, niba ari ngombwa.

**<u>Ingingo ya 164</u>: Iherezo ry'ingwate mu gihe ushinjwa agizwe umwere cyangwa ahamwe n'icyaha**

Iyo mu gihe cyo guca urubanza, ushinjwa yari yararekuwe by'agateganyo atanze ingwate, akaza gutsinda, urukiko rutegeka kumusubiza ingwate ye, uretse kuyivanamo amagarama y'urubanza y'inyongera yatewe n'uko haba hari umuhango w'urubanza atitabiriye.

Iyo ushinjwa atsinzwe, ingwate yose cyangwa igice cyayo ivanwamo ubwishyu bw'ibyangijwe n'icyaha, ibigomba gusubizwa, ihazabu n'amagarama y'urubanza.

**<u>Article 163</u>: Court fees**

If the accused is acquitted, court fees shall be paid out of the State Treasury. However, if a party who filed a claim by way of private prosecution loses the case, he/she shall be ordered to pay all the fees involved in the case. If a person who sued for damages in criminal proceedings loses the case, he/she shall be ordered to pay half (1/2) of the court fees.

A civil party who withdraws a claim which was filed within the criminal proceedings or by way of private prosecution, shall not be required to pay court fees after withdrawal of the claim. However, this shall not exempt him/her from being ordered to pay damages to the accused or to the person liable to pay damages, if necessary.

**<u>Article 164</u>: Fate of bail in case of acquittal or conviction of the accused**

If the accused had been granted interim release on bail and is acquitted, the court shall order that such bail be refunded to him/her after possible deduction of additional court fees incurred as a result of his/her absence in a court proceeding.

If the accused is convicted, the bail in whole or part shall be paid out for redress for the damages caused by the offence, restitutions, fines and court fees.

**<u>Article 163</u>: Frais de justice**

Si l'accusé est acquitté, les frais de justice sont mis à charge du Trésor Public. Si la partie qui a saisi la juridiction par voie de citation directe perd le procès, il lui est ordonné de payer tous les frais afférents à ce procès. Si la partie civile s'est constituée après la saisine de la juridiction, elle est condamnée à la moitié (1/2) des frais de justice.

La partie civile qui renonce à sa plainte introduite au moyen de constitution de partie civile ou de citation directe n'est pas tenue des frais postérieurs au désistement. Toutefois, le désistement n'empêche pas le paiement des dommages-intérêts dus au prévenu ou à la partie civilement responsable, s'il y a lieu.

**<u>Article 164</u>: Sort de la caution en cas d'acquittement ou de condamnation de l'accusé**

Si l'accusé est acquitté alors qu'il avait bénéficié d'une mise en liberté provisoire sous caution, le jugement ordonne la restitution de la caution, sauf prélèvement des frais supplémentaires occasionnés par son absence à un acte de procédure.

Si l'accusé est condamné, le tout ou partie de la caution est versé pour le paiement de la réparation des dommages causés par l'infraction, des restitutions, des amendes et des frais de justice.

**Ingingo ya 165: Ishidikanya rirengera ushinjwa**

Gushidikanya birengera ushinjwa.

Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze.

**Ingingo ya 166: Inshingano yo kugaragaza urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha umuntu**

Urukiko rwaciye urubanza rw'uko rudafite ububasha bwo kuburanisha umuntu, rugomba guhita rumugaragariza urukiko rufite ububasha bwo kumuburanisha kandi rukohererereza dosiye urwo rukiko.

**INTERURO YA IV: INZIRA ZO KUJURIRA**

**UMUTWE WA MBERE: KUTITABA URUKIKO NO GUSUBIRISHAMO URUBANZA RWACIWE UREGWA ADAHARI**

**Ingingo ya 167: Kuburanisha urubanza Uregwa cyangwa Ubushinjacyaha badahari**

Iyo uregwa atitabye nta mpamvu kandi yarahamagawe mu buryo bukurikije amategeko, urukiko ruburanisha adahari.

Iyo Ubushinjacyaha butitabye nta mpamvu kandi

**Article 165: Benefit of doubt to the accused**

The benefit of doubt shall be given in favour of the accused.

If the proceedings conducted as completely as possible do not enable judges to find reliable evidence proving beyond reasonable doubt that the accused committed the offence, the judges shall order his/her acquittal.

**Article 166: Obligation of indicating the competent court**

If a court rules that it does not have jurisdiction to try an accused, it must immediately inform him/her of the court competent to try him/her and forward his/her case file to that court.

**TITLE IV: APPEAL PROCEDURE**

**CHAPTER ONE: FAILURE TO APPEAR AND OPPOSITION**

**Article 167: Trial in absentia or in the absence of the Public Prosecution**

If a person duly summoned fails to appear without valid reasons, he/she shall be tried in absentia.

If the accused is held in provisional detention

**Article 165: Bénéfice du doute pour l'accusé**

Le doute profite à l'accusé.

Si une instruction aussi complète que possible n'est pas parvenue à lever le doute sur la culpabilité de l'accusé, celui-ci doit être acquitté.

**Article 166: Obligation d'indiquer la juridiction compétente**

La juridiction qui a rendu un jugement d'incompétence doit indiquer à l'accusé la juridiction compétente et communiquer à cette dernière le dossier.

**TITRE IV: VOIES DE RECOURS**

**CHAPITRE PREMIER: DEFAUT ET OPPOSITION**

**Article 167: Jugement par défaut ou en l'absence de l'Organe National de Poursuite**

Si la personne régulièrement citée ne comparaît pas sans raison valable, elle est jugée par défaut.

Si l'Organe National de Poursuite ne comparaît

ushinjwa afunzwe by'agateganyo, urukiko rutegeka ko afungurwa by'agateganyo, rukaburanisha urubanza ubushinjacyaha budahari, uretse iyo akurikiranyweho icyaha cy'ubugome. Iyo inshuro eshatu (3) zikurikiranye, Ubushinjacyaha butitabye ku cyaha cy'ubugome, ushinjwa ararekurwa, iburanisha rikazakomeza adafunze n'iyo ubushinjacyaha bwaba budahari.

**<u>Ingingo ya 168</u>: Kumenyesha urubanza rwaciwe uregwa adahari**

Urubanza rwaciwe uregwa adahari rumenyeshwa ku buryo bwemewe n'amategeko mu nyandiko irimo umunsi n'aho urubanza rwaciriwe, urukiko rwaruciye, impamvu n'amategeko rwashingiyeho, umwirondoro w'ababuranyi, ingingo z'urubanza n'ibyemezo byarwo.

Iryo menyesha rikorwa n'umwanditsi w'urukiko, umuhesha w'inkiko cyangwa undi wabiherewe ububasha.

**<u>Ingingo ya 169:</u> Igihe cyo gusubirishamo urubanza**

Uregwa waciriwe urubanza adahari, ashobora kurusubirishamo, mu minsi icumi (10) kuva aho arumenyesherejwe.

Igihe atari uwaciriwe urubanza wimenyesherejwe

and the Public Prosecution fails to appear without valid reasons, the court shall order provisional release of the accused and try the case in the absence of the Public Prosecution unless the alleged offence is a felony. If, in case of a felony, the Public Prosecution fails to appear for three (3) consecutive times, the accused shall be released and the trial continue despite the absence of the Public Prosecution.

**<u>Article 168</u>: Notification of a judgement pronounced in absentia**

The judgment pronounced in absentia shall be duly notified using a writ specifying the date and place of the judgment, the court that pronounced the judgement, grounds and legal basis of the judgment, particulars of the parties, contentions and operative provisions of the judgment.

Such a judgment shall be notified by a court registrar, a court bailiff or any other person duly authorized.

**<u>Article 169</u>: Time limits for filing an opposition**

A person tried in absentia may file an opposition within ten (10) days of notification upon him/her of the judgment.

If the person tried in absentia is not personally

pas sans raison valable alors que l'accusé est en détention provisoire, la juridiction ordonne sa mise en liberté provisoire et statue sur l'affaire même en l'absence de l'Organe National de Poursuite sauf si l'accusé est poursuivi pour crime. Si, en cas de crime, l'Organe National de Poursuite ne comparaît pas pour trois (3) fois consécutives, l'accusé est libéré et la procédure se poursuit l'accusé étant en liberté même en l'absence de l'Organe National de Poursuite.

**<u>Article 168</u>: Signification d'un jugement rendu par défaut**

Le jugement rendu par défaut est légalement signifié par exploit indiquant la date et le lieu du jugement, la juridiction qui l'a rendu, les motifs et base légale, l'identification des parties, les prétentions et le dispositif du jugement.

La signification est faite par le greffier, l'huissier ou toute autre personne dûment autorisée.

**<u>Article 169</u>: Délai d'opposition**

La personne condamnée par défaut peut faire opposition au jugement dans un délai de dix (10) jours à compter du jour où le jugement lui est signifié.

Lorsque la signification n'est pas faite à la

urubanza, ashobora gusaba ko rusubirwamo mu minsi icumi (10) ibarwa kuva igihe nyir'ubwite yaboneye imenyesha ry'urubanza.

Iyo nta bimenyetso bigaragaza ko uwaciriwe urubanza adahari yabonye imenyesha ashobora gusaba kurusubirishamo kugeza igihe cy'ubusaze bw'igihano no kugeza igihe urubanza rurangirijwe ku byerekeye indishyi.

**<u>Ingingo ya 170</u>: Gusubirishamo urubanza rwaciwe uregwa adahari**

Gusubirishamo urubanza rwaciwe uregwa adahari, bishobora kwandikwa ku rupapuro rw'imenyesharubanza cyangwa bikavugirwa mu bwanditsi bw'urukiko rwaciye urubanza cyangwa nyirugusaba ko rusubirwamo akandikira umwanditsi w'urwo rukiko ibaruwa imenyesha ko abisaba.

Uregwa waciriwe urubanza adahari ashobora kandi gusubirishamo urubanza yandikiye Perezida w'urukiko.

Umunsi iyo baruwa yakiriweho n'umwanditsi w'urukiko, ni wo wemerwaho ko uwaciriwe urubanza adahari yasabye ko rusubirwamo.

Uwo munsi umwanditsi w'urukiko aboneyeho iyo baruwa, ayandikaho itariki ayiboneyeho akabimenyesha uwasabye ko rusubirwamo.

notified with the judgment, he/she may file an opposition within ten (10) days after the judgment is served upon him/her personally.

If there is no evidence that the judgment was notified on the person tried in absentia personally, he/she may file an opposition until the expiry of the limitation period for the enforcement of the penalty and until the execution of the judgement in case of civil claims.

**<u>Article 170</u>: Opposition to a judgment pronounced in absentia**

Opposition to a judgment pronounced in absentia may be filed by a written statement made on the writ used to notify the judgment or through a statement made in the registry of the court that pronounced the judgment or by a letter addressed to the court registrar by the person filing opposition.

A person tried in absentia may also file an opposition by a letter to the President of the court.

The date of receipt of the letter by the court registrar shall be deemed to be the date on which opposition is filed by the person tried in absentia.

The court registrar upon receiving the letter shall put the date of receipt thereon and inform the person filing opposition accordingly.

personne jugée, l'opposition au jugement peut être faite dans un délai de dix (10) jours à compter de la signification du jugement à la personne jugée.

Si rien ne prouve que le jugement a été notifiée à la personne jugée, celle-ci peut faire opposition jusqu'à l'expiration des délais de prescription de la peine et jusqu'à l'exécution du jugement quant aux condamnations civiles.

**<u>Article 170</u>: Opposition à un jugement rendu par défaut**

L'opposition à un jugement rendu par défaut peut être faite par déclaration sur l'acte de signification du jugement ou par déclaration au greffe de la juridiction qui a rendu le jugement ou par une lettre adressée au greffier de la même juridiction par la personne qui forme opposition.

Une personne jugée par défaut peut également former opposition par lettre adressée au Président de la juridiction.

La date de réception de la lettre par le greffier de la juridiction est réputée être la date à laquelle l'opposition est formée par la personne jugée par défaut.

Le jour même où il reçoit la lettre, le greffier y inscrit la date de réception et en informe l'opposant.

Umwanditsi w'urukiko aherako amenyesha Ubushinjacyaha, uregwa cyangwa uwaregeye urukiko atisunze Ubushinjacyaha ko urubanza rwasabiwe gusubirwamo.

**Ingingo ya 171: Kwakira isubirishamo ry'urubanza**

Gusubirishamo urubanza byemerwa gusa iyo uregwa utaritabye mbere ashobora kugaragaza impamvu idasanzwe kandi ikomeye yamubujije kwitaba.

Urukiko rwaregewe ni rwo rugena mu bushishozi bwarwo agaciro ruha impamvu itanzwe yatumye umuburanyi atitaba.

**Ingingo ya 172: Usubirishamo urubanza ntiyitabe**

Iyo uwasabye ko urubanza rwaciwe adahari rusubirwamo yongeye kutitaba, kurusubirishamo ntibiba bicyemewe. Uwabisabye ntashobora kongera gusaba ko rusubirwamo cyangwa ngo yongere kurwanga inshuro ya kabiri (2) arusabira gusubirwamo.

Uwasabye ko urubanza rwaciwe adahari rusubirwamo ategetswe kwitaba ku giti cye, iyo no mu rubanza rwaciwe adahari yari ategetswe kuba ahari, cyangwa igihe urubanza rwaciwe adahari rwategetse ko kugira ngo gusaba ko rusubirwamo byemerwe, nyir'ukubisaba agomba kurubonekamo.

The court registrar shall immediately inform the Public Prosecution, the accused or the person who filed an action by way of private prosecution of the filing of opposition.

**Article 171: Admissibility of an opposition**

An opposition shall be admissible only if the person who failed to appear gives an exceptional and serious reason that prevented him/her from appearing.

The court before which an opposition is filed shall have full discretion to determine whether the reason given for non-appearance is warranted.

**Article 172: Non- appearance of a person who files an opposition**

If a person who files an opposition again fails to appear, such opposition shall become null. Such a person shall neither file a new opposition nor file an opposition to a judgment rendered on an opposition.

A person who files an opposition must appear in person, if he/she was ordered to do so in the judgment rendered in absentia or the judgment rendered in absentia ordered his/her personal appearance as a condition for admissibility of an opposition.

Le greffier notifie immédiatement l'opposition à l'Organe National de Poursuite, au prévenu ou à la personne qui a intenté une action par voie de citation directe.

**Article 171: Recevabilité de l'opposition**

L'opposition n'est recevable que si la partie défaillante excipe une raison exceptionnelle et grave qui justifie sa défaillance antérieure.

La juridiction saisie apprécie souverainement la cause de défaillance alléguée.

**Article 172: Défaut de l'opposant**

Si l'opposant ne comparaît pas, l'opposition est non avenue. L'opposant ne peut ni la renouveler ni faire opposition au jugement sur l'opposition.

L'opposant est tenu de comparaître en personne dans le cas où il y était déjà tenu dans le jugement par défaut ou lorsque le jugement par défaut en fait une condition de recevabilité de l'opposition.

**<u>Ingingo ya 173</u>: Kurangiza urubanza rwaciwe uregwa adahari**

Urubanza rwaciwe uregwa adahari, irangiza ryarwo riba rihagaritswe kugeza igihe giteganyijwe n'ingingo ya 169 y'iri tegeko kirangiye; kandi, iyo urubanza rwasabiwe gusubirwamo, irangiza ryarwo riba rihagaritswe kugeza igihe rwongereye gucibwa.

Na none kandi gukurikirana mu rukiko rwajuririwe urubanza rw'ibihano rwaciwe ushinjwa adahari, biba bihagaritswe, iyo rukurikiranywe n'Ubushinjacyaha, utegetswe kuriha cyangwa n'uburana indishyi.

Icyakora urukiko rwaciye urubanza ushinjwa adahari, rushobora no gutegeka mu gihe icyaha kimuhamye, ko azahita afatwa agafungwa nubwo bwose yasubirishamo urubanza.

Urukiko rushobora kandi no gutegeka ko uwahamwe n'icyaha afatwa agafungwa niba habonetse impamvu zikomeye kandi zidasanzwe, zikagaragarizwa urukiko rwaciye urubanza uregwa adahari.

**<u>Article 173</u>: Execution of a judgement pronounced in absentia**

The execution of a judgement pronounced in absentia shall be stayed until the time limits provided for under Article 169 of this Law expire. Also, the execution of the judgement in respect of which an opposition is filed shall be stayed until the case is retried.

Likewise, an appeal by the Public Prosecution, a person ordered to pay damages or a person claiming for damages against a penalty imposed by a judgment in the absence of the accused shall be stayed.

However, the court having rendered the judgment in the absence of the accused may order immediate arrest of the person found guilty even though he/she may file an opposition.

The court may also order immediate arrest of the person found guilty when there are serious and exceptional reasons given to the court having rendered the judgment in the absence of the accused.

**<u>Article 173</u>: Exécution du jugement rendu par défaut**

Il est sursis à l'exécution du jugement rendu par défaut jusqu'à l'expiration du délai fixé par l'article 169 de la présente loi et, en cas d'opposition, jusqu'au jugement sur cette opposition.

Il est de même sursis à la poursuite de la procédure en appel engagée par l'Organe National de Poursuite, la partie civilement responsable ou la partie civile contre un jugement de condamnation prononcé par défaut à l'égard de l'accusé.

Toutefois, la juridiction qui a rendu le jugement par défaut à l'égard de l'accusé peut ordonner l'arrestation immédiate de la personne reconnue coupable quand bien même elle peut se pourvoir en opposition.

La juridiction peut également ordonner l'arrestation immédiate de la personne reconnue coupable lorsqu'il existe des raisons sérieuses et exceptionnelles présentées à la juridiction qui a rendu le jugement par défaut à l'égard de l'accusé.

**Ingingo ya 174: Inkurikizi zo kwemera gusubirishamo urubanza rwaciwe ushinjwa adahari**

Igihe urubanza rwasabiwe gusubirwamo n'ushinjwa waruciriwe adahari akabyemererwa, urubanza rwaciwe adahari nta gaciro ruba rugifite, urukiko rwongera kuburanisha bundi bushya urubanza mu ngingo zarwo zose.

Buri gihe amagarama yose y'urubanza yatangiwe kurusubirishamo habariwemo ikiguzi cya matolewo n'imenyesha ry'urubanza rwaburanishijwe adahari, atangwa n'uwasabye ko urubanza rusubirwamo niba impamvu zatumye atitaba ari we zaturutseho.

**UMUTWE WA II : UBUJURIRE**

**Ingingo ya 175: Uburenganzira bwo kujurira**

Uburenganzira bwo kujurira bufitwe na:

1° uwahamwe n'icyaha;

2° utegetswe kuriha;

3° uwaregeye kurihwa cyangwa abahawe indishyi batiriwe bayaka ariko ku byerekeye ibirihwa gusa;

4° Ubushinjacyaha.

**Article 174: Effects of the admissibility of opposition filed by an accused tried in absentia**

If an opposition filed by the accused tried in absentia becomes admissible, the judgement in absentia shall be revoked and the court retries the case in its entirety.

In any case, any court fees incurred as a result of an opposition including the costs of acquiring a copy of the judgment in absentia and its service shall be borne by the person filing an opposition if reasons for his/her failure to appear are attributable to him/her.

**CHAPTER II: APPEAL**

**Article 175: Right to appeal**

The right to appeal shall be exercised by the following :

1° a person convicted;

2° a person liable to pay damages;

3° a person claiming for damages or persons who have been automatically awarded damages, solely for their civil interests;

4° the Public Prosecution.

**Article 174: Effets de la recevabilité de l'opposition formée par un accusé jugé par défaut**

Lorsque l'opposition émane de l'accusé jugé par défaut et qu'elle est reçue, le jugement par défaut est anéanti et la juridiction statue à nouveau sur l'ensemble de l'affaire.

Dans tous les cas, les frais et dépens causés par l'opposition, y compris le coût de l'expédition et de la signification du jugement par défaut, sont laissés à charge de la partie opposante lorsque le défaut lui est imputable.

**CHAPITRE II: APPEL**

**Article 175: Droit d'interjeter appel**

Le droit d'interjeter appel appartient :

1° au condamné;

2° à la personne déclarée civilement responsable;

3° à la partie civile ou aux personnes auxquelles des dommages-intérêts ont été alloués d'office, quant à leurs intérêts civils seulement;

4° à l'Organe National de Poursuite.

Uretse abavugwa mu gace ka 4° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo, Ubujurire bw'abavugwa muri icyo gika, bushobora gutangwa n'ababunganira cyangwa ababahagariye bemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 176: Igihe cyo kujurira**

Kujurira bigomba gukorwa mu gihe kitarenga ukwezi kumwe (1) uhereye ku itariki urubanza rwaciriweho ku muburanyi wari uhari cyangwa ahagarariwe igihe urubanza rwacibwaga.

Icyo gihe gikurikizwa kandi ku muburanyi wamenyeshejwe mu buryo bwemewe n'amategeko, umunsi urubanza ruzacibwaho ntaze cyangwa ngo yohereze umuhagarararira.

Kujurira bikorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) uhereye ku itariki urubanza rwamenyesherejwe umuburanyi utari uhari igihe rwacibwaga kimwe n'utaramenyeshejwe umunsi ruzacibwaho kandi yaraburanye.

**Ingingo ya 177: Uburyo bwo kujurira**

Umuntu ashobora kujurira, abyanditse ku imenyesha ry'urubanza akabivuga mu bwanditsi bw'urukiko rwaciye urubanza, cyangwa mu bwanditsi bw'urukiko rugomba kuburanisha urubanza rw'ubujurire, cyangwa akandikira Perezida wa rumwe muri izo nkiko zombi ibaruwa imumenyesha ko ajuriye.

With the exception of the persons provided for under item 4° of Paragraph One of this Article, persons provided under the preceding Paragraph may file an appeal through their legal counsels or legally recognized representatives.

**Article 176: Time limits for filing an appeal**

An appeal must be filed within a period of one (1) month from the pronouncement of the judgement with respect to a party that was present or represented at the pronouncement of the judgement.

Such time limits shall apply to a party duly notified of the date of judgment but fails to appear or to send a representative.

An appeal shall be filed within a period of one (1) month from the date the judgment was notified to the party who was not present at the pronouncement or the party who attended hearing but was not informed of the date of pronouncement.

**Article 177: Forms of appeal**

A person may appeal through a written statement made on the document used to serve the judgment and a statement made in the registry of the court having delivered the judgment or registry of the court expected to hear the appeal or by a written notice of appeal to the President of either of both courts.

Sauf les personnes mentionnées au point 4° de l'alinéa premier du présent article, les personnes qui ont le droit d'interjeter appel peuvent le faire par l'intermédiaire de leurs avocats ou représentants légaux.

**Article 176: Délai d'appel**

L'appel doit être interjeté dans un **(**1**)** mois à compter de la date du prononcé du jugement pour la partie qui était présente ou représentée au prononcé du jugement.

Le même délai s'applique à la partie qui, ayant été légalement avisée du jour du prononcé, ne s'y est point présentée ni fait représenter.

Le délai d'appel est d'un (1) mois à partir de la date de la signification du jugement pour la personne qui n'était pas présente le jour du prononcé ainsi que pour la partie qui, après débat contradictoire, n'a pas été avisée du jour du prononcé.

**Article 177: Forme d'interjeter l'appel**

L'appel peut être fait, soit par déclaration en réponse sur l'acte de signification ou soit par déclaration au greffe de la juridiction qui a rendu le jugement ou de la juridiction qui doit connaître de l'appel, soit par lettre adressée au Président de l'une ou l'autre de ces juridictions.

Inyandiko ijurira igomba kuba kandi iriho umukono w'ujurira ubwe, uw'umwunganira cyangwa umuhagarariye. Iyo ujurira adashobora gushyiraho umukono we, umwanditsi w'Urukiko arabyandika, akamuteza igikumwe.

Itariki umwanditsi w'urukiko aboneyeho ibaruwa ni yo yemeza umunsi w'ijurira. Umunsi aboneyeho urwo rwandiko, umwanditsi w'urukiko arwandikaho itariki aruboneyeho kandi akayimenyesha uwajuriye.

Umwanditsi w'urukiko cyangwa umuhesha w'inkiko ni bo bamenyesha ababuranyi ko urubanza rwajuririwe.

Iyo ujuriye afunze, ubujurire bwe ashobora kubukorera muri gereza mu nyandiko yandikira umwanditsi w'urukiko abinyujije ku muyobozi wa gereza. Uyu muyobozi ashyira umukono kuri urwo rwandiko agaragaza itariki arushyikirijweho ari na yo ifatwaho umunsi w'ijurira. Yihutira kohereza ubwo bujurire urukiko rugomba kububuranisha.

**<u>Ingingo ya 178</u>: Ibigize inyandiko ijurira**

Inyandiko yo kujurira igomba kugaragaza:

1° amazina y'umuburanyi n'aho atuye cyangwa acumbitse;

2° muri make uko ikibazo giteye n'impamvu ujurira ashingiraho ajurira.

The appellant, his/her legal counsel or representative must sign the statement of appeal. If the appellant is unable to sign, the court registrar shall mention it and cause him/her to affix his/her fingerprint.

The date on which the court registrar receives the letter shall be deemed the date of appeal. The court registrar, upon receiving the letter, shall note on the letter the date of receipt and notify the date to the appellant.

The court registrar or bailiff shall inform parties of the appeal.

If the appellant is in prison, he/she may file the appeal by writing a letter to the court registrar through the prison director. The prison director shall sign on the letter by noting on it the date of receipt which shall be deemed the date of appeal. The prison director shall immediately submit the appeal to the court expected to hear the appeal.

**<u>Article 178</u>: Content of the statement of appeal**

The statement of appeal must:

1° indicate the names, domicile or residence of the appellant;

2° indicate the summary of facts and grounds for appeal.

La déclaration d'appel doit être signée par l'appelant, son avocat ou son représentant. Si l'appelant est incapable de signer, le greffier en fait mention et l'appelant appose son empreinte digitale.

La date de la réception de la lettre par le greffier détermine la date d'appel. Le greffier qui reçoit la lettre y inscrit la date où il l'a reçue et la notifie à l'appelant.

L'appel est notifié aux parties au procès par le soin du greffier ou de l'huissier.

Lorsque l'appelant est en prison, il peut faire sa déclaration d'appel au moyen d'une lettre remise au directeur de la prison. Le directeur de la prison signe la lettre et précise la date de la réception, qui est considérée comme la date d'appel. Il doit transmettre cette déclaration sans délai à la juridiction qui doit connaître de l'appel.

**<u>Article 178</u> : Contenu de la déclaration d'appel**

La déclaration d'appel doit:

1° indiquer les noms, domiciles et résidences de l'appelant ;

2° contenir un résumé des faits et les moyens d'appel.

Ibikubiye muri iyo nyandiko byandikwa mu gitabo cyabigenewe, kandi buri muburanyi afite uburenganzira bwo guhabwa kopi yayo.

Iyo kujurira bikorewe mu bwanditsi bw'Urukiko rwaciye urubanza rujuririrwa, umwanditsi w'urwo rukiko, yihutira kubimenyesha Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwajuririwe, akanamwohereza dosiye yuzuye.

**<u>Ingingo ya 179</u>: Uburyo bwo guhererekanya inyandiko z'iburanisha**

Umwanditsi w'urukiko rwaciye urubanza yohereza, vuba na bwangu, Umwanditsi Mukuru w'urukiko rwajuririwe inyandiko z'iburanisha na matolewo y'urubanza rwajuririwe.

**<u>Ingingo ya 180</u>: Guhagarika irangizarubanza bitewe n'ubujurire**

Irangizwa ry'urubanza riba rihagaritswe kugeza ku munsi igihe cyo kujurira kirangiriraho cyangwa niba umuntu yarajuriye, kugeza igihe hafatiwe icyemezo kuri ubwo bujurire.

Kujuririra indishyi ntibihagarika irangiza ry'ibihano uwatsinzwe yakatiwe.

The content of the statement of appeal shall be entered in a register reserved for that purpose and each of the parties shall have the right to be given a copy of the statement.

If the appeal is filed in the registry of the court that rendered the judgment subject to appeal, the registrar of the same court shall immediately notify the Chief Registrar of the court seized of the appeal and forward to him/her the complete case file.

**<u>Article 179</u>: Submission of the records of hearing**

The registrar of the court having rendered the judgement shall immediately submit records of hearing and copy of the judgment subjected to appeal to the Chief Registrar of the court seized of the appeal.

**<u>Article 180</u>: Suspension of the execution of judgement in the appeal time limit**

The execution of a judgement shall be stayed until the expiration of the time limits for appeal and if the appeal is filed, until the decision on appeal is rendered.

The appeal against the award of damages shall not stay the execution of criminal convictions.

La déclaration d'appel est inscrite au registre réservé à cet effet et toute partie au procès a le droit de s'en faire délivrer une copie.

Lorsque l'appel est fait au greffe de la juridiction qui a rendu la décision attaquée, le greffier de cette juridiction en informe immédiatement le greffier en chef de la juridiction qui doit connaître de l'appel et lui communique le dossier complet.

**<u>Article 179</u>: Transmission des dossiers d'audience**

Le greffier de la juridiction qui a rendu le jugement attaqué, transmet sans délai les dossiers d'audience et la copie du jugement attaqué au greffier en chef de la juridiction saisie de l'appel.

**<u>Article 180</u>: Effet suspensif d'appel**

Il est sursis à l'exécution du jugement jusqu'à l'expiration des délais d'appel et, en cas d'appel, jusqu'à la décision sur cet appel.

L'appel interjeté quant aux intérêts civils ne fait pas obstacle à l'exécution des condamnations pénales.

**Ingingo ya 181: Urubanza rwemeza ko nta kigomba kuburanishwa**

Iyo nyuma yo kujurira bigaragaye ko ubujurire budafite impamvu kubera ubusaze bw'ikurikiranacyaha cyangwa se uwajuriye yisubiyeho akareka ubujurire bwe, Urukiko rwajuririwe ruca urubanza rwemeza ko nta kigomba kuburanishwa.

**Ingingo ya 182 : Gufungurwa ako kanya kabone n'iyo haba habayeho ubujurire**

Ushinjwa wari ufunzwe by'agateganyo, urukiko rukamugira umwere cyangwa rukemeza ko igifungo cye gisubikwa cyangwa rukamuca ihazabu yonyine, afungurwa ako kanya kabone n'iyo habayeho ubujurire, keretse iyo agifungiwe ikindi cyaha yamenyeshejwe kandi akurikiranyweho mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

Ni na ko bigenda k'ushinjwa wari ufunze, wakatiwe igihano cy'igifungo, mu gihe cyose icyo gifungo yakatiwe kiri munsi cyangwa kingana n'igihe amaze afunze by'agateganyo.

Icyakora, iyo uwashinjwaga akurikiranyweho icyaha cya Jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu, ibyaha by'intambara, ibyaha byo guhohotera umwana, ibyaha bigamije guhungabanya umutekano w'Igihugu cyangwa w'ibindi bihugu, ibyaha by'iterabwoba, ibyaha byo kugambanira Igihugu n'ibyaha by'ubutasi, kandi hari ibimenyetso bifatika ko gufungurwa kwe

**Article 181: Decision on inadmissibility of the case**

The court seized of the appeal shall dismiss the appeal, if the appeal has become pointless because of prescription of the criminal action or withdrawal of the appeal by the appellant.

**Article 182: Immediate release notwithstanding appeal**

The accused held in provisional detention who is acquitted or whose penalty has been suspended or sentenced to pay a fine only, shall be immediately released notwithstanding appeal unless he/she is held in detention on another charge of which he/she was informed and in respect of which he/she is prosecuted in accordance with this Law.

The same shall apply to the accused held in provisional detention sentenced to a term of imprisonment which is less than or equal to the time he/she spent in provisional detention.

However, the Public Prosecution may, after filing an appeal, petition the court seized of the appeal to order again provisional detention until the final judgement on appeal, if the accused is suspected of having committed the crime of genocide, crimes against humanity, war crimes, violence against minors, crimes against national security or against security of other states,

**Article 181: Décision de non-lieu sur l'irrecevabilité de l'affaire**

La juridiction saisie de l'appel rend un jugement de non-lieu si l'appel interjeté devient dans la suite sans objet en raison de la prescription de l'action publique ou du désistement d'appel par l'appelant.

**Article 182: Libération immédiate nonobstant appel**

L'accusé qui, au moment du jugement, est en état de détention provisoire et qui est acquitté ou condamné à une peine assortie de sursis ou condamné seulement à une amende, est mis immédiatement en liberté, nonobstant appel, à moins qu'il ne soit détenu pour un autre chef d'infraction qui lui a été notifié et par laquelle il est poursuivi conformément à la présente loi.

Il en est de même de l'accusé en détention provisoire, lorsqu'il est condamné à une peine inférieure ou égale à la durée qu'il a passée en détention provisoire.

Néanmoins, l'Organe National de Poursuite peut, après avoir interjeté appel, demander à la juridiction d'appel d'ordonner une nouvelle détention provisoire de l'accusé acquitté jusqu'à ce qu'il soit statué sur l'appel lorsqu'il est poursuivi pour crime de génocide, crimes contre l'humanité, crime de guerre, violences faites aux enfants, crimes portant atteinte à la sûreté de

kwahungabanya umutekano rusange, Ubushinjacyaha bushobora, bumaze kujurira, gusaba Urukiko rwajuririwe ko yongera gufungwa by'agateganyo kugeza igihe urubanza rwajuririwe ruciriwe.

Muri icyo gihe, uwari ukurikiranyweho icyaha wagizwe umwere akomeza kuba afunzwe by'agateganyo mu gihe hagitegerejwe icyemezo cy'Urukiko kuri icyo kibazo.

Ubushinjacyaha bubikora mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe urubanza rwasomeweho. Uko gusaba k'Ubushinjacyaha gufatwaho icyemezo n'Urukiko rwajuririwe mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), uhereye umunsi n'isaha rwakiriweho.

**<u>Ingingo ya 183</u>: Ushinjwa uburana adafunze**

Iyo ushinjwa icyaha aburana adafunze, agakatirwa igihano cy'igifungo, aguma kuburana adafunze iyo yajuririye icyo cyemezo, keretse iyo urukiko rwategetse ko ahita afatwa agafungwa.

Ashobora gufatwa kandi agafungwa iyo habonetse impamvu zikomeye kandi zidasanzwe, zikagaragarizwa urukiko rwajuririwe.

terrorism or treason and espionage when there is compelling evidence that the release of the accused may disrupt public order.

In that case, the accused who is acquitted shall remain in detention until the appellate court decides on the petition of the Public Prosecution.

The Public Prosecution shall file such a petition within a period of forty eight (48) hours from the pronouncement of the judgement. The court seized of the appeal shall decide on the petition within forty eight (48) hours from the date and time of receipt of the petition.

**<u>Article 183</u>: An accused tried while free**

If the accused remaining free during trial is sentenced to imprisonment, he/she shall remain free during trial if he/she has filed an appeal against the penalty unless the court orders his/her immediate arrest.

He/she may be arrested and detained if there are serious and exceptional reasons given to the court seized of the appeal.

l'Etat ou d'autres Etats, crimes de terrorisme, crimes de trahison ou d'espionnage et s'il y a des preuves convaincantes que sa libération peut porter atteinte à l'ordre public.

Dans ce cas, le prévenu acquitté reste en détention provisoire en attendant que la juridiction d'appel se prononce sur la demande de l'Organe Nationale de Poursuite.

L'Organe National de Poursuite formule la demande dans un délai de quarante-huit (48) heures à compter du jour du prononcé du jugement. La juridiction d'appel statue sur cette demande dans les quarante-huit (48) heures à compter du jour et de l'heure de la réception de la demande.

**<u>Article 183</u>: L'accusé jugé étant en liberté au moment du jugement**

L'accusé qui, au moment du jugement, est en état de liberté et est condamné à un emprisonnement, demeure en état de liberté en cas d'appel à moins que la juridiction n'ait ordonné son arrestation immédiate.

L'accusé peut être arrêté et détenu si des circonstances graves et exceptionnelles présentées à la juridiction d'appel le justifient.

**<u>Ingingo ya 184</u>: Ushinjwa ukomeza gufungwa nubwo yaba yajuriye**

Ushinjwa wari ufunze mbere yo gucirwa urubanza rwategetse ko afungwa, akomeza gufungwa nubwo yaba yarajuriye.

Ariko ashobora gusaba urukiko rwajuririwe kumufungura by'agateganyo.

**<u>Ingingo ya 185</u>: Kujyana uwaciriwe urubanza aho urukiko rugomba kuburanisha ubujurire rukorera**

Uciriwe urubanza yari afunzwe by'agateganyo cyangwa uwo urukiko rutegetse ko afungwa ako kanya akimara gucirwa urubanza ajyanwa gufungirwa muri gereza iri hafi y'aho urukiko ruzaburanisha ubujurire rukorera, iyo yasabye kujya kuruburaniramo ubwe cyangwa rwarategetse ko ari we uzarwitaba ku giti cye.

**<u>Ingingo ya 186</u>: Ubujurire bw'urubanza rufunga cyangwa rutegeka indishyi**

Ushinjwa ashobora kujuririra urubanza rwose rumufunga cyangwa rumuca indishyi.

Ushinjwa ashobora no kujuririra gusa kimwe mu byo yari akurikiranyweho cyangwa kimwe gusa mu bihano yahawe.

**<u>Article 184</u>: Accused in detention notwithstanding his/her appeal**

The accused held in provisional detention whose detention is ordered following a judgment shall remain in detention notwithstanding his/her appeal.

However, he/she may petition the court seized of the appeal to grant him/her provisional release.

**<u>Article 185</u>:Transferring the convict to the seat of the court seized of the appeal**

A person convicted while held in provisional detention or whose immediate arrest is ordered by the court in its judgment shall be transferred to the nearest prison to the court expected to hear the appeal if he/she requested to appear in person before that court or the court ordered his/her personal appearance.

**<u>Article 186</u>: Appeal against a criminal or a civil conviction**

The accused may appeal against a criminal or a civil conviction pronounced against him/her.

The accused may appeal against some of the charges or penalties against him/her.

**<u>Article 184</u>: Accusé demeure en détention nonobstant appel**

L'accusé qui était en état de détention provisoire dont la détention est ordonnée par le jugement de condamnation, demeure en détention même s'il fait appel.

Toutefois, il peut demander à la juridiction d'appel la liberté provisoire.

**<u>Article 185</u>: Transfert du condamné au siège de la juridiction d'appel**

Le condamné qui se trouvait en état de détention provisoire ou dont l'arrestation immédiate est ordonnée par le jugement de condamnation est transféré à la prison proche du siège de la juridiction qui doit connaître de l'appel, s'il a demandé à comparaître en personne devant cette juridiction ou si celle-ci a ordonné sa comparution personnelle.

**<u>Article 186</u>: Appel contre un jugement prononçant une condamnation pénale ou civile**

L'accusé peut interjeter appel contre tout le jugement qui prononce à sa charge une condamnation pénale ou civile.

L'accusé peut limiter son appel à un seul chef d'accusation ou à un seul chef de condamnation.

Icyakora, iyo ushinjwa yajuriye wenyine, urukiko rw'ubujurire ntirushobora kongera igihano yari yagenewe mu rwego rwa mbere.

Uwajuriye ashobora no kureka ikirego cye cy'ubujurire aho urubanza rwaba rugeze hose rupfa gusa kuba rutarapfundikirwa burundu.

Ikirego cy'ubujurire gishobora no gusibwa iyo uwajuriye atitabye urukiko nta mpamvu cyangwa se ikirego kimaze amezi atandatu (6) ataraza gusaba ko kiburanishwa.

Ubushinjacyaha bushobora kureka ikirego cy'ubujurire mu gihe busanga atari ngombwa gukurikirana uwo bwakekagaho icyaha.

**Ingingo ya 187: Ubujurire bw'indishyi mu gihe ushinjwa yagizwe umwere**

Uregera indishyi ajuririra urubanza rwaciwe ku byerekeranye n'indishyi gusa.

Icyakora, kuba ushinjwa yagizwe umwere mu rwego rwa mbere ntibibuza abaregera indishyi kuba bazijuririra mu rwego rw'ubujurire. Muri icyo gihe, iyo uregera indishyi ajuriye, urubanza rwose rwongera gusuzumwa mu mizi yarwo.

**Ingingo ya 188: Ubujurire bw'uregwa indishyi**

Uregwa indishyi ashobora kujuririra urubanza rwamutegetse kwishyura indishyi. Ubujurire bwe

However, if he/she is the only person having filed an appeal, the appellate court cannot increase the penalty imposed in the first instance.

The appellant may at any stage of the proceedings withdraw his/her appeal until the proceedings are closed.

An appeal may also be cancelled if the appellant fails to appear without valid reason or to request for the setting of the date of hearing within six (6) months of the filing of the appeal.

The Public Prosecution may withdraw the appeal if it considers unnecessary to prosecute the accused.

**Article 187: Appeal against the civil conviction in case of acquittal of the accused**

The party claiming for damages shall appeal only with respect to the civil conviction.

However, the acquittal of the accused in the first instance shall not be an obstacle for the civil parties to seek damages on appeal. In that case, if the civil party appeals, the appellate court shall re-examine the entire case on the merits.

**Article 188: Appeal by the person liable for damages**

A person liable for damages may appeal against the civil conviction. His/her appeal shall be

Néanmoins, si l'appel est formulé par le seul condamné, la juridiction d'appel ne peut aggraver la condamnation imposée par la juridiction de première instance.

L'appelant peut se désister de son appel en tout état de cause aussi longtemps que les débats ne sont pas encore clos.

L'appel peut aussi être radié si l'appelant ne comparaît pas sans raison valable ou si une période de six (6) mois vient d'expirer sans qu'il ait demandé la fixation de l'affaire.

L'Organe National de Poursuite peut se désister de son appel lorsqu'il juge inopportun l'exercice de l'action.

**Article 187: Appel pour intérêts civils en cas d'acquittement du prévenu**

La partie civile interjette appel seulement pour ce qui concerne les intérêts civils.

Toutefois, l'acquittement du prévenu au premier degré ne constitue pas un obstacle à la poursuite de l'action civile en appel. Dans ce cas, lorsque la partie civile interjette appel, la juridiction d'appel statue à nouveau sur l'ensemble de l'affaire.

**Article 188: Appel de la partie civilement responsable**

La partie civilement responsable peut interjeter appel contre la condamnation civile. Son appel

bureba gusa ibijyanye n'indishyi.

**<u>Ingingo ya 189</u>: Imbibi z'icyajuririwe**

Urukiko rwajuririwe ruburanisha gusa mu mbibi z'icyajuririwe.

**<u>Ingingo ya 190</u>: Guhindura no gutesha agaciro icyemezo cyajuririwe**

Urukiko rwajuririwe, iyo rusanze rugomba guhindura icyemezo cyajuririwe, ruburanisha urwo rubanza mu mizi yarwo, keretse iyo rurutesheje agaciro ku mpamvu y'uko rwaregewe mu buryo budakurikije amategeko cyangwa ku mpamvu y'iburabubasha.

Urukiko rutesheje agaciro urubanza rwajuririwe ntiruruburanisha bundi bushya mu mizi yarwo. Ababuranyi bashobora ariko kongera kuregera bundi bushya urukiko rwo ku rwego rwa mbere mu gihe bishoboka gukosora amakosa aba yakozwe.

**<u>Ingingo ya 191</u>: Amagarama mu bujurire**

Iyo ku bujurire bw'Ubushinjacyaha bwonyine, urubanza rwajuririwe rudahindutse, amagarama aherera mu isanduku ya Leta.

Iyo igihano cyatanzwe mu rubanza rwajuririwe kigabanyijwe, ushinjwa ahererezwaho igice cy'amagarama ariko akayasonerwa yose iyo aburana afunze.

limited to civil matters.

**<u>Article 189</u>: Devolutive effect of the appeal**

The appellate court shall only hear matters indicated in the notice of appeal.

**<u>Article 190</u>: Altering and annulment of a decision subjected to appeal**

When the court seized of the appeal considers it appropriate to alter a decision subjected to appeal, it shall try the case on its merits unless it nullifies the decision on the ground of non-observance of the required case filing procedure or lack of jurisdiction.

A court nullifying the decision subjected to appeal shall not retry the case on its merits. However, parties may again seize the court of first instance of the case if it is possible to correct mistakes made before.

**<u>Article 191</u>: Court fees in case of appeal**

If an appeal is filed only by the Public Prosecution and the decision subjected to appeal is not altered, court fees shall be borne by the State Treasury.

If the penalty imposed in case of a decision subjected to appeal is reduced, the accused shall bear part of the court fees but he/she is fully exempt from paying such fees if he/she is tried while in detention.

porte uniquement sur les seuls intérêts civils.

**<u>Article 189</u>: Effet dévolutif d'appel**

L'affaire est dévolue à la juridiction d'appel dans la limite fixée par l'acte d'appel.

**<u>Article 190</u>: Réformation et annulation de la décision appelée**

Quand la juridiction d'appel décide de réformer la décision appelée, elle connaît du fond de l'affaire, sauf en cas d'annulation pour motif de saisine irrégulière ou d'incompétence.

La juridiction d'appel qui annule la décision appelée ne connaît pas le fond de l'affaire. Toutefois, les parties peuvent saisir encore la juridiction de premier degré dans le cas où il est possible de corriger les erreurs commises.

**<u>Article 191</u>: Frais d'appel**

Lorsque, sur l'appel de l'Organe National de Poursuite seul, le jugement appelé est confirmé, les frais d'appel sont mis à charge du Trésor Public.

Lorsque la peine est réduite, le jugement appelé ne met à charge du condamné qu'une partie des frais mais il en est déchargé entièrement lorsqu'il est jugé étant en situation de détention.

Iyo mu rubanza harimo n'uregera indishyi, ni we uhererezwaho amagarama y'urubanza hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 163 y'iri tegeko mu gika cyayo cya mbere keretse iyo indishyi yagenewe mu rubanza rwajuririwe zongerewe mu rwego rw'ubujurire.

**UMUTWE WA III: GUSUBIRISHAMO URUBANZA INGINGO NSHYA**

**Ingingo ya 192: Igisobanuro cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya**

Gusubirishamo urubanza ingingo nshya ni ugushaka ko urubanza rwaciwe burundu ruvanwaho rukongera gusuzumwa bundi bushya mu gihe rwubahirije imwe mu mpamvu zivugwa mu ngingo ya 194 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 193: Abashobora gusubirishamo urubanza ingingo nshya**

Gusubirishamo urubanza nshinjabyaha ingingo nshya bishobora gukorwa n'aba bakurikira:

1° Ubushinjacyaha cyangwa uwakorewe icyaha iyo Ubushinjacyaha butabikoze;

2° Uwahamwe n'icyaha.

Iyo uwaciriwe urubanza cyangwa uwakorewe icyaha yapfuye cyangwa yazimiye, gusaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya bishobora gukorwa n'uwo bashakanye, umwana we cyangwa abandi amategeko yemerera kumuzungura, abo

When there is a civil party to the proceedings, the civil party shall bear the fees in accordance with the provisions of Paragraph One of Article 163 of this Law unless the amount of damages awarded to him/her in the case subjected to appeal is increased on appeal.

**CHAPTER III: APPLICATON FOR REVIEW**

**Article 192: Definition of review**

Review means a procedure that aims to annul a judgment that has become final and re-try the case due to either of the grounds provided under Article 194 of this Law.

**Article 193: Persons who may apply for review**

The application for review may be filed by the following:

1° the Public Prosecution or the victim if the Public Prosecution does not do so;

2° the convicted person.

If the convicted person or the victim of the offense is dead or declared missing, the application for review may be filed by his/her spouse, child or other legally recognized heirs or legatees or those who received from him/her

S'il y a partie civile en cause, celle-ci supporte les frais d'appel selon les dispositions de l'alinéa premier de l'article 163 de la présente loi, sauf si les dommages-intérêts qui lui étaient alloués sont majorés au degré d'appel.

**CHAPITRE III: RECOURS EN RÉVISION**

**Article 192: Définition du recours en révision**

Le recours en révision est une procédure qui tend à rétracter une décision coulée en force de chose jugée pour qu'elle soit à nouveau jugée dans l'une des conditions prévues par l'article 194 de la présente loi.

**Article 193: Personnes qui peuvent exercer le recours en révision**

Le recours en révision peut être demandée par :

1° l'Organe National de Poursuite ou la victime si l'Organe de Poursuite n'a pas agi;

2° le condamné.

En cas de la mort ou de la disparition du condamné ou de la victime, la révision peut être demandée par son conjoint, son enfant, ses successeurs légaux, ses légataires ou par ceux qui ont reçu de lui la mission expresse d'exercer le

yaraze ibye byose abakomatanyije, cyangwa abo yasize ashinze ubwo butumwa.

**Ingingo ya 194: Impamvu zituma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya**

Urubanza rushobora gusubirishwamo ingingo nshya kubera imwe muri izi mpamvu:

1° ushinjwa amaze gucirwa urubanza rw'uko yishe umuntu, hanyuma hakaboneka ibimenyetso bihagije byemeza ko uwo bakeka ko yishe atapfuye;

2° bamaze gucira ushinjwa urubanza ku cyaha yashinjwaga, hakaboneka urundi rubanza nk'urwo rwahannye undi muntu kandi rumuhanira icyo cyaha, izo manza zombi zivuguruzanya zikaba zigaragaje ko umwe mu bakatiwe yarenganye;

3° iyo habayeho ruswa muri urwo rubanza yemejwe n'urukiko kandi ikaba yaragize ingaruka ku mikirize yarwo;

4° iyo haciwe urubanza bashingiye ku mpapuro, ku buhamya cyangwa indahiro byaje kugaragara cyangwa kwemezwa n'urukiko ko ari ibihimbano nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza;

5° iyo kuva aho urubanza ruciriwe habonetse ikimenyetso cya kamarampaka kigaragaza

explicit mission to apply for review.

**Article 194: Grounds for application for review**

The application for review may be filed on the following grounds:

1° after the accused is convicted of homicide and subsequently discovered sufficient evidence showing that the person alleged to have been killed is alive;

2° after the accused is convicted of an offence, it is subsequently found that there is a judgment sentencing another person for the same offence, so that the contradiction between both judgments shows that one of the convicted persons is innocent;

3° if the court finds that corruption was involved in the case and had effects on the judgment;

4° if, the judgment is rendered based on documents, testimonies or oaths which later turn out or are subsequently declared by the court to be false;

5° if, after the judgment, conclusive evidence sufficiently showing injustice

recours en révision.

**Article 194: Causes d'ouverture du recours en révision**

Le recours en révision n'est ouvert que pour l'une des causes suivantes:

1° lorsque, après la condamnation de l'accusé pour homicide, il est découvert de suffisantes preuves qui montrent que la prétendue victime n'est pas morte;

2° lorsque, après la condamnation de l'accusé, il est découvert un autre jugement ou arrêt condamnant une autre personne pour la même infraction, la contradiction entre les deux décisions faisant preuve de l'innocence de l'un ou de l'autre condamné;

3° s'il y a eu corruption reconnue par la juridiction et qui a eu d'impact sur le jugement;

4° si on a jugé sur des pièces, témoignages ou serments ultérieurement reconnus ou judiciairement déclarés faux depuis le jugement;

5° si, depuis le jugement, il a été découvert une pièce décisive qui démontre à

neza akarengane katewe n'urubanza rusabirwa gusubirwamo; icyo kimenyetso kikaba cyari mu nyandiko zatanzwe mu rubanza ariko urukiko ntirukibone ;

6° iyo urubanza rushingiye ku byakozwe mu iburanisha bikozwe mu izina ry'umuntu utarigeze atanga ubwo bubasha mu buryo ubwo ari bwo bwose, cyangwa ngo yemere cyangwa yemeze ibyakozwe.

**Ingingo ya 195: Urukiko rufite ububasha bwo gusubirishamo urubanza ingingo nshya**

Gusubirishamo urubanza rw'inshinjabyaha ingingo nshya bisabwa mu rukiko rwaciye urubanza mu rwego rwa nyuma.

Inteko iburanisha uru rubanza igomba kuba igizwe n'abacamanza nibura batatu (3) hatarimo abaruciye mbere.

Icyemezo gifashwe mu gusubirishamo urubanza ingingo nshya nta na rimwe kijuririrwa cyangwa ngo gisubirwemo.

**Ingingo ya 196: Igihe cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya**

Igihe ntarengwa cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya rwaciwe burundu ni amezi abiri (2) kuva igihe impamvu ituma urwo rubanza rusabirwa gusubirwamo yabonekeye.

caused by the judgment subject to review is uncovered; while such evidence was submitted in the case file but was not seen by the court;

6° if the judgment is based on a proceeding taken on behalf of a person who did not explicitly or implicitly grant permission to do so or approve or confirm such a proceeding.

**Article 195: Competent court for review**

The application for review shall be filed before the court having rendered the contested judgment at last instance.

The bench must be composed of at least three (3) judges excluding those who were part of the bench which previously ruled on the same case.

The decision on the application for review shall not be subject to any procedure of appeal.

**Article 196: Time limit for application for review**

The application for review must be filed within two (2) months from the date the event giving rise to the application for review occurred.

suffisance l'injustice du jugement attaqué, alors que ladite pièce était dans le dossier mais le juge ne l'a pas vue ;

6° si la décision est fondée sur un acte de procédure accompli au nom d'une personne, sans qu'elle ait donné mandat exprès ou tacite à cette fin ou ratifié ou confirmé ce qui a été fait.

**Article 195: Juridiction compétente pour connaître du recours en révision**

Le recours en révision est porté devant la juridiction qui a rendu la décision attaquée en dernier ressort.

Le siège statuant sur ce recours doit être composé d'au moins trois (3) juges à l'exception de ceux ayant précédemment statué sur la même affaire.

La décision rendue en matière de révision n'est susceptible d'aucune voie de recours**.**

**Article 196 : Délai d'exercer le recours en révision**

Le délai de recours en révision est de deux (2) mois à compter de la date de survenance de la cause d'ouverture.

**Ingingo ya 197: Indishyi y'akababaro ishingiye ku mubabaro watewe n'igihano**

Bisabwe n'umuburanyi, urubanza rwasubirishijwemo ingingo nshya rukagaragaza ko uwatsinzwe yarenganye, urukiko rushobora kumuha indishyi y'akababaro kubera umubabaro icyo gihano kiba cyamuteye.

Iyo uwahaniwe ubusa yapfuye, uburenganzira bwo kwaka indishyi y'akababaro buhabwa, kuri ubwo buryo, abazungura be.

**INTERURO YA V: IMIBURANISHIRIZE YIHARIYE**

**UMUTWE WA MBERE: IKURIKIRANA RY'UMWANA USHINJWA ICYAHA**

**Ingingo ya 198: Ifungwa ry'umwana ukurikiranyweho icyaha**

Umwana utarageza ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko ntakurikiranwa.

Umwana ugejeje ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko arakurikiranwa ariko ntashobora gushyirwa mu mazu bafungiramo abantu bakuru bakurikiranyweho icyaha mu gihe na we agikurikiranyweho.

Icyakora, kubera impamvu zidasanzwe, umwana ufite hagati y'imyaka cumi n'ibiri (12) na cumi

**Article 197: Damages for moral prejudice caused by the penalty**

Upon request by the party applying for review, when the case subject to review shows that a person was convicted despite his/her innocence, the court may award him/her damages for moral prejudice suffered as a result of the penalty imposed on him/her.

If the person sentenced as a result of miscarriage of justice is dead, the right to apply for moral damages shall devolve under the same conditions upon his/her heirs.

**TITLE V: SPECIAL PROCEEDINGS**

**CHAPTER ONE: PROSECUTION OF A JUVENILE OFFENDER**

**Article 198: Detention of a juvenile offender**

A minor aged below fourteen (14) years shall not be subject to prosecution.

A juvenile offender aged fourteen (14) years shall be subject to prosecution but cannot be detained in the same custody facilities as adult suspects.

However, due to exceptional reasons, a minor aged between twelve (12) and fourteen (14) years

**Article 197: Dommages en raison du préjudice moral causé par la condamnation**

Sur demande de la partie qui demande la révision et que le jugement de révision décide de l'innocence de cette partie, les dommages en raison du préjudice moral causé par la condamnation peuvent être accordés.

Si la personne condamnée suite à une erreur judiciaire est décédée, le droit de demander des dommages moraux revient, dans les mêmes conditions, à ses héritiers.

**TITRE V: PROCEDURES PARTICULIERES**

**CHAPITRE PREMIER: POURSUITE D'UN MINEUR DELINQUANT**

**Article 198: Détention d'un mineur poursuivi pour infraction**

Un mineur de moins de quatorze (14) ans ne peut pas être poursuivi.

Un mineur de quatorze (14) ans accomplis qui est poursuivi pour infraction ne peut pas être placé dans les mêmes maisons d'arrêt que des personnes adultes.

Toutefois, pour des raisons exceptionnelles, un mineur âgé de douze (12) à quatorze (14) ans pour

n'ine (14) wagaragaweho bidasubirwaho ko yakoze icyaha, ashobora, kubera impamvu z'iperereza, gushyirwa mu maboko y'Ubugenzacyaha mu gihe kidashobora kurenga amasaha mirongo irindwi n'abiri (72), ibyo bigakorwa gusa mu gihe icyaha cyakozwe gihanishwa igifungo cy'imyaka itanu (5) nibura.

**Ingingo ya 199: Kugarura umwana ukurikiranywe mu nzira nziza**

Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha ushinzwe dosiye akora ibishoboka byose n'iperereza rya ngombwa hagamijwe kugaragaza ukuri n'imiterere y'umwana n'icyakorwa kugira ngo agarurwe mu nzira nziza.

Kubera izo mpamvu, ashobora kwandika inzandiko zose za ngombwa zitumira abantu cyangwa gutegeka igenzura rikozwe n'inkiko hubahirijwe amategeko asanzwe.

Umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha akoresheje iperereza, ashakisha ibimenyetso byose byerekeye ubuzima bwe bwose ari ibyerekeye imiterere ye n'uko yabayeho, imyigire ye n'imyifatire ye ku ishuri n'uko yarezwe.

Umushinjacyaha ashobora gutegeka ko asuzumwa n'abaganga, kandi bibaye ngombwa, agasuzumwa n'abaganga ku myitwarire ye. Yemeza ko umwana ashyirwa ahantu hashobora gutuma imyitwarire ye

for whom there are serious grounds for believing that he/she committed an offence, may, for the purposes of investigation, be held in judicial police custody for a period not exceeding seventy two (72) hours but solely when the offense committed is punishable with imprisonment of at least five (5) years.

**Article 199: Rehabilitation of a juvenile offender**

A Judicial Police Officer or a Prosecutor in charge of case file shall do everything in his/her powers and conduct necessary investigation to establish the truth about the personality of the juvenile offender and identify appropriate means for his/her rehabilitation.

To that end, he/she may issue all necessary warrants or order judicial supervision in compliance with rules of general law.

A judicial Police Officer or a Prosecutor, shall gather all evidence concerning all the aspects of the minor's life including his/her character and history, his/her educational background and school behaviour and conditions in which he/she has been raised.

A Prosecutor may order a medical examination and, where applicable, require a psychological examination for the minor. He/she shall decide to put the minor in a place conducive to the

lequel il existe d'indices sérieux de croire qu'il a commis une infraction peut, pour des raisons d'enquêtes, être placé en détention par la police judicaire dans un délai ne dépassant pas soixante-douze (72) heures. Cette mesure est uniquement prise lorsque l'infraction poursuivie est punissable d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans.

**Article 199: Rééducation d'un mineur délinquant**

L'Officier de Police Judiciaire ou l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier fait tout ce qui est dans son pouvoir et effectue l'investigation nécessaire pour parvenir à la manifestation de la vérité sur la personnalité du mineur ainsi que des moyens appropriés à sa rééducation.

A cet effet, il peut décerner tout mandat utile ou prescrire le contrôle judiciaire en se conformant aux règles du droit commun.

L'Officier de Police Judiciaire ou l'Officier de Poursuite Judiciaire recueille, par une enquête sociale, des renseignements sur tous les aspects de la vie du mineur, ses antécédents scolaires et sur les conditions dans lesquelles il a vécu ou a été élevé.

L'Officier de Poursuite Judiciaire peut ordonner un examen médical et, s'il y a lieu, un examen psychologique du mineur. Il décide, le cas échéant, le placement du mineur dans un

igenzurwa.

**Ingingo ya 200: Icyemezo gishobora gufatirwa umwana ukurikiranywe**

Ibikubiye mu ngingo ya 199 y'iri tegeko iyo bimaze gukorwa, Umushinjacyaha ashobora:

1° kurekura umwana mu gihe asanga nta bimenyetso bifatika bimushinja icyaha akamushyikiriza ababyeyi be, abashinzwe kumurera cyangwa kumurinda;

2° kumushyikiriza urukiko rubifitiye ububasha;

3° kumushyira mu kigo cya Leta cyabigenewe igihe ategereje icyemezo cy'urukiko.

**Ingingo ya 201 : Urugereko rufite ububasha bwo kuburanisha umwana**

Urugereko rufite ububasha bwo kuburanisha umwana ni urw'aho icyaha cyakorewe, urw'aho umwana acumbitse, urw'aho ababyeyi be cyangwa umurera batuye cyangwa bacumbitse, aho basanze umwana, cyangwa aho yashyizwe n'urukiko.

supervision of his/her behaviour.

**Article 200: Decision that may be taken against a juvenile offender**

After the procedure provided for under Article 199 of this Law is completed, the Prosecutor may :

1° release the minor if he/she considers that there is no sufficient incriminating evidence against him/her and return him/her to the parents, guardians or custodians;

2° take the juvenile offender to a competent court;

3° put the minor in a public rehabilitation centre pending a court decision.

**Article 201: A specialised chamber competent to try a minor**

A specialised chamber competent to try a minor shall be the one situated in the area where the offence was committed, where the minor resides or his/her parents or guardians domicile or reside, where the minor was found or where he/she was placed by the court.

environnement propice à sa surveillance.

**Article 200: Décision susceptible d'être prise à l'encontre d'un mineur délinquant**

Une fois que la procédure prévue à l'article 199 de la présente loi est accomplie, l'Officier de Poursuite Judiciaire peut:

1° relaxer le mineur s'il estime que l'infraction n'est pas établie et le remettre à ses parents, à son tuteur ou à la personne qui en avait la garde;

2° traduire le mineur devant la juridiction compétente ;

3° placer le mineur dans un établissement de l'Etat prévu à cet effet en attendant la décision du juge.

**Article 201: Chambre spécialisée compétente pour juger un mineur**

Est compétente pour juger un mineur, la chambre spécialisée pour mineur du lieu de l'infraction, de la résidence du mineur ou de la résidence ou domicile des parents ou tuteur, du lieu où le mineur a été trouvé ou du lieu où il a été placé par la juridiction.

**Ingingo ya 202: Kuburanisha umwana n'uwo bakurikiranywe hamwe**

Umwana urengeje imyaka cumi n'ine (14) ariko utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko acirwa urubanza n'urugereko ruburanisha umwana hakurikijwe amategeko asanzwe.

Urugereko ruburanisha abana ruca imanza rumaze kumva umwana, abatangabuhamya, ababyeyi, umuhagarariye cyangwa ushinzwe kumurinda, Ubushinjacyaha n'Umwunganira. Ni rwo ruburanisha abo bafatanyije icyaha cyangwa ibyitso bye byujuje imyaka y'ubukure igihe rusanze ari ngombwa.

**Ingingo ya 203: Uburenganzira bwo kunganirwa**

Umwana ushinjwa agomba kugira umwunganira guhera mu bugenzacyaha kugeza mu rukiko. Iyo umwana adashoboye kumwihitiramo cyangwa se ngo abamuhagarariye bamumuhitiremo, Ubugenzacyaha cyangwa Ubushinjacyaha busaba umukuru w'urugaga rw'abunganira abandi mu nkiko kumushyiraho.

Iyo Ubushinjacyaha butabikoze, umucamanza asaba umukuru w'urugaga rw'abunganira abandi mu nkiko kugena uwunganira umwana.

**Article 202: Trying a minor and his/her co-accused**

A minor aged above fourteen (14) years but below eighteen (18) years shall be tried by the specialised chamber for minors in accordance with rules of general law.

A specialized chamber for minors shall adjudicate the case after hearing the minor, witnesses, his/her parents, guardian or custodian, the Public Prosecution and his/her legal counsel. It shall also try his/her co-accused or accomplices having reached the age of majority, if it considers it necessary.

**Article 203: Right to legal counsel**

A juvenile offender being prosecuted must be assisted by a legal counsel starting from judicial police investigation up to court proceedings. If a juvenile offender or his/her guardians cannot choose a legal counsel for him/her, the Judicial Police or the Public Prosecution shall request the President of the Bar Association to assign a legal counsel to him/her.

If the Public Prosecution fails to do so, the judge shall ask the President of the Bar Association to assign a legal counsel for the minor.

**Article 202: Jugement d'un mineur et son co-accusé**

Un mineur âgé de plus de quatorze (14) ans mais de moins de dix-huit (18) ans est jugé par la chambre spécialisée pour mineurs suivant la procédure prévue par les règles du droit commun.

La chambre spécialisée pour mineurs statue après avoir entendu le mineur, les témoins, les parents, le tuteur ou le gardien, l'Organe National de Poursuite et son avocat. Elle juge aussi ses co-accusés ou complices majeurs, si elle le juge nécessaire.

**Article 203: Droit à l'assistance judiciaire**

Le mineur poursuivi doit être assisté d'un avocat dès les premières enquêtes jusqu'au jugement. A défaut de choix d'un avocat par le mineur ou ses représentants légaux, la Police Judiciaire ou l'Organe National de Poursuite saisit le Bâtonnier pour en désigner un d'office.

Si l'Organe National de Poursuite ne le fait pas, le juge demande au Bâtonnier de désigner l'avocat du mineur.

**Ingingo ya 204: Icyemezo gifashwe n'urugereko ruburanisha abana**

Bitewe n'ikirego rwashyikirijwe, urugereko ruburanisha abana rwemeza ibikorwa birinda umwana, ibimufasha, ibyo kumugenzura n'ibyo kumurera rubona bikwiye.

**Ingingo ya 205: Ikirego gisaba indishyi umwana**

Ikirego gisaba indishyi umwana n'ugomba kuziriha gishyikirizwa urugereko ruburanisha abana.

Iyo umwana umwe cyangwa benshi bakurikiranywe hamwe n'umuntu cyangwa n'abantu benshi bakuze, ikirego cy'indishyi gishyikirizwa urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha abakuze. Muri icyo gihe, umwana ntaza mu iburanisha, ahubwo hajyayo umuhagarariye wemewe n'amategeko.

Iyo umwana atihitiyemo umwunganira cyangwa ngo umuhagarariye amumuhitiremo, aramugenerwa.

**Ingingo ya 206: Kwemeza ko ukurikiranywe akiri umwana**

Kumenya ko ukurikiranywe yari umwana bishingira ku gihe icyaha cyakorewe.

Ukurikiranywe n'Ubushinjacyaha wakoze icyaha

**Article 204: Measure taken by the specialised chamber for minors**

A specialised chamber for minors shall, depending on the case filed, take measures for the protection of the minor, assistance, supervision or education it considers appropriate.

**Article 205: A civil action against a minor**

A civil action against a minor and the person with civil responsibility over the minor shall be filed in the specialised chamber for minors.

If one or several minors are jointly charged with one or several adults, a claim for damages shall be filed in the court competent to try adults. In that case, the minor shall not appear in court in person and shall rather appear through his/her legally recognized representative.

If neither a minor nor his/her representative fails to choose a legal counsel, he/she shall be entitled to have a legal counsel assigned to him/her.

**Article 206: Determination of minority of a juvenile offender**

The time of commission of an offence shall serve as the basis for the determination of the minority of a juvenile offender.

A juvenile offender prosecuted by the Public

**Article 204: Mesure prise par la chambre spécialisée pour mineurs**

La chambre spécialisée pour mineurs prend, suivant le cas, les mesures de protection, d'assistance, de surveillance et d'éducation qui lui semblent appropriées.

**Article 205: Action civile intentée contre un mineur**

L'action civile intentée contre un mineur et la personne civilement responsable est portée devant la chambre spécialisée pour mineurs.

Lorsqu'un ou plusieurs mineurs sont impliqués dans la même cause qu'un ou plusieurs personnes majeures, l'action civile est portée devant la juridiction compétente à l'égard des majeurs. Dans ce cas, le mineur comparaît par l'intermédiaire de son représentant légalement reconnu.

Si le mineur ou son représentant légalement reconnu n'a pas choisi un avocat, celui-ci est désigné d'office.

**Article 206: Considération de la minorité du mineur délinquant**

La minorité du mineur délinquant s'apprécie au moment de la commission de l'infraction.

Le mineur poursuivi par l'Organe National de

ari umwana aburanishwa n'urugereko ruburanisha abana n'ubwo bwose mu gihe cy'iburanisha yaba yaragejeje ku myaka y'ubukure.

**UMUTWE WA II: IKURIKIRANWA RY'IBYAHA BYAKOREWE AHATARI MU IFASI YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ingingo ya 207: Ikurikiranwa ry'umunyarwanda wakoreye icyaha hanze y'ifasi y'u Rwanda**

Umunyarwanda wakoreye icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ahatari mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda ashobora gukurikiranwa no gucibwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda mu gihe icyo cyaha gihanwa n'itegeko ry'u Rwanda.

**Ingingo ya 208: Ikurikiranwa ry'icyaha cyakorewe ahantu hatagira igihugu kihategeka**

Gifatwa ko cyakorewe mu ifasi y' u Rwanda, icyaha cyakozwe n'umunyarwanda cyangwa cyakorewe umunyarwanda, gikorewe ahantu hatagira igihugu kihategeka cyangwa gikozwe n'umuntu uwo ari we wese uri mu bwato bw'u Rwanda kandi buri mu mazi atagira igihugu kiyategeka cyangwa uri mu ndege ifite icyapa cy'u Rwanda, iyo iri mu ifasi itagira igihugu kiyitegeka.

Prosecution shall be tried by the specialised chamber for minors even if the trial is conducted after he/she attains the majority age.

**CHAPTER II: PROSECUTION OF OFFENCES COMMITTED OUTSIDE THE RWANDAN TERRITORY**

**Article 207: Prosecution of a Rwandan having committed an offense outside the Rwandan territory**

A Rwandan national who commits a felony or a misdemeanour outside the Rwandan territory, may be prosecuted and tried by Rwandan courts in accordance with the Rwandan laws as if the offence had been committed on the Rwandan territory if such an offence is punishable under Rwandan law.

**Article 208: Prosecuting an offence committed in no man's land**

An offence shall be deemed to have been committed on the Rwandan territory if it is committed by or against a Rwandan national in no man's land or committed by any person on board a vessel flying the flag of Rwanda and in waters in no man's land or on board a Rwanda - registered aircraft in no man's land.

Poursuite est jugé par la chambre spécialisée pour mineurs même s'il a atteint la majorité au moment du jugement.

**CHAPITRE II: POURSUITE DES INFRACTIONS COMMISES HORS DU TERRITOIRE DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**Article 207: Poursuite d'un Rwandais qui a commis l'infraction en dehors du territoire Rwandais**

Un Rwandais qui, hors du territoire de la République du Rwanda, s'est rendu coupable d'un crime ou d'un délit, peut être poursuivi et jugé par les juridictions rwandaises en application des lois rwandaises comme si l'infraction avait été commise au Rwanda lorsque celle-ci est punie par la loi rwandaise.

**Article 208: Poursuite d'une infraction commise dans un lieu non soumis à la souveraineté d'un Etat**

Une infraction est réputée commise sur le territoire rwandais lorsqu'elle est perpétrée par ou contre un citoyen rwandais dans un lieu non soumis à la souveraineté d'un Etat, ou commise par toute personne soit à bord d'un bateau battant pavillon rwandais et se trouvant dans des eaux non soumises à la souveraineté d'un Etat, soit à bord d'un aéronef immatriculé au Rwanda, s'il se trouve sur un territoire non soumis à la souveraineté d'un Etat.

**Ingingo ya 209: Ibyaha mpuzamahanga cyangwa birenga imipaka**

Inkiko z'u Rwanda zishobora gukurikirana no kuburanisha Umuntu wese, harimo n'abanyamahanga, imiryango cyangwa amashyirahamwe bitari ibya Leta byo mu Rwanda cyangwa mu mahanga, bikurikiranyweho kuba byarakoreye mu ifasi y'u Rwanda cyangwa mu mahanga ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga cyangwa birenga imipaka y'ibihugu nk'uko biteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

**Ingingo ya 210: Iburanisha ry'ibyaha mpuzamahanga cyangwa birenga imipaka**

Iyo Inkiko zo mu Rwanda ziburanisha ibyaha byavuzwe mu ngingo ya 209 y'iri tegeko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ashobora, mu nyungu z'ubutabera no kugira ngo imanza zo mu gihugu zidacibwa mu buryo bunyuranye n'izo mu mahanga ku bibazo biteye kimwe, abyibwirije cyangwa abisabwe n'ushinjwa, umwunganira cyangwa Ubushinjacyaha bwo mu Rwanda cyangwa ubwo mu mahanga, gusaba ubufatanye bw'Umuryango w'Abibumbye, ubw'undi muryango mpuzamahanga cyangwa ubw'igihugu cy'amahanga, asaba ko hoherezwa abacamanza bo mu bindi bihugu kugira ngo bafatanye n'abo mu Rwanda kuburanisha imanza zisabirwa koherezwa mu Rwanda zerekeranye n'ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga n'ibirenga imipaka byakorewe mu ifasi y'u Rwanda cyangwa mu mahanga bivugwa mu itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere

**Article 209: International or cross-border crimes**

Rwandan courts may prosecute and try any person, whether Rwandan or foreigner, a Rwandan or foreign non-governmental organisation or association that commits, inside or outside the Rwandan territory, an international crime or a cross-border crime as provided for by the Penal Code of Rwanda.

**Article 210: Trying international or cross-border crimes**

When Rwandan courts try crimes provided for under Article 209 of this Law, the President of the Supreme Court may, in the interest of justice and for the sake of conforming proceedings to the international jurisprudence, seek upon own initiative or request by the accused, his/her legal counsel or by national or foreign Public Prosecution, judicial cooperation from the United Nations, any other international organisation or foreign country by requesting them to send judges to Rwanda to sit alongside Rwandan judges to try cases of international and cross-border crimes committed on the Rwandan territory or abroad , the transfer of which to Rwanda is sought and which are provided under the Organic Law on the organization, functioning and jurisdiction of courts.

**Article 209: Infractions à caractère international ou transfrontalier**

Les juridictions rwandaises peuvent poursuivre et juger toute personne, qu'elle soit rwandaise ou étrangère, une organisation ou une association non gouvernementale nationale ou étrangère, qui commet sur le territoire rwandais ou étranger, une infraction à caractère international ou transfrontalier tel que prévu par le Code Pénal du Rwanda.

**Article 210: Audience des infractions à caractère international ou transfrontalier**

Lorsque les juridictions rwandaises statuent sur les affaires visées à l'article 209 de la présente loi et, dans l'intérêt général de la justice ou dans le cadre de se conformer à la jurisprudence internationale, le Président de la Cour Suprême peut, de sa propre initiative ou à la demande de l'accusé, de son avocat ou de l'Organe National de Poursuite rwandais ou étranger, demander la coopération auprès des Nations Unies, de toute autre organisation internationale ou pays étranger pour envoyer les juges des pays étrangers afin de siéger avec les juges du Rwanda dans les affaires relatives aux crimes à caractère international et transfrontalier commis sur le territoire rwandais ou étranger ayant fait l'objet d'une demande de transfert au Rwanda et qui sont visés par la Loi Organique portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires.

n'ububasha by'inkiko.

Bene izo manza ziburanishwa mu rwego rwa mbere no mu bujurire n'inteko y'abacamanza nibura batatu (3).

Gusaba kohereza umucamanza wo mu kindi gihugu bikorwa hakoreshejwe inzira z'ubufatanye hagati y'ibihugu n'imiryango mpuzamahanga.

**Ingingo ya 211: Ikurikiranwa ry'icyaha cyakorewe u Rwanda cyangwa umunyarwanda hanze y'ifasi y'u Rwanda**

Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga wakoreye icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ahatari mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda ashobora gukurikiranwa no gucibwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda iyo uwakorewe icyaha ari igihugu cy'u Rwanda cyangwa umunyarwanda mu gihe icyaha cyakorwaga.

**UMUTWE WA III: IKURIKIRANA N'IBURANISHA ADAHARI RY'UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA**

**Ingingo ya 212: Ukurikiranywe wihishe cyangwa watorotse ubutabera**

Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga,

Such cases shall be tried both at first instance and appeal level by a bench of at least three (3) judges.

The request for a judge from a foreign country shall be made in accordance with cooperation procedure between countries and international organisations.

**Article 211: Prosecution of an offence committed against Rwanda or against a Rwandan national outside the Rwandan territory**

A Rwandan national or a non-national who commits a felony or a misdemeanour outside the Rwandan territory may be prosecuted and sentenced by Rwandan courts in accordance with the Rwandan laws if the offence is committed against Rwanda or a Rwandan national at the time of the commission of the offense.

**CHAPTER III: PROSECUTION AND TRIAL IN ABTENTIA OF A FUGITIVE SUSPECT**

**Article 212: A fugitive suspect**

If the suspect, whether he/she is in Rwanda or in a foreign country, is not arrested because he/she hides or escapes justice, the Public Prosecution

De telles affaires sont entendues au premier degré et en appel par un siège d'au moins trois (3) juges.

La demande de faire venir un juge d'un pays étranger se fait conformément à la procédure de coopération entre pays et organisations internationales.

**Article 211: Poursuite d'une infraction commise contre le Rwanda ou contre un citoyen rwandais hors du territoire de la République du Rwanda**

Un citoyen rwandais ou un étranger qui commet un crime ou un délit hors du territoire de la République du Rwanda peut être poursuivi et jugé par les juridictions rwandaises en application des lois rwandaises si le crime ou le délit a été commis contre la République du Rwanda ou si la victime était de nationalité rwandaise lors de la commission de l'infraction.

**CHAPITRE III: POURSUITE ET JUGEMENT PAR CONTUMACE D'UN PREVENU FUGITIF**

**Article 212: Prévenu fugitif**

Lorsque le prévenu n'a pas pu être arrêté parce qu'il s'est soustrait à la justice, qu'il soit au Rwanda ou dans un pays étranger, l'Organe

Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza Urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye. Urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.

**<u>Ingingo ya 213</u>: Itangazwa ry'icyemezo**

Mu gihe cy'iminsi umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo ya 212 y'iri tegeko gitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa ikinyamakuru cyemejwe n'urukiko kandi kikamanikwa ku biro by'Umurenge, by'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali aho ubuyobozi bwabyo bwagennye.

**<u>Ingingo ya 214</u>: Gucira urubanza uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera**

Iyo igihe kivugwa mu ngingo ya 212 y'iri tegeko kitubahirijwe n'uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera, acirwa urubanza adahari.

Urukiko ruca urubanza rushingiye ku myanzuro y'Ubushinjacyaha yonyine.

**<u>Ingingo ya 215</u>: Ukudahagararirwa mu rukiko k'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera**

Ntawe ushobora guhagararira mu Rukiko uregwa watorotse cyangwa wihishe ubutabera.

shall prepare a file for him/her and submit it to the competent court even if the suspect was not interrogated. After receiving the file, the court shall order the accused to appear within one (1) month, failing which the court shall declare that he/she has disobeyed the law.

**<u>Article 213</u>: Publication of the order**

The court order provided for under Article 212 of this Law shall, within a period of eight (8) days, be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda or a newspaper determined by the court and posted at the office of the Sector, District or Kigali City at the place specified by the authorities of such administrative entities.

**<u>Article 214</u>: Trying a fugitive offender**

If the fugitive accused fails to respect the time limits provided for under Article 212 of this Law, he/she shall be tried in absentia.

The court shall rule on the case based solely on the submissions of the Public Prosecution.

**<u>Article 215</u>: Non representation of a fugitive suspect**

No fugitive accused shall appear through a representative.

National de Poursuite constitue pour lui un dossier et le soumet à la juridiction compétente même si le prévenu n'a pas été interrogé. Après avoir reçu le dossier, le juge ordonne à l'accusé de comparaitre dans un (1) mois, faute de quoi il est déclaré rebelle à loi.

**<u>Article 213</u>: Publication de l'ordonnance**

L'ordonnance visée à l'article 212 de la présente loi est publiée dans un délai de huit (8) jours dans le Journal Officiel de la République du Rwanda ou dans un autre journal déterminé par la juridiction et affichée au bureau du Secteur, du District ou de la Ville de Kigali dans un lieu déterminé par les autorités de ces entités administratives.

**<u>Article 214</u>: Jugement du prévenu fugitif**

Lorsque le délai prévu à l'article 212 de la présente loi n'est pas respecté par l'accusé fugitif, il est procédé au jugement par contumace.

La juridiction statue sur les seules conclusions de l'Organe National de Poursuite.

**<u>Article 215</u>: Non représentation du prévenu fugitif**

Aucun accusé fugitif ne peut comparaître par l'intermédiaire de son représentant.

**Ingingo ya 216: Gufatira umutungo w'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera wahamwe n'icyaha**

Iyo icyaha gihamye uregwa watorotse cyangwa wihishe ubutabera, urukiko rugena uko umutungo we uzakoreshwa. Uwo mutungo ushobora kunyagwa cyangwa gufatirwa ugatezwa cyamunara kugira ngo uzavemo ubwishyu bw'abakorewe icyaha.

**Ingingo ya 217: Gutangaza ingingo z'ingenzi z'urubanza**

Ingingo z'ingenzi z'urubanza zitangazwa mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, urubuga rwa interineti cyangwa mu kinyamakuru cyemejwe n'umucamanza waciye urubanza, bikurikiranywe n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare cyangwa Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye, zikanamanikwa no ku rukiko rwaciye urubanza kimwe no ku biro by'ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Umurenge by'aho icyaha cyakorewe, n'ahandi hose urukiko rwagena.

**Ingingo ya 218: Ukwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu**

Guhera igihe imenyekanisha rivugwa mu ngingo ya 217 y'iri tegeko rimaze gukorwa, uwaciriwe urubanza yaratorotse cyangwa yarihishe ubutabera yamburwa uburenganzira afite mu gihugu nk'uko biteganywa n'amategeko ahana.

**Article 216: Confiscation of the property of a convicted fugitive**

If the accused fugitive is found guilty, the court shall determine modalities for the management of his/her property. The property may be confiscated or seized and sold by auction, with the proceeds being used to pay for damages to the victims of the offence.

**Article 217: Publication of the extract of the judgement**

The extract of the judgment shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, on the website or in a newspaper determined by the judge having tried the case at the instigation of the Prosecutor General, the Military Prosecutor General or a Chief Prosecutor at intermediate level. It shall also be posted at the notice board of the court having tried the case and at the office of the District and Sector where the offence was committed and any other place determined by the court.

**Article 218: Loss of civil rights**

After the publication provided for under Article 217 of this Law is completed, a convicted fugitive accused shall be stripped of all civil rights as provided for under the Penal Code.

**Article 216: Confiscation des biens du condamné fugitif**

Si l'accusé fugitif est déclaré coupable, la juridiction détermine les modalités de gestion de son patrimoine. Le patrimoine peut être confisqué ou saisi et vendu aux enchères afin d'obtenir le payement des dommages-intérêts pour les victimes de l'infraction.

**Article 217: Publication de l'extrait de la décision**

L'extrait de la décision de condamnation est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda, au site web ou dans un journal déterminé par le juge ayant connu de l'affaire, à la diligence du Procureur Général, de l'Auditeur Général Militaire ou du Procureur en Chef au niveau de Grande Instance et affiché aux valves de la juridiction qui a rendu la décision et au bureau du District et du Secteur où l'infraction a été commise ou à tout autre endroit désigné par la juridiction.

**Article 218: Dégradation civique**

Après l'accomplissement des formalités de publicité prescrite par l'article 217 de la présente loi, l'accusé fugitif condamné est frappé de déchéance des droits civiques comme prévue par le Code Pénal.

**Ingingo ya 219: Ikurikirana ry'abaregwa hamwe n'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera**

Nta na rimwe ikurikiranwa ry'uregwa yaratorotse cyangwa yarihishe ubutabera rihagarika cyangwa ritinza ikurikiranwa ry'abo baregwa hamwe bahari.

**Ingingo ya 220: Kongera gukurikirana uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera**

Iyo uwaciriwe urubanza yaratorotse cyangwa yarihishe ubutabera yishyikirije Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha cyangwa Ubuyobozi bwa Gereza cyangwa afashwe igihano kitarasaza, urubanza n'imihango yakozwe guhera ku cyemezo cyamutegekaga kwitaba kugeza urubanza ruciwe bita agaciro agakurikiranwa mu buryo busanzwe.

Iyo urubanza rwari rwategetse ko umutungo we unyagwa ugahabwa Leta cyangwa se ufatirwa ruhindutse, awusubizwa uko umeze muri icyo gihe.

Iyo umutungo w'uwari warahamwe n'icyaha utejwe cyamunara, nyuma urubanza rwe rugasubirwamo akagirwa umwere, Leta imugenera indishyi zihwanye n'agaciro k'umutungo we.

**Article 219: Prosecution of the co-accused of a fugitive accused**

The prosecution of the co-accused of a fugitive offender who are identified shall in no way be stayed or delayed by reason of awaiting the prosecution of the fugitive accused.

**Article 220: Resumption of prosecution of a fugitive accused**

If a convicted fugitive accused surrenders himself/herself to the Judicial Police, to the Public Prosecution or to the prison administration or is arrested before the limitation period for the enforcement of the penalty, the judgement and proceedings conducted from the time the fugitive is ordered to appear until the pronouncement of the judgment shall become null and void and the prosecution shall be restarted in accordance with the ordinary procedure.

If the judgment ordering confiscation of his/her property for the benefit of the State or seizure of such property is altered, the property shall be restituted to him/her in its current state.

If the property of the convicted person is sold by auction and the person is subsequently acquitted in retrial, the State shall pay him/her damages equal to the value of his/her property sold.

**Article 219: Poursuite des co-accusés de l'accusé fugitif**

En aucun cas, la poursuite d'un accusé fugitif ne suspend ni ne retarde la poursuite de ses co-accusés présents.

**Article 220: Renouvellement des poursuites d'un** accusé **fugitif**

Si l'accusé fugitif condamné se présente à la Police Judiciaire, à l'Organe National de Poursuite, à la Direction de la prison ou s'il est arrêté avant que la peine ne soit prescrite, le jugement et les procédures faites depuis l'ordonnance de sommation à comparaître jusqu'au prononcé du jugement sont anéantis de plein droit et il est poursuivi de nouveau suivant la procédure ordinaire.

Si la décision de la juridiction qui avait ordonné la confiscation de ses biens au profit de l'Etat est réformée, il recouvre ces biens dans l'état où ils se trouvent.

Lorsque les biens de la personne condamnée sont vendus aux enchères et qu'elle est, par la suite, acquittée grâce à une nouvelle procédure de jugement, l'Etat lui verse les dommages dont la valeur est égale à celles de ses biens mis en vente.

Iyo urubanza rwahamije umuntu icyaha ruhindutse akagirwa umwere, abari barahawe indishyi barazisubiza**.**

**<u>Ingingo ya 221</u>: Iburanisha rishya ry'uwari waratorotse cyangwa yarihishe ubutabera**

Ku birebana n'ibivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 220 y'iri tegeko, iyo ku mpamvu iyo ariyo yose, abatangabuhamya batashoboye kuza muri iryo buranisha rindi ritangijwe, ubuhamya bwabo bwanditse, n'ibisubizo byanditse by'abandi bashinjwa icyo cyaha nabo batashoboye kuza bisomwa mu iburanisha. Ni na ko bigenda ku zindi nzandiko zose za ngombwa kugira ngo ukuri kumenyekane.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: IKURIKIRANWA RY'ABANTU BAFITE UMWIHARIKO MU KUBURANISHWA N'IRY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ikurikiranwa ry'abantu bafite umwihariko mu kuburanishwa**

**<u>Ingingo ya 222</u> : Abagira umwihariko mu kuburanishwa**

Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha uregewe cyangwa wiboneye icyaha gishinjwa Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Minisitiri w'Intebe, aherako yohererereza dosiye Umushinjacyaha Mukuru agakora ibikorwa

If a person is acquitted in retrial of the case in which he/she was convicted, civil parties shall refund damages received.

**<u>Article 221</u>: Retrial of a fugitive offender**

In the case provided for under Paragraph One of Article 220 of this Law, if for any reason witnesses fail to attend the new proceedings that are restarted, their written testimonies and written replies of other persons accused of the same offence who were not present during the hearing are read out in the hearing. The same shall apply to all other necessary documents required to establish the truth.

**<u>CHAPTER IV</u>: PROSECUTION OF PERSONS WITH PRIVELEGE OF JURISDICTION AND THAT OF MEMBERS OF PARLIAMENT**

**<u>Section One</u>: Prosecution of persons with privilege of jurisdiction**

**<u>Article 222</u>: Persons with privilege of jurisdiction**

A Judicial Police Officer or a Prosecutor who receives a complaint against or personally observes an offence committed by the President of the Republic, the President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, the President of the Supreme Court or the Prime Minister shall immediately transmit the case file

Lorsqu'une personne est acquittée grâce à une nouvelle procédure de jugement, les parties civiles restituent les dommages-intérêts reçus.

**<u>Article 221</u>: Nouveau jugement de l'accusé fugitif**

Dans le cas prévu à l'alinéa premier de l'article 220 de la présente loi, si, pour quelque raison que ce soit, des témoins ne peuvent pas se présenter à la nouvelle audience, leurs dépositions écrites ou les réponses écrites des autres accusés de la même infraction absents sont lues à l'audience. Il en est de même de toutes les autres pièces qui sont jugées utiles à la manifestation de la vérité.

**<u>CHAPITRE IV</u>: POURSUITE DES PERSONNES BÉNÉFICIANT DU PRIVILÈGE DE JURIDICTION ET CELLE DES MEMBRES DU PARLEMENT**

**<u>Section première</u>: Poursuite des personnes bénéficiant du privilège de juridiction**

**<u>Article 222</u>: Personnes bénéficiant du privilège de juridiction**

L'Officier de Police Judiciaire ou l'Officier de Poursuite Judiciaire qui reçoit une plainte ou une dénonciation à charge du Président de la République, du Président du Sénat, du Président de la Chambre des Députés, du Président de la Cour Suprême ou du Premier Ministre ou qui constate une infraction commise par ces

by'iperereza. Umushinjacyaha Mukuru ni we ubwe ubakurikirana imbere y'Urukiko rw'Ikirenga ataboneka agasimburwa n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije.

Ariko, ibyitso by'abo bantu bishobora kubazwa n'umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha mbere yo kohereza dosiye Umushinjacyaha Mukuru.

**<u>Ingingo ya 223</u>: Impamvu z'umwihariko mu kuburanishwa n'igihe zitangira kurebwa**

Umwihariko mu kuburanisha biberaho kurengera umurimo umuyobozi akora, ntibirengera umuntu ku giti cye.

Kumenya ko uwakoze icyaha afite umwihariko mu kuburanishwa birebwa uhereye ku mirimo uwakoze icyaha yakoraga igihe akora icyaha.

**<u>Ingingo ya 224</u>: Igihe umwihariko mu kuburanishwa wemezwa**

Iyo mu gihe cy'ikurikiranwa, ukurikiranyweho icyaha akiri ku mirimo ye, ku cyaha yakoze akiyiriho, agira umwihariko mu kumuburanisha.

Iyo icyaha gikurikiranwa cyakozwe mbere y'uko nyir'ukugikora agira umwihariko mu

to the Prosecutor General. The Prosecutor General shall himself/herself conduct investigation and prosecute them before the Supreme Court. In case of his/her absence, he/she shall be replaced by the Deputy Prosecutor General.

However, accomplices of such persons may be interrogated by a Judicial Police Officer or a Prosecutor before transmitting the case file to the Prosecutor General.

**<u>Article 223</u>: Grounds for the privilege of jurisdiction and time of consideration**

The privilege of jurisdiction shall serve to protect responsibilities vested in an official but not the official as an individual.

The privilege of jurisdiction shall be determined taking into account the responsibilities which were vested in the offender at the time of the commission of the offence.

**<u>Article 224</u>: Procedure for application of the privilege of jurisdiction**

If a person is prosecuted for an offence committed while still holding the office to which the privilege is attached, he/she shall enjoy the privilege of jurisdiction.

If a person is prosecuted for an offence committed before holding an office to which the

personnalités transmet le dossier au Procureur Général qui en assure personnellement l'instruction et la poursuite devant la Cour Suprême. En cas de son absence, le Procureur Général est remplacé par le Procureur Général Adjoint.

Toutefois, les complices de ces personnalités peuvent être interrogés par l'Officier de Police Judiciaire ou par l'Officier de Poursuite Judiciaire avant la transmission du dossier au Procureur Général.

**<u>Article 223</u>: Raison d'être et moment de considération du privilège de juridiction**

Le privilège de juridiction sert à protéger la fonction et non l'individu.

Le moment de considération du privilège de juridiction s'apprécie en tenant compte des fonctions qu'exerçait l'auteur de l'infraction au moment de la commission de l'acte infractionnel.

**<u>Article 224</u>: Modalités d'application du privilège de juridiction**

Si une personne est poursuivie pour des faits commis au moment où elle exerce encore des fonctions protégées, elle bénéficie du privilège de juridiction.

Si la personne poursuivie pour des faits infractionnels commis au moment où elle n'avait

kuburanishwa, mu gihe cy'ikurikiranwa akaba akora umurimo umuhesha kugira umwihariko, akurikiranwa kandi akaburanishwa afite umwihariko.

Iyo ariko nyiri ugukora icyaha yagikoze ari ku mirimo imuhesha umwihariko, agakurikiranwa atakiyiriho, atakaza kugira umwihariko.

**<u>Icyiciro cya 2</u> : Ikurikiranwa ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko**

**<u>Ingingo ya 225</u> : Uburyo bwo gukurikirana abagize Inteko Ishinga Amategeko**

Nta n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ukekwaho icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ushobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa bidatangiwe uburenganzira n'Umutwe w'Inteko arimo binyujijwe mu nzira y'amatora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama keretse afatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome cyangwa yarakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho.

Umushinjacyaha Mukuru afite ububasha bwo gusaba Umutwe w'Inteko bireba uburenganzira bwo gukurikirana umwe mu bawugize.

privilege is attached, he/she shall enjoy the privilege of jurisdiction if he/she is prosecuted while holding such an office.

However, if a person who no longer holds an office to which the privilege is attached is prosecuted for an offence committed while holding an office to which the privilege is attached, he/she shall lose the privilege of jurisdiction.

**<u>Section 2:</u> Prosecution of Members of Parliament**

**<u>Article 225</u>: Procedure for prosecuting members of Parliament**

No member of the Parliament suspected of a felony or misdemeanor may be prosecuted or arrested without the authorization of the Chamber to which he/she belongs by voting with a majority of two thirds (2/3) of members present, except where a member of the Parliament is caught in red-handed committing a felony or a court of law has passed a final penalty against him/her.

The Prosecutor General shall have the power to ask the concerned Chamber of Parliament for authorisation to prosecute one of its members.

pas encore le privilège de juridiction, elle bénéficie du privilège de juridiction si au moment des poursuites, elle occupe des fonctions protégées par ce privilège.

Si par contre l'autorité a commis les faits au moment où elle occupait des fonctions protégées par le privilège mais qu'au moment de poursuite elle n'occupe plus ces fonctions, elle perd le bénéfice du privilège de juridiction.

**<u>Section 2</u>: Poursuite des membres du Parlement**

**<u>Article 225</u>: Procédure de poursuite des membres du Parlement**

Aucun membre du Parlement suspecté d'avoir commis un crime ou un délit ne peut être poursuivi ou arrêté que sur autorisation de la Chambre dont il est membre procédant par élection à la majorité des deux tiers (2/3) des membres présents, sauf en cas de flagrant délit d'infraction de crime ou en cas de condamnation définitive.

Le Procureur Général a le pouvoir de demander à la Chambre du Parlement concernée l'autorisation de poursuivre un de ses membres.

**INTERURO YA VI: IRANGIZWA RY'IMANZA**

**Ingingo ya 226: Kurangiza imanza**

Irangizwa ry'imanza rikorwa n'aba bakurikira:

1° Abahesha b'inkiko b'umwuga;

2° Abahesha b'inkiko batari ab'umwuga bavugwa mu itegeko rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko.

**Ingingo ya 227: Abashinzwe gukurikirana irangizwa ry'imanza**

Abakurikirana irangizwa ry'imanza ni aba bakurikira :

1° Ubushinjacyaha ku byerekeye igihano cy'igifungo, indishyi zigenwe n'urukiko rubyibwirije, n'igihano cy'umugereka;

2° Polisi y'u Rwanda cyangwa abakozi bo mu nzego z'ibanze babiherewe ububasha na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze ku gihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

3° uwatsindiye indishyi, ku byerekeye indishyi yatsindiye;

**TITLE VI: EXECUTION OF JUDGMENTS**

**Article 226: Execution of judgments**

Persons responsible for executing judgments are the following:

1° professional court bailiffs;

2° non-professional bailiffs provided under the law governing the bailiff function.

**Article 227: Persons responsible for monitoring the execution of judgements**

Persons responsible for monitoring the execution of judgements are the following :

1° the Public Prosecution, in case of imprisonment penalty, damages awarded by a court on its own motion and additional penalty;

2° Rwanda National Police or local government officers empowered to do so by the Minister in charge of justice in case of community service as alternative penalty to imprisonment;

3° civil party with respect to the damages awarded to him/her;

**TITRE VI: EXECUTION DES JUGEMENTS ET ARRETS**

**Article 226: Exécution des jugements et arrêts**

L'exécution des jugements et arrêts est faite par :

1° les huissiers de justice professionnels ;

2° les huissiers de justice non-professionnels prévus par la loi régissant la fonction d'Huissier de Justice.

**Article 227: Personnes chargées du suivi de l'exécution des jugements**

Les personnes chargées du suivi de l'exécution des jugements sont les suivantes:

1° l'Organe National de Poursuite en ce qui concerne la peine d'emprisonnement, les dommages-intérêts prononcés d'office et la peine accessoire;

2° la Police Nationale du Rwanda ou les autorités locales habilitées par le Ministre ayant la justice dans ses attributions en ce qui concerne la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général;

3° la partie civile en ce qui concerne les dommages-intérêts lui alloués;

4° Umwanditsi w'urukiko ku byerekeye kwakira amafaranga y'ihazabu n'amagarama y'urukiko.

**<u>Ingingo ya 228</u>: Kurekura ushinjwa uhanaguweho icyaha**

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya 3 n'icya 4 by'ingingo ya 182 y'iri tegeko, ushinjwa uhanaguweho icyaha ahita arekurwa n'umuyobozi wa gereza agaragarijwe matolewo y'urubanza.

Iyo ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'ibivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 182 y'iri tegeko bitubahirijwe, ushinjwa akaguma muri gereza, umucamanza ashobora gufata ibyemezo biteganywa mu ngingo ya 90 n'iya 91 z'iri tegeko.

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: IGIFUNGO**

**<u>Ingingo ya 229</u>: Irangizwa ry'igihano cy'igifungo**

Igihano cy'igifungo kirangirizwa muri gereza.

Itegeko riteganya uburenganzira bw'abafungiwe muri gereza n'imirimo basabwa gukora.

4° a court registrar with respect to the collection of fines and court fees.

**<u>Article 228</u>: Release of an accused person who is acquitted**

Without prejudice to the provisions of Paragraphs 3 and 4 of Article 182 of this Law, an accused who is acquitted shall be immediately released by the Prison Director upon presentation of a copy of judgment.

If the provisions of Paragraph One of this Article and Paragraph One of Article 182 of this Law are not enforced by retaining the acquitted person in prison, the judge may take measures provided for under Articles 90 and 91 of this Law.

**<u>CHAPTER ONE</u>: IMPRISONMENT**

**<u>Article 229</u>: Serving imprisonment penalty**

Imprisonment penalty shall be served in prison.

A law shall provide for rights of prisoners and activities they are required to perform.

4° le greffier en ce qui concerne le recouvrement des amendes et des frais de justice.

**<u>Article 228</u>: Libération d'un accusé acquitté**

Sans préjudice des alinéas 3 et 4 de l'article 182 de la présente loi, l'accusé acquitté est immédiatement relâché par le Directeur de la prison sur présentation de la copie de jugement ou d'arrêt.

Si l'alinéa premier du présent article et l'alinéa premier de l'article 182 de la présente loi ne sont pas respectés en maintenant la personne acquittée en détention, le juge peut ordonner les mesures prévues aux articles 90 et 91 de la présente loi.

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: EMPRISONNEMENT**

**<u>Article 229</u>: Exécution de la peine d'emprisonnement**

La peine d'emprisonnement s'exécute dans un établissement pénitentiaire.

Une loi prévoit les droits des prisonniers et les travaux qu'ils sont appelés à faire.

**Ingingo ya 230: Ahafungirwa abagore n'abana**

Abagore n'abana bafungirwa mu bice byabugenewe muri gereza.

**Ingingo ya 231: Uburyo bukurikizwa mu irangiza ry'ibihano by'igifungo**

Uburyo bukurikizwa mu irangiza ry'ibihano by'igifungo bushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**UMUTWE WA II: IHAZABU**

**Ingingo ya 232: Kwishyura ihazabu n'amagarama y'urukiko**

Ihazabu n'amagarama y'urukiko bihabwa umwanditsi w'urukiko mu minsi umunani (8) kuva urubanza rubaye ndakuka.

Byemejwe na Perezida w'urukiko rwaciye urubanza, icyo gihe gishobora kongerwa ariko ntikirenze amezi atandatu (6).

Icyakora, kwishyura ihazabu n'amagarama y'urukiko bishobora gutegekwa urubanza rukimara gucibwa iyo ababuranyi bombi bahari, cyangwa kuva igihe babimenyesherejwe iyo rwaciwe umuburanyi adahari, bakaba batinya ko uwakatiwe yabura mu irangiza ry'ibyo bihano.

**Article 230: Detention facilities for women and minors**

Women and minors shall serve their imprisonment penalty in special cells reserved for them in prisons.

**Article 231: Modalities for serving imprisonment penalties**

Modalities for serving imprisonment penalties shall be determined by an Order of the Minister in charge of justice.

**CHAPTER II: FINE**

**Article 232: Payment of fine and court fees**

Fine and court fees shall be paid to the Court Registrar within a period of eight (8) days from the date of final judgment.

The President of the Court having rendered the judgement may extend the payment period up to six (6) months.

However, the payment of fine and court fees may be ordered to be made immediately after pronouncement of the judgment if both parties are present or from the time of notification to parties when the judgment is pronounced in the absence of either party if there is a reason to fear that the convicted person may escape execution of the penalties.

**Article 230: Lieu de détention des femmes et des mineurs**

Les femmes et les mineurs exécutent les peines privatives de liberté dans des quartiers spéciaux des établissements pénitentiaires.

**Article 231: Modalités d'exécution des peines privatives de liberté**

Les modalités d'exécution des peines privatives de liberté sont fixées par arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions.

**CHAPITRE II: AMENDE**

**Article 232: Paiement d'amende et des frais de justice**

L'amende et les frais de justice sont payés entre les mains du greffier dans les huit (8) jours qui suivent la condamnation devenue irrévocable.

Le Président de la juridiction qui a rendu le jugement peut prolonger le délai de payement jusqu'à six (6) mois.

Toutefois, le paiement de l'amende et des frais de justice peut être exigé dès le prononcé du jugement si les parties sont présentes, ou dès sa signification, si les parties n'étaient pas présentes au jour du prononcé, lorsqu'il y a lieu de craindre que le condamné ne se soustraie à l'exécution des condamnations.

Kubera iyo mpamvu, umwanditsi w'urukiko asaba uwatsinzwe, mu nyandiko cyangwa mu ibaruwa ishinganywe mu iposita, kwishyura ihazabu n'amagarama mu gihe amutegetse.

**Ingingo ya 233: Gutegeka kwishyura mu gihe cyemejwe**

Isomwa ry'urubanza rifatwa nko gutegeka kwishyura mu gihe cyagenwe n'urukiko iyo urubanza rwasomwe ababuranyi bombi bahari cyangwa guhera igihe rwamenyekanishirijwe iyo rwasomwe hari umuburanyi udahari.

Iyo icyo gihe kirangiye uwatsinzwe atishyuye, hakoreshwa ingufu za Leta.

**UMUTWE WA III: IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO CY'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO**

**Ingingo ya 234 : Uburyo igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro kirangizwa**

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro.

In that case, the Court Registrar shall ask a convicted person either in writing or by registered mail to pay fine and court fees within the time limits he/she prescribes.

**Article 233: Injunction to pay within the prescribed time limits**

The pronouncement of a judgement in the presence of both parties and its notification when pronounced in the absence of either party shall be deemed to be an injunction to pay within the time limits prescribed by the court.

If the convicted person does not pay in the prescribed time limits, he/she shall be forced to pay.

**CHAPTER III: COMMUNITY SERVICE AS ALTERNATIVE PENALTY TO IMPRISONMENT**

**Article 234: Modalities for the execution of community service as alternative penalty to imprisonment**

A Presidential Order shall determine modalities for the execution of community service as alternative penalty to imprisonment.
.

A cet effet, le greffier invite le condamné soit par écrit, soit par pli recommandé à la poste, à payer l'amende et les frais de justice dans le délai qu'il détermine.

**Article 233: Sommation de payer dans le délai fixé**

Le prononcé du jugement, si les parties sont présentes, ou sa signification, s'il y avait une partie absente au jour du prononcé, vaut sommation de payer dans le délai fixé.

Si le condamné ne s'exécute pas dans le délai fixé, il est procédé à l'exécution forcée.

**CHAPITRE III: PEINE ALTERNATIVE A L'EMPRISONNEMENT DE TRAVAUX D'INTERET GENERAL**

**Article 234: Modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d`intérêt général**

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général.

**UMUTWE WA IV: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya 235: Irangizwa ry'urubanza ry'agateganyo**

Irangizwa ry'urubanza ry'agateganyo rirabujijwe mu manza z'inshinjabyaha, keretse mu byerekeye gusubiza iby'abandi cyangwa gutanga indishyi z'akababaro.

**INTERURO YA VII: IMPAMVU ZIHAGARIKA IRANGIZA RY'IGIHANO**

**UMUTWE WA MBERE : IMBABAZI ZITANGWA NA PEREZIDA WA REPUBULIKA**

**Ingingo ya 236: Imbabazi zihawe benshi hamwe cyangwa umuntu umwe**

Imbabazi zihawe benshi hamwe cyangwa umuntu umwe zitangwa na Perezida wa Repubulika mu bushishozi bwe no ku nyungu rusange z'Igihugu.

Imbabazi zitanzwe na Perezida wa Repubulika zivanaho ibihano byose cyangwa bimwe uwakatiwe yaciwe cyangwa zikabisimbuza ibindi bihano byoroshye.

**CHAPTER IV: COMMON PROVISION**

**Article 235: Provisional execution of a judgement**

Provisional execution of a judgement shall be prohibited in criminal cases, except in matters relating to the restitution of property or payment of damages.

**TITLE VII: GROUNDS FOR SUSPENSION OF THE EXECUTION OF A PENALTY**

**CHAPTER ONE: PRESIDENTIAL PARDON**

**Article 236: Collective or individual pardon**

The power to grant collective or individual pardon shall be exercised by the President of the Republic at his/her sole discretion and in public interests.

Presidential pardon shall remit in whole or in part penalties imposed or commute them to less severe form of penalties.

**CHAPITRE IV: DISPOSITION COMMUNE**

**Article 235: Exécution provisoire d'un jugement ou d'un arrêt**

L'exécution provisoire est interdite en matière pénale, sauf en ce qui concerne les condamnations aux restitutions et aux dommages-intérêts.

**TITRE VII: CAUSES DE SUSPENSION DE L'EXECUTION DE LA PEINE**

**CHAPITRE PREMIER: GRACE PRESIDENTIELLE**

**Article 236: Grâce collective ou individuelle**

La grâce collective ou individuelle est exercée, discrétionnairement et pour le bien général, par le Président de la République.

La grâce présidentielle consiste dans la remise totale ou partielle des peines prononcées ou dans leur commutation en d'autres peines moins graves.

**Ingingo ya 237: Ibihano bishobora gutangirwa imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika**

Imbabazi zishobora gutangirwa ibihano byose by'iremezo, n'iby'ingereka kandi bikomoka ku rubanza rwaciwe burundu.

Iyo igihano cyarangijwe kuri bimwe, imbabazi zishobora gutangirwa igihano cyose cyasigaye cyangwa igice cyacyo.

Igihano giteganya isubikagihano ntigishobora guhabwa imbabazi igihe cyose isubikagihano ritaravanwaho.

**Ingingo ya 238: Uburyo bwo gusaba imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika**

Gusaba imbabazi bikorwa mu nyandiko yandikirwa Perezida wa Repubulika, bikamenyeshwa Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Ku byerekeye imbabazi z'umuntu ukwe, gusaba imbabazi bikorwa n'uwakatiwe igihano cyangwa umuhagarariye. Usaba imbabazi agaragaza impamvu ashingiraho azisaba.

Ku byerekeye imbabazi rusange, bisabwa na Ministri ufite ubutabera mu nshingano ze amaze kugaragaza impamvu ashingiraho.

Mu gihe icyo ari cyose, gusaba imbabazi bimenyeshwa Ubushinjacyaha Bukuru kugira ngo

**Article 237: Penalties subject to Presidential pardon**

Presidential pardon may apply to main and additional penalties resulting from a judgment that has become final.

If a penalty has been partly executed, Presidential pardon may apply to the whole or part of the remainder of such a penalty.

A penalty with suspension shall not be subject to Presidential pardon unless the suspension is removed.

**Article 238: Procedure of applying for Presidential pardon**

Application for Presidential pardon shall be in writing and addressed to the President of the Republic with a copy to the Minister in charge of justice.

Application for individual Presidential pardon shall be lodged by a convicted person or his/her representative. The application shall indicate justifying reasons.

Application for collective Presidential pardon shall be lodged by the Minister in charge of justice and indicate justifying reasons.

In all cases, the National Public Prosecution Authority shall be informed of any application

**Article 237: Peines pouvant faire l'objet d'une mesure de grâce présidentielle**

La grâce présidentielle peut s'appliquer à toutes les peines principales et accessoires résultant d'une condamnation définitive.

Si la peine a été partiellement exécutée, la grâce présidentielle peut s'appliquer, en tout ou en partie, au reliquat de la peine à exécuter.

La condamnation avec sursis ne peut pas faire l'objet d'une grâce tant que le sursis n'est pas révoqué.

**Article 238: Procédure de recours en grâce présidentielle**

Le recours en grâce présidentielle est formé par voie de requête écrite adressée au Président de la République avec copie au Ministre ayant la justice dans ses attributions.

La requête pour la grâce présidentielle individuelle est présentée par le condamné ou par son représentant. Elle indique les motifs qui justifient la demande.

La requête pour la grâce présidentielle collective est présentée par le Ministre ayant la justice dans ses attributions. Elle indique les motifs qui justifient la demande.

Dans tous les cas, l'Organe National de Poursuite Judiciaire est informé de la demande de la grâce

buvuge, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), icyo butekereza kuri uko gusaba cyangwa ugusabirwa imbabazi.

**Ingingo ya 239: Raporo kuri dosiye zisaba imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika**

Iyo iperereza rimaze gukorwa n'Ubushinjacyaha, dosiye zisaba imbabazi zohererezwa Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, na we amaze gutanga igitekerezo cye, akorera raporo Perezida wa Repubulika mu gihe kitarenze amezi atatu (3), ari na we ufata icyemezo**.**

**Ingingo ya 240: Kumenyesha icyemezo cyemera cyangwa gihakana imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika**

Icyemezo cyemera cyangwa gihakana imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika kimenyeshwa nyir'ubwite na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 241: Uburyo imbabazi zatanzwe na Perezida wa Repubulika zubahirizwa**

Imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika zishobora gutangwa nta bisabwe kubahirizwa cyangwa hateganyijwe amabwiriza uwagiriwe imbabazi agomba gukurikiza, avuzwe mu cyemezo cyazo. Iyo ayo mabwiriza adakurikijwe, imbabazi ziherako zivanwaho kandi igihano kikarangizwa.

for Presidential pardon and provide advice thereon within three (3) months.

**Article 239: Report on the application files for Presidential pardon**

After the Public Prosecution has completed investigation, application files for Presidential pardon shall be sent to the Minister in charge of justice who, after providing advice, makes a report to the President of the Republic within three (3) months for a final decision.

**Article 240: Communicating a decision granting or denying Presidential pardon**

A decision granting or denying Presidential pardon shall be communicated to the applicant by the Minister in charge of justice.

**Article 241: Modalities for implementing Presidential pardon**

Presidential pardon may be granted unconditionally or subject to conditions indicated in the decision. If the conditions are not complied with, Presidential pardon shall be automatically revoked and execution of the penalty resumed.

présidentielle et donne son avis endéans trois (3) mois.

**Article 239: Rapport sur les dossiers de recours en grâce présidentielle**

L'Organe National de Poursuite, après investigation, transmet le dossier de recours en grâce présidentielle au Ministre ayant la justice dans ses attributions, qui, après avoir donné son opinion, fait un rapport, endéans trois (3) mois, au Président de la République pour décision finale.

**Article 240: Notification de la décision accordant ou rejetant la grâce présidentielle**

La décision accordant ou rejetant la grâce présidentielle est notifiée à l'intéressé par le Ministre ayant la justice dans ses attributions.

**Article 241: Modalités d'exécution de la grâce présidentielle**

La grâce présidentielle peut être soumise ou non à des conditions qui sont énoncées dans la décision. Si ces conditions ne sont pas respectées, la révocation de la grâce présidentielle a lieu de plein droit et l'exécution de la condamnation reprend.

Ubusaze bw'igihano buhagarara kubarwa hagati y'igihe uwahawe imbabazi yazimenyesherejwe n'igihe yazamburiwe.

The prescriptive period of the penalty shall be suspended during the period between the notification of Presidential pardon to the recipient and its revocation.

La prescription de la peine est suspendue entre la notification de la grâce présidentielle et sa révocation.

**Ingingo ya 242: Kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu**

Uwakatiwe igihano cyo gufungwa burundu akagiririrwa imbabazi ku buryo bugisimbuza igihano gito cyangwa ku buryo bukimukuraho cyose, agomba iteka guhabwa amabwiriza amubuza cyangwa amutegeka kuba ahantu mu gihe cy'imyaka cumi (10) kereka bitegetswe ukundi mu cyemezo cy'imbabazi.

Hakurikijwe ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, uwakatiwe igifungo cya burundu cy'umwihariko ashobora guhabwa imbabazi mu buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Article 242: Ban on entry into a place or restriction of movements**

Any person sentenced to life imprisonment which is commuted to a lesser form of penalty or remitted by Presidential pardon shall be automatically subject to ban on entry into a place or restriction of movements for a period of ten (10) years unless otherwise provided for in the decision granting Presidential pardon.

In accordance with the Penal Code, any person sentenced to life imprisonment with special provisions may be granted Presidential pardon in the manner provided for under Paragraph One of this Article.

**Article 242: Interdiction ou obligation de séjour**

Tout condamné à une peine d'emprisonnement à perpétuité qui obtient commutation ou remise de la peine est soumis de plein droit à l'interdiction de séjour ou à l'obligation de séjour pendant dix (10) années, sauf si la décision accordant la grâce présidentielle en dispose autrement.

Conformément au Code Pénal, tout condamné à une peine de réclusion criminelle à perpétuité peut être accordé la grâce présidentielle dans les conditions prévues à l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 243: Inkurikizi z'imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika**

Imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika ntizivanaho ibihano by'ingereka bitavuzwe mu cyemezo kizitanga habe n'inkurikizi z'ubutsindwe, nk'izerekeye isubiracyaha, ugushyirwa mu maboko ya Leta, ubusubike bw'irangizagihano mu gihe habayeho ikurikiranwa ry'ibyaha bishya n'ugutsindirwa kuriha, nko gusubiza iby'abandi no gutanga indishyi z'akababaro.

**Article 243: Effects of Presidential pardon**

Presidential pardon shall not entail termination of additional penalties which are not specified therein or effects of conviction especially those relating to recidivism, placement under the Government's custody, suspension of the enforcement of a penalty in case of prosecution of subsequent offences and civil convictions such as restitution of property and payment of damages.

**Article 243: Effets de la grâce présidentielle**

La grâce présidentielle n'éteint pas les peines accessoires non visées par la décision accordant la grâce, ni les effets de la condamnation, notamment ceux relatifs à la récidive, à la mise à la disposition du Gouvernement, à la suspension de l'exécution de la peine en cas de poursuites ultérieures et aux condamnations civiles telles que les restitutions et les dommages-intérêts.

**Ingingo ya 244: Guhagarika irangiza ry'ibihano**

Irangizwa ry'igihano cy'ihazabu cyangwa cy'igifungo kingana n'amezi atatu cyangwa kiri hasi yayo, iyo ritaratangira, rirahagarikwa mu gihe cyose cy'iperereza rya dosiye kugeza ku munsi icyemezo cy'imbabazi gishyiriweho. Icyakora, mu bihe byose Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, ashobora gutegeka ko irangiza ry'ibihano rihagarara muri icyo gihe, ari ku byerekeye ibihano byose bitaratangira ari no ku byerekeye ibihano byatangiye kubahirizwa.

**UMUTWE WA II: IFUNGURWA RY'AGATEGANYO RY'UWAKATIWE**

**Ingingo ya 245: Impamvu zishobora gutuma ufunzwe yemererwa gufungurwa by'agateganyo**

Uwakatiwe igihano kimwe cyangwa byinshi by'igifungo cyangwa uwashyizwe mu maboko ya Leta ashobora gufungurwa by'agateganyo kubera impamvu zikurikira:

1° yagaragaje ibimenyetso bihagije by'ubwitonzi n'iyo agaragarwaho impamvu nyakuri zihamya ko azabana neza n'abandi;

2° arwaye indwara ikomeye idashobora gukira, byemejwe n'itsinda ry'abaganga nibura batatu (3) bemewe na Leta;

**Article 244: Suspension of execution of penalties**

The execution of a penalty consisting in fine or imprisonment not exceeding three (3) months which has not yet commenced shall be suspended during the time of investigation until the decision on Presidential pardon is made. However, in any case, the Minister in charge of justice may, during the period of investigation, order the suspension of enforcement of penalties which is pending or has already commenced.

**CHAPTER II: RELEASE ON PAROLE OF THE CONVICTED PERSON**

**Article 245: Grounds for release on parole**

A person who is sentenced to one or several imprisonment penalties or placed under the Government's custody may be granted release on parole on the following conditions:

1° if he/she sufficiently demonstrates good behaviour and gives serious pledges of social rehabilitation;

2° if he/she suffers from serious and incurable disease approved by a medical committee composed of at least three (3) recognized doctors;

**Article 244: Suspension de l'exécution des peines**

L'exécution d'une peine d'amende ou d'emprisonnement de trois (3) mois au maximum, si elle n'est pas encore commencée, est suspendue pendant l'instruction du dossier jusqu'à la décision sur la grâce présidentielle. Toutefois et dans tous les cas, le Ministre ayant la justice dans ses attributions peut, pendant l'instruction, ordonner qu'il soit sursis à l'exécution des peines non encore exécutées ou qui sont en cours d'exécution.

**CHAPITRE II: LIBERATION CONDITIONNELLE DU CONDAMNE**

**Article 245: Conditions de libération conditionnelle**

La personne qui est condamnée à une ou plusieurs peines d'emprisonnement ou de mise à la disposition du Gouvernement peut bénéficier d'une libération conditionnelle dans les conditions suivantes:

1° si elle a montré des preuves suffisantes de bonne conduite et qu'elle présente des gages sérieux de réadaptation sociale;

2° si elle souffre d'une maladie grave incurable approuvée par un comité d'au moins trois (3) médecins agréés ;

3° iyo yujuje igihe giteganywa n'ingingo ya 246 y'iri tegeko hakurikijwe ibyaha yahamijwe.

Uwujuje impamvu imwe mu zivugwa mu gace ka 1º n'aka 2º tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo agomba kuzuza n'impamvu ivugwa mu gace ka 3º kugira ngo yemererwe gusaba ifungurwa ry'agateganyo.

**<u>Ingingo ya 246</u>: Igihe cy'igifungo gisabwa usaba gufungurwa by'agateganyo**

Usaba gufungurwa by'agateganyo ashobora kubyemererwa mu bihe bikurikira:

1° iyo yakatiwe igifungo kitarengeje imyaka itanu akaba amaze gufungwa kimwe cya gatatu (1/3) cyayo;

2° iyo yakatiwe igifungo kirengeje imyaka itanu (5) akaba amaze gufungwa bibiri bya gatatu (2/3) byayo;

3° iyo yakatiwe igifungo cya burundu cyangwa igifungo cya burundu y'umwihariko ntashobora gufungurwa by'agateganyo atarangije imyaka makumyabiri (20) y'igifungo.

3° if he/she has already served his/her penalty for a period of time provided for under Article 246 of this Law depending on the offences of which he/she was convicted.

A person who satisfies any of the conditions provided for under items 1º and 2º of Paragraph One of this Article must also satisfy the condition provided under item 3º to be granted release on parole.

**<u>Article 246</u>: Period of imprisonment to be completed before applying for release on parole**

Release on parole may be granted to the applicant under the following conditions:

1° if he/she was sentenced to a term of imprisonment not exceeding five (5) years and has served at least one third (1/3) of the penalty;

2° if he/she was sentenced to a term of imprisonment more than five (5) years and has served at least two-thirds (2/3) of the penalty;

3° if he/she was sentenced to life imprisonment or life imprisonment with special provisions, he/she may be granted release on parole only after serving at least twenty (20) years.

3° si elle a déjà purgé sa peine pour une durée prévue à l'article 246 de la présente loi selon les infractions dont elle est reconnue coupable.

La personne remplissant l'une des conditions visées aux points 1º et 2º de l'alinéa premier du présent article doit également remplir la condition visée au point 3º pour bénéficier de la libération conditionnelle.

**<u>Article 246</u>: Période d'emprisonnement à accomplir par la personne qui demande la libération conditionnelle**

La libération conditionnelle peut être accordée à la personne qui en fait la demande dans les conditions suivantes **:**

1° si elle a été condamnée à une peine d'emprisonnement ne dépassant pas cinq (5) ans et qu'elle vient de purger au moins un tiers (1/3) de cette peine ;

2° si elle a été condamnée à une peine d'emprisonnement supérieure à cinq (5) ans et qu'elle vient de purger au moins deux tiers (2/3) de cette peine ;

3° si elle a été condamnée à une peine d'emprisonnement à perpétuité ou la peine de réclusion criminelle à perpétuité, elle ne peut bénéficier d'une mise en liberté conditionnelle qu'après avoir purgé au moins

vingt (20) ans de sa peine d'emprisonnement.

**Ingingo ya 247: Uburyo bwo gusaba ifungurwa ry'agateganyo**

Ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe risabwa Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe ryemezwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, amaze kumva icyo Ubushinjacyaha n'Umuyobozi wa Gereza babivugaho.

Icyemezo cy'ifungurwa ry'agateganyo ntikijuririrwa.

**Ingingo ya 248: Kwambura ifungurwa ry'agateganyo**

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, abisabwe n'Ubushinjacyaha, ashobora kwambura umuntu ifungurwa ry'agateganyo bitewe n'uko akatiwe igihano gishya, n'uko atitwaye neza ku buryo bugaragara, cyangwa atubahiriza ibyategetswe mu cyemezo cyamufunguye by'agateganyo.

Mu gihe byihutirwa, kongera gufatwa k'uwahawe ifungurwa ry'agateganyo bishobora gutegekwa n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye cyangwa Umushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze, agaherako

**Article 247: Application procedure for release on parole**

Application for release on parole shall be addressed to the Minister in charge of justice.

Release on parole shall be approved by an Order of the Minister in charge of justice after seeking advice from the Public Prosecution and prison Director.

The decision granting release on parole shall not be subject to appeal.

**Article 248: Revocation of release on parole**

The Minister in charge of justice upon request by the Public Prosecution may revoke release on parole if the person is sentenced for another offence, shows gross misconduct or breaches conditions imposed by release on parole order.

In cases of emergency, the Prosecutor General, Military Prosecutor General, Chief Prosecutor at Intermediate level or the Prosecutor at Primary level may order that a person granted release on parole be re-arrested and immediately inform the Minister in charge of justice thereof.

**Article 247: Mode de demande de libération conditionnelle**

La demande de libération conditionnelle est adressée au Ministre ayant la justice dans ses attributions.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions accorde, par arrêté, la libération conditionnelle du condamné après avis de l'Organe National de Poursuite et du Directeur de prison.

La décision de mise en libération conditionnelle n'est pas susceptible de recours.

**Article 248: Révocation de la libération conditionnelle**

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions peut, sur demande de l'Organe National de Poursuite, révoquer la libération conditionnelle pour cause d'une nouvelle condamnation, d'inconduite notoire ou de non-soumission aux conditions énoncées dans la décision de mise en libération conditionnelle.

Le Procureur Général, l'Auditeur Général Militaire, le Procureur en Chef ou l'Officier de poursuite au niveau de base peut, en cas d'urgence, ordonner une nouvelle arrestation de la personne ayant bénéficié d'une libération conditionnelle et en informer immédiatement le

abimenyesha Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 249: Ingaruka zo kwamburwa ifungurwa ry'agateganyo**

Nyuma yo kwamburwa ifungurwa ry'agateganyo, uwakatiwe agomba gufungirwa igihano cyose cyangwa igice cyacyo yari ashigaje igihe ahabwa ifungurwa, giteranyije n'ikindi gihano cyose yaba yaraciwe nyuma.

**Ingingo ya 250: Gukomorerwa burundu ubwigenge**

Iyo nta kwamburwa ifungurwa ry'agateganyo kwabaye mu gihe kingana n'icy'igifungo uwakatiwe yari ashigaje ku munsi abonaho ifungurwa ry'agateganyo, akomorerwa burundu ubwigenge bwe. Muri icyo gihe, byitwa ko igihano cye kirangiye ku munsi yafunguriweho by'agateganyo.

**Ingingo ya 251: Ubusaze bw'ikurikiranabihano**

Ubusaze bw'ikurikiranabihano ntibubarwa mu gihe uwakatiwe yafungujwe by'agateganyo n'iteka ritavuyeho.

**Article 249: Effects of revocation of release on parole**

A person whose release on parole is revoked must serve the whole or part of the remainder of the penalty to be served at the time of release on parole being combined with any other penalty that may have been subsequently imposed on him/her.

**Article 250: Full enjoyment of freedom**

If release on parole is not revoked before the expiry of a period equal to a remainder of the penalty to be served at the time of release on parole, the convicted person shall fully enjoy his/her freedom. In that case, the penalty shall be deemed to be completed from the date release on parole was granted.

**Article 251: Limitation period for the execution of penalties**

The limitation period for the enforcement of penalties shall be suspended when a convicted person is released on parole through an Order that has not been revoked.

Ministre ayant la justice dans ses attributions.

**Article 249: Effets de la révocation de la libération conditionnelle**

Après révocation de la libération conditionnelle, le condamné doit subir tout ou partie de la peine qu'il lui restait à purger au moment de sa mise en liberté conditionnelle, cumulativement avec toute nouvelle peine qu'il aurait encourue.

**Article 250: Acquisition définitive de la liberté**

Si la révocation n'est pas intervenue avant l'expiration d'un délai égal au temps d'incarcération que le condamné avait encore à subir lors de sa mise en liberté conditionnelle, la liberté définitive lui est acquise. Dans ce cas la peine est réputée terminée au jour de la libération conditionnelle.

**Article 251: Prescription de l'exécution des peines**

La prescription des peines ne court pas pendant que le condamné se trouve en liberté en vertu d'un arrêté de libération conditionnelle qui n'a pas été révoquée.

## UMUTWE WA III: ISUBIKAGIHANO

**Ingingo ya 252: Gusubika irangizarubanza ku bihano byose cyangwa ibice byabyo**

Iyo uwakatiwe nta bindi bihano yaciwe mbere by'igifungo kirenga amezi atandatu (6), muri urwo rubanza, urukiko rukoresheje icyemezo gisobanuriwe impamvu, rushobora gutegeka gusubika irangizarubanza ku bihano byose cyangwa ibice byabyo biciwe by'iremezo cyangwa by'ingereka; ariko kandi igihano cy'iremezo cy'igifungo umuntu yakatiwe kikaba kitarenze imyaka itanu (5).

**Ingingo ya 253 : Guta agaciro kw'igihano cyasubitswe**

Igihano gitanzwe kandi kigasubikwa gita agaciro, niba, mu gihe cyemejwe kandi kidashobora kujya hasi y'umwaka umwe no kurenga imyaka itanu (5), uwakatiwe atongeye gukurikiranwa kandi ngo akatirwe igihano ku kindi cyaha kuva ku munsi icyemezo cyahagaritse irangizarubanza kitagishoboye gusubirwaho.

Iyo bitabaye bityo, ibihano byasubikiwe irangiza, n'ibyaciwe nyuma, biteranyirizwa hamwe, byose akabirangiza.

## CHAPTER III: SUSPENSION OF A PENALTY

**Article 252: Suspension of enforcement of the whole or part of penalties**

If the convicted person was not previously given other imprisonment penalties exceeding six (6) months each, the court may through a reasoned order suspend execution of all or part of the main or additional penalties imposed provided that the main penalty imposed does not exceed five (5) years.

**Article 253: Suspended penalty deemed null and void**

A suspended penalty shall be deemed null and void if, within a prescribed period which is not less than one year and not more than five (5) years, the convicted person is not subsequently prosecuted and convicted of a new offence committed after the decision granting suspension of the enforcement of penalties has become final.

Otherwise, penalties of which enforcement has been suspended and those subsequently imposed shall be combined and enforced.

## CHAPITRE III: SURSIS

**Article 252: Sursis à l'exécution de tout ou partie des peines**

Si le condamné n'a pas fait l'objet de condamnations antérieures à un emprisonnement supérieur à six (6) mois, la juridiction peut, par décision motivée, ordonner par le même jugement, qu'il soit sursis à l'exécution de tout ou partie des peines principales ou accessoires qu'elle prononce, à condition que la peine d'emprisonnement principale prononcée n'excède pas cinq (5) ans.

**Article 253: Condamnation avec sursis considérée comme non avenue**

La condamnation prononcée avec sursis est considérée comme non avenue si, pendant le délai fixé par la décision et qui ne peut être inférieur à un an ni excéder cinq (5) ans, le condamné n'encourt aucune poursuite suivie d'une nouvelle condamnation pénale pour une infraction commise postérieurement à la date à laquelle la décision accordant le sursis est devenue définitive.

Dans le cas contraire, les peines pour lesquelles le sursis avait été accordé et celles qui font l'objet de la condamnation nouvelle sont cumulativement exécutées.

**<u>Ingingo ya 254</u>: Ingaruka z'isubikagihano**

Isubikagihano ntiribuza gutanga amagarama y'urubanza n'indishyi z'akababaro. Ntirinabuza kwamburwa ubushobozi bukomoka k'ugukatirwa. Nyamara, ukwamburwa ubushobozi bivaho igihe igihano kiba cyataye agaciro.

**<u>INTERURO YA VIII</u>: IMPAMVU ZIKURAHO IGIHANO**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u> : IMBABAZI ZITANGWA N'ITEGEKO**

**<u>Ingingo ya 255</u>: Igisobanuro cy'imbabazi zitangwa n'itegeko**

Imbabazi zitangwa n'itegeko ni imbabazi zihabwa abantu ku bihano bari barakatiwe. Zitangwa mu nyungu rusange bitewe n'ibihe igihugu kirimo cyangwa kivuyemo.

Imbabazi zitangwa n'itegeko, zisabwa na Guverinoma zikemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko.

Itegeko ritanga imbabazi ntirivuga amazina y'abantu bahawe imbabazi ahubwo rivuga ibyaha bibabariwe cyangwa icyiciro cy'abakoze icyaha kibabariwe.

**<u>Article 254</u>: Effects of suspension of penalty**

Suspension of penalty shall not prevent the payment of court fees and damages. Nor shall it extend to the deprivation of rights as a result of conviction. However, deprivation of rights shall cease to have effect on the date the offence becomes null and void.

**<u>TITLE VIII</u>: GROUNDS FOR REMOVAL OF A PENALTY**

**<u>CHAPTER ONE</u> : AMNESTY**

**<u>Article 255</u>: Definition of amnesty**

Amnesty means pardon granted to persons in connection with the penalties which were imposed on them. Amnesty shall be granted in public interests depending on the current or previous state of the Nation.

Amnesty shall be initiated by the Government and approved by the Parliament.

An amnesty law shall not list the names of individuals granted amnesty. It shall rather state offences or categories of persons subject to the amnesty.

**<u>Article 254</u>: Effets du sursis**

Le sursis ne s'étend pas au paiement des frais de justice et des dommages-intérêts. Elle ne s'étend pas non plus aux incapacités résultant de la condamnation. Toutefois, ces incapacités cessent d'avoir effet du jour où la condamnation est considérée comme non avenue.

**<u>TITRE VIII</u>: CAUSES DE DISPARITION DE LA CONDAMNATION**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: AMNISTIE**

**<u>Article 255</u> : Définition de l'amnistie**

On entend par amnistie, la grâce accordée aux condamnés dans l'intérêt public dépendamment de la situation actuelle ou antérieure de la Nation.

L'amnistie est initiée par le Gouvernement et approuvé par le Parlement.

La loi d'amnistie ne cite pas les noms des personnes amnistiées. Elle indique plutôt les infractions ou la catégorie des personnes amnistiées.

**Ingingo ya 256: Ingaruka z'imbabazi zitangwa n'itegeko**

Imbabazi zitanzwe n'itegeko zisibanganya icyaha. Iyo igihano cyaciwe, zikivanaho hamwe n'ingaruka zose z'icyaha.

Iyo hari impurirane mbonezamugambi y'ibyaha, uwakatiwe aba agiriwe imbabazi kuri byose iyo icyaha cyatangiwe imbabazi giteganyirijwe igihano kiruta cyangwa kingana n'ibindi byaha yakurikiranyweho, kabone n'aho abacamanza baba baraciye igihano gito bamaze kwemera impamvu zigabanya ububi bw'icyo cyaha.

Iyo hari impurirane y'imbonezabyaha, imbabazi zireba icyaha cyatangiweho imbabazi gusa.

**Ingingo ya 257: Kugena ibigomba gukurikizwa mu gihe hatanzwe imbabazi**

Itegeko ritanga imbabazi rishobora kugena ibigomba gukurikizwa.

**Ingingo ya 258: Gukurikirana urubanza rw'indishyi mu gihe habayeho imbabazi zitangwa n'itegeko**

Imbabazi zitangwa n'itegeko ntizigira ingaruka ku ndishyi z'akababaro zagenwe mu rubanza nshinjabyaha no ku byo abandi barangije guheshwa n'urubanza.

**Article 256: Effects of amnesty**

Amnesty shall extinguish criminal liability. It shall extinguish imposed penalty and all the consequences of the offense.

If there is ideal concurrence of offences, amnesty shall apply to all the concurrent offences, if the offence covered by amnesty is punishable with a penalty heavier than or equal to other penalties imposed even if the judges would have imposed a lesser penalty after accepting mitigating circumstances of the offence covered by amnesty.

If there is real concurrence of offences, amnesty shall only apply to the offence covered by amnesty.

**Article 257: Amnesty subject to conditions**

An amnesty law may provide for conditions to be observed.

**Article 258: Exercise of civil action in case of amnesty**

Amnesty shall in no way affect damages awarded in a criminal case or rights acquired by third parties under a judgement.

**Article 256 : Effets de l'amnistie**

L'amnistie éteint l'infraction. S'il y a eu condamnation, elle efface la condamnation pénale avec toutes les conséquences de l'infraction.

En cas de concours idéal d'infractions, le condamné est amnistié si l'infraction amnistiée par la loi comporte la peine la plus forte ou une peine égale à la peine prévue pour les autres infractions poursuivies, lors même que les juges auraient décidé une peine inférieure, après avoir accepté les circonstances atténuantes de cette infraction.

En cas de concours matériel d'infractions, l'amnistie s'applique seulement à l'infraction amnistiée.

**Article 257: Subordination de l'amnistie à des conditions**

La loi accordant l'amnistie peut déterminer des conditions à remplir.

**Article 258: Poursuite de l'action civile en cas d'amnistie**

L'amnistie ne préjudicie pas des dommages déterminés dans le procès pénal ni des droits acquis par les tiers en vertu du jugement ou arrêt.

Imbabazi z'itegeko ntizigira ingaruka ku gihano cyatanzwe mu rwego rw'akazi.

Amnesty shall in no way affect disciplinary sanction.

L'amnistie n'a pas d'effet sur la sanction disciplinaire.

**UMUTWE WA II: IHANAGURABUSEMBWA**

**CHAPTER II: REHABILITATION**

**CHAPITRE II: REHABILITATION**

**Ingingo ya 259: Ushobora guhanagurwaho ubusembwa**

Uwakatiwe wese igihano gikomotse ku cyaha cy'ubugome cyangwa ku cyaha gikomeye ashobora guhanagurwaho ubusembwa.

**Article 259: A person who may be rehabilitated**

Any person who is convicted of a felony or misdemeanour may be rehabilitated.

**Article 259 : Personne pouvant être réhabilitée**

Tout condamné à une peine pour avoir commis un crime ou un délit peut être réhabilité.

**Ingingo ya 260: Igihe kigomba gushira kugira ngo hasabwe ihanagurabusembwa**

Ihanagurabusembwa rishobora gutangwa iyo hashize imyaka itanu (5) kandi niba muri icyo gihe uwakatiwe yarakomeje kugaragaraho ibimenyetso nyakuri by'imyifatire myiza.

Icyo gihe kibarwa, ku wakatiwe igihano cy'ihazabu, kuva ku munsi imikirize y'urubanza rumuhana rutagishoboye gusubirwaho, naho ku wakatiwe igifungo kuva ku munsi yafunguriweho burundu cyangwa kuva ku munsi yaboneyeho ifungurwa ry'agateganyo iyo atigeze aryamburwa.

Ku byerekeye abasubiracyaha n'abarengeje igihe cyo gukurikiranwaho ibihano, igihe kibarwa ni icy'imyaka icumi (10) kuva bafunguwe cyangwa kuva ku munsi igihe cyo kudashobora gukurikirana ibihano cyatangiriye.

**Article 260: Time required before applying for rehabilitation**

Rehabilitation may be granted after five (5) years if during that time a convicted person has continuously and effectively demonstrated good behaviour.

Such time shall run from the date the conviction becomes final for a person sentenced to a fine and in case of a person sentenced to imprisonment, from the date of final release or that of release on parole that has not been revoked.

For recidivists and convicted persons whose penalty is extinguished by prescription, such time shall be ten (10) years from the date of release or from the start of the limitation period for the enforcement of penalties.

**Article 260: Délai requis pour demander la réhabilitation**

La réhabilitation peut être accordée lorsqu'un délai de cinq (5) ans s'est écoulé et que pendant ce délai le condamné n'a pas cessé de donner des preuves réelles de bonne conduite.

Ce délai court, pour les condamnés à l'amende, du jour où la condamnation est devenue irrévocable et, pour les condamnés à l'emprisonnement, du jour de leur libération définitive ou du jour de la libération conditionnelle si celle-ci n'a pas été suivie de révocation.

Pour les récidivistes et les personnes dont la peine est éteinte par prescription, le délai est de dix (10) ans depuis la date de la libération ou de la prescription.

**Ingingo ya 261: Ibisabwa kugira ngo uwakatiwe ahabwe ihanagurabusembwa**

Uretse mu gihe irangizwa ry'urubanza ryaba ryarashaje, uwakatiwe agomba kugaragaza ko yatanze amagarama y'urubanza, ihazabu n'indishyi z'akababaro cyangwa se ko yabisonewe.

Iyo atabiboneye gihamya, agomba kwerekana ko Leta cyangwa abakorewe icyaha baretse kukimukurikiranaho.

Ariko, iyo uwakatiwe agaragaza ko ari umutindi nyakujya ikaba ari yo mpamvu yatumye atishyura amafaranga yaciwe, ashobora guhabwa ihanagurabusembwa, naho yaba atatanze amafaranga cyangwa yaratanze igice.

**Ingingo ya 262: Kwemeza umugabane usaba guhanagurwaho ubusembwa agomba kwishyura**

Iyo mu gihe buri muntu mu bakatiwe ashobora gukurikiranwa kuri byose, ariko usaba guhanagurwaho ubusembwa akaba adashobora kwishyura amafaranga yose yagenwe n'urukiko, urukiko rwemeza umugabane usaba agomba kwishyura.

**Ingingo ya 263: Iherezo ry'amafaranga atarakiriwe n'uwayatsindiye**

Iyo nyir'ukurenganywa n'icyaha atabonetse,

**Article 261: Conditions for rehabilitation**

A convicted person must prove payment of court fees, fines and damages or an exemption from payment thereof, unless the limitation period for the execution of the judgement has expired.

If the convicted person fails to prove it, he/she must prove that the Government or victims decide not to claim against him/her.

However, if the convicted person proves that he/she is extremely poor so that he/she could not afford to pay pecuniary penalties, he/she may be granted rehabilitation whether pecuniary penalties are not paid or are paid in part.

**Article 262: Determining the pecuniary amount to be paid by a person applying for rehabilitation**

In case there are persons who are jointly and severally liable, but the person applying for rehabilitation cannot afford to pay the entire pecuniary amount ordered by the court, the court may determine the amount to be paid by the applicant.

**Article 263: Disposal of the pecuniary amount that is not received by a person to whom it is awarded**

If the victim of an offence cannot be found our

**Article 261: Conditions de réhabilitation**

Le condamné doit, sauf le cas de prescription de la peine, justifier du paiement des frais de justice, de l'amende et des dommages et intérêts ou de la remise qui lui en a été faite.

Si le condamné ne parvient pas à présenter la justification du paiement ou de l'exemption, il doit prouver que l'Etat ou les victimes ont renoncé à leur réclamation contre lui.

Néanmoins, si le condamné justifie qu'il est extrêmement pauvre à tel point qu'il ne peut se libérer des condamnations pécuniaires, il peut être réhabilité, même si ces condamnations n'ont pas été payées ou ne l'ont été qu'en partie.

**Article 262: Fixation de la part à payer par la partie qui demande la réhabilitation**

Si en cas de condamnation solidaire, la partie qui demande la réhabilitation ne peut pas payer la totalité du montant de la condamnation, la juridiction fixe la part à payer par cette partie.

**Article 263: Affectation de la somme d'argent qui n'est pas reçue par la partie à laquelle elle est accordée**

Si la partie lésée ne peut être retrouvée ou si elle

cyangwa akanga kwakira amafaranga amugenewe, ayo mafaranga abikwa mu isanduku ya Leta.

Iyo uyagenewe ataje kuyatwara hagashira imyaka itanu (5), ayo mafaranga aherera mu isanduku ya Leta.

**Ingingo ya 264: Gusaba ihanagurabusembwa**

Uwakatiwe asaba ihanagurabusembwa abyandikiye Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare ku manza zaciwe n'inkiko za Gisirikare. Uko gusaba kuvuga itariki nyayo y'imikirize y'urubanza yahaniwemo n'ahantu hose uwakatiwe yabaye kuva afunguwe.

Dosiye yohererezwa Ubushinjacyaha kugira ngo bugire icyo buvuga ku myifatire y'usaba ihanagurabusembwa. Ubushinjacyaha bwaka matolewo z'imanza uwakatiwe yagiye ahanirwamo, inyandukuro y'igitabo cy'aho yafungiwe cyanditsemo igihano yarangije, bukaka n'icyemezo cy'indangabihano.

Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rufata icyemezo ku ngingo z'Ubushinjacyaha mu gihe cy'amezi abiri (2), usaba ihanagurabusembwa cyangwa umwunganira amaze kubazwa cyangwa barahamagawe ku buryo buteganyijwe n'itegeko.

refuses to take the pecuniary amount awarded to him/her, such an amount shall be kept in the State Treasury.

If the recipient party does not collect the money within five (5) years, the pecuniary amount shall devolve on the State Treasury.

**Article 264: Applying for rehabilitation**

A convicted person shall apply for rehabilitation in writing to the High Court or the Military High Court for cases tried by military courts. The application shall specify the date of conviction and all places where the convicted person has lived since the time of release.

The application file shall be forwarded to the Public Prosecution for advice on the conduct of the person applying for rehabilitation. The Public Prosecution shall request copies of judgement against the convicted person, a copy from the register of the detention facilities indicating the penalty served and a copy of criminal record.

The High Court or the Military High Court shall decide on the submissions of the Public Prosecution within two (2) months after hearing or duly summoning the applicant or his/her legal counsel.

refuse de recevoir la somme lui accordée, celle-ci est consignée au Trésor Public.

Si la partie bénéficiaire ne se présente pas dans un délai de cinq (5) ans pour se faire attribuer la somme consignée, cette somme est acquise au Trésor Public.

**Article 264 : Demande de réhabilitation**

Le condamné adresse la demande de réhabilitation par écrit à la Haute Cour ou à la Haute Cour Militaire pour les procès rendus par les juridictions militaires. Cette demande précise la date de la condamnation et les lieux où le condamné a résidé depuis sa libération.

Le dossier est transmis à l'Organe National de Poursuite qui se prononce sur la moralité du condamné requérant la réhabilitation. L'Organe National de Poursuite se fait délivrer une expédition des copies de jugements de condamnation, un extrait du registre des lieux de détention où la peine a été subie et l'extrait du casier judiciaire.

La Haute Cour ou la Haute Cour Militaire statue dans les deux (2) mois sur les conclusions de l'Organe National de Poursuite, la partie ou son avocat entendus ou dûment convoqués.

**Ingingo ya 265: Kutemera isabwa ry'ihanagurabusembwa**

Igihe isabwa ry'ihanagurabusembwa ritemewe, ntirishobora kongera gusabwa imyaka ibiri (2) itarangiye.

Iyo isabwa rya mbere ritemewe kubera ko igihe giteganyijwe mu ngingo ya 260 y'iri tegeko kitubahirijwe, gusaba bundi bushya bitangira igihe cyagenwe gishize.

**Ingingo ya 266: Gusesa ihanagurabusembwa**

Ihanagurabusembwa rikuraho igihano kandi kuva ubwo rikavanaho iburabubasha ryose.

Icyakora, ihanagurabusembwa riherako rikurwaho iyo uwari wararihawe akoze, mu myaka itanu (5), icyaha gihanishwa igifungo kingana cyangwa kirenga imyaka itanu (5), kandi akaba yaragiciriwe igihano cyo gufungwa. Kubera izo mpamvu, Ubushinjacyaha buregera Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare hakurikijwe ububasha bwa buri Rukiko, rukaba ari rwo rwemeza ikuraho ry'ihanagurabusembwa, usaba ihanagurabusembwa cyangwa umwunganira barahamagawe mu buryo buhuje n'itegeko.

Igihe ihanagurabusembwa rikuweho, risa n'iritigeze ribaho.

**Article 265: Rejecting the application for rehabilitation**

If the application for rehabilitation is rejected, it shall not be re-submitted before the expiration of two (2) years.

If the first application is rejected due to non-observance of the time provided for under Article 260 of this Law, the application may be renewed only after the expiration of the prescribed period of time.

**Article 266: Revocation of rehabilitation**

Rehabilitation shall extinguish not only a penalty but also all the deprivation of rights.

However, rehabilitation shall be automatically revoked if, within a period of five (5) years, the person granted rehabilitation commits an offence punishable with imprisonment equal to or exceeding five (5) years and for which he/she has been sentenced. In that case, the Public Prosecution shall petition the High Court or the Military High Court, depending on the competence, to decide on the revocation of rehabilitation after duly summoning the applicant or his/her legal counsel.

In case of revocation, rehabilitation shall be as if it had never been granted.

**Article 265: Rejet de la demande de réhabilitation**

En cas de rejet de la demande de réhabilitation, une nouvelle demande ne peut être formulée avant l'expiration d'un délai de deux (2) ans.

Si le rejet de la première demande a été motivé par le non respect du délai prévu à l'article 260 de la présente loi, la demande ne peut être renouvelée qu'à l'expiration du délai prescrit.

**Article 266: Révocation de la réhabilitation**

La réhabilitation efface la condamnation et fait cesser pour l'avenir toutes les incapacités qui en résultent.

Toutefois, la réhabilitation est révoquée de plein droit si le condamné réhabilité commet, dans les cinq (5) ans, une infraction passible d'un emprisonnement égal ou supérieur à cinq (5) ans, et suivie d'une condamnation à l'emprisonnement. A cet effet, l'Organe National de Poursuite saisit la Haute Cour ou la Haute Cour Militaire conformément à la compétence de chaque court aux fins de décider de la révocation de la réhabilitation, la partie ou son avocat étant dûment convoqué.

En cas de révocation, la réhabilitation est considérée comme n'ayant jamais été accordée.

**INTERURO YA IX: AMAGARAMA Y'URUKIKO**

**UMUTWE WA MBERE: GUTANGA INGWATE Y'AMAGARAMA Y'URUKIKO**

**Ingingo ya 267: Kwishyura ingwate y'amagarama y'urukiko**

Umuburanyi agomba kubanza guha umwanditsi w'urukiko icyemezo cy'uko ingwate y'amagarama yashyizweho n'iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze yatanzwe, kugira ngo yemererwe ibi bikurikira:

1° gusubirishamo urubanza;

2° kujurira;

3° kuregera urukiko umuntu atisunze Ubushinjacyaha;

4° kuregera indishyi;

5° gusubirishamo urubanza ingingo nshya.

Amagarama atangwaho ingwate mu Rukiko rwa Gisirikare angana n'atangwa mu Rukiko Rwisumbuye; atangwa mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare angana n'atangwa mu Rukiko Rukuru.

Amagarama ku byaciwe n'inkiko ajya mu isanduku

**TITLE IX: COURT FEES**

**CHAPTER ONE: DEPOSIT OF COURT FEES**

**Article 267: Deposit of court fees**

A party to the proceedings must first prove to the Court Registrar the deposit of court fees as specified by Order of the Minister in charge of justice so that he/she can be allowed to:

1° file an opposition;

2° file an appeal;

3° file a case by way of private prosecution;

4° file a claim of damages;

5° file an application for review.

Court fees paid in the Military Court shall be equal to that paid in an Intermediate Court whereas those paid in the Military High Court shall be equal to those paid in the High Court.

Court fees charged by Primary or Intermediate

**TITRE IX: FRAIS DE JUSTICE**

**CHAPITRE PREMIER: CONSIGNATION DES FRAIS DE JUSTICE**

**Article 267: Consignation des frais de justice**

Une partie au procès doit prouver au greffier la consignation des frais de justice tels que déterminés par arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions pour qu'elle soit autorisée à :

1° faire opposition ;

2° interjeter appel ;

3° faire la citation directe ;

4° se constituer en partie civile ;

5° faire recours en révision.

Les frais de justice à consigner devant le Tribunal Militaire correspondent à ceux consignés devant le Tribunal de Grande Instance alors que ceux devant être consignés devant la Haute Cour Militaire correspondent aux frais consignés devant la Haute Cour.

Les frais de justice exposés devant le Tribunal de

y'Akarere iyo yaciwe n'Urukiko rw'Ibanze cyangwa Urukiko Rwisumbuye. Ajya mu isanduku ya Leta iyo yaciwe n'izindi nkiko.

Umubare w'amafaranga agomba kongerwa ku yatanzweho ingwate mbere ashyirwaho n'umucamanza. Icyemezo cy'uko yatanzwe kibanza guhabwa umwanditsi nk'uko bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bitaba ibyo ntihagire ikindi gikorerwa ababuranyi.

Igihe havutse impaka ku magarama umwanditsi w'urukiko yaka, Perezida w'urukiko ni we uzikemura.

Amagarama y'Urukiko yishyurwa n'utsinzwe. Abarwa nk'uko bigenda mu manza z'imbonezamubano.

**<u>Ingingo ya 268</u>: Gusonerwa gutanga ingwate y'amagarama igihe barega**

Aba bakurikira basonerwa gutanga ingwate y'amagarama igihe barega:

1° abantu bafunzwe;

2° abatishoboye berekanye icyemezo cyatanzwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;

Courts shall devolve on the District account. Court fees charged by other courts shall devolve on the State Treasury.

Additional court fees to be paid in order to supplement the amount previously deposited shall be determined by the judge. The proof of payment shall be first sent to the Court Registrar as provided for under Paragraph One of this Article, otherwise no further proceeding shall be conducted in favour of the parties.

Any dispute relating to court fees claimed by the Court Registrar shall be settled by the President of the court.

The losing party shall pay the court fees. Court fees shall be determined in the same way as in civil cases.

**<u>Article 268</u>: Exemption from depositing court fees**

The following persons shall be exempted from depositing court fees when filing a case:

1° persons in prison;

2° a destitute with a certificate issued by competent authority;

Base ou le Tribunal de Grande Instance sont dus à la caisse du District. Les frais de justice exposés devant toute autre juridiction sont dus au Trésor Public.

Le montant des frais supplémentaires à payer pour compléter les frais de justice précédemment consignés est apprécié par le juge. La quittance en attestant le versement est préalablement donnée au greffier comme prévu à l'alinéa premier du présent article, à défaut de quoi il n'est procédé à aucun acte nouveau de procédure en faveur des parties.

Les contestations sur les frais de justice réclamés par le greffier sont tranchées par le Président de la juridiction.

Les frais de justice sont à charge de la partie qui perd le procès. Ils sont tarifiés comme en matière civile.

**<u>Article 268</u>: Dispense de la consignation des frais de justice**

Les personnes suivantes sont dispensées de la consignation des frais de justice lorsqu'elles saisissent les juridictions :

1° les détenus ;

2° les indigents munis d'une attestation délivrée par l'autorité compétente ;

3° Leta y'u Rwanda, uretse ibigo n'inzego byayo bifite ubuzimagatozi.

Abavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo badatanga ingwate y' amagarama basonerwa no gucibwa amagarama iyo batsinzwe urubanza.

**Ingingo ya 269: Kubara amagarama y'urukiko**

Amagarama y'urukiko abarwa n'umwanditsi warwo. Iyo hari uwaregeye indishyi, iryo barura rivuga amagarama agomba gufatwa ku ngwate yatanze n'agomba gucibwa uwatsinzwe. Iryo barura ry'amagarama rigenzurwa na Perezida w'urukiko kandi akarishyiraho umukono.

Iyo hari ubujurire, amagarama abarwa n'umwanditsi w'urukiko rwajuririwe kandi ibarura ryayo rigashyirwaho umukono na Perezida w'Urukiko rwayakiriye.

**Ingingo ya 270: Amagarama afatwa**

Umwanditsi akura amagarama y'urukiko mu mafaranga yatanzweho ingwate nubwo uregera indishyi yaba azitsindiye. Uwatsinzwe yishyura uwatsinze amafaranga yafashwe ku ngwate yatanze.

3° Government of Rwanda with the exception of its corporations with legal status.

Persons provided for under Paragraph One of this Article who do not pay deposit of court fees are also exonerated from paying court fees when they loose the case.

**Article 269: Calculation of court fees**

The statement of court fees shall be prepared by the Court Registrar. If there is a civil party, the statement shall indicate fees to be deducted from court fees deposited by the civil party and the amount to be paid by the losing party. The statement of court fees shall be verified and signed by the President of the Court.

In case of appeal, the statement of court fees shall be prepared by the Court Registrar of the court seized of the appeal and signed by the President of the court in which such fees are deposited.

**Article 270: Court fees withheld**

The Court Registrar shall deduct court fees from the amount deposited even if the civil party wins the case. The losing party shall reimburse the winning party for the amount deducted from deposited fees.

3° l'Etat Rwandais, à l'exception de ses établissements et institutions dotés de la personnalité juridique.

Les personnes visées à l'alinéa premier du présent article qui sont dispensées de consigner les frais de justice ne peuvent pas être condamnées au paiement des dépens et frais de justice lorsqu'elles perdent le procès.

**Article 269: Calculer des frais de justice**

L'état des frais de justice est dressé par le greffier. S'il y a une partie civile, cet état indique les frais à retenir sur les sommes consignées par la partie civile et ceux à percevoir contre le condamné. L'état des frais de justice est vérifié et signé par le Président de la juridiction.

En cas d'appel, l'état des frais de justice est dressé par le greffier de la juridiction saisie de l'appel et signé par le Président de la juridiction qui a reçu les frais de justice.

**Article 270: Frais de justice retenus**

Le greffier retient les frais de justice sur la somme déposée par la partie civile même si celle-ci gagne le procès. Les frais ainsi retenus sont payés par la partie perdante.

Icyakora, iyo uregera indishyi atari we wareze bwa mbere, ahubwo yarashamikiye ikibazo cye ku rubanza rwaregewe, amagarama afatwa n'umwanditsi w'urukiko ni ayerekeye gusa ibyakozwe mu rubanza bisabwe na we.

However, if the civil party did not initiate the case but his/her case emanates from proceedings already initiated, the court registrar shall only deduct fees associated with those proceedings conducted upon his/her request.

Toutefois, si la partie civile n'a pas initié l'instance mais s'est jointe à une procédure déjà engagée, les frais qui sont retenus par le greffier sont seulement ceux occasionnés par les actes faits à sa requête.

## UMUTWE WA II: UMUBARE W'AMAGARAMA Y'URUKIKO

## CHAPTER II: RATE OF COURT FEES

## CHAPITRE II: TARIF DES FRAIS DE JUSTICE

### Ingingo ya 271: Kugena inyandiko zitangwa n'inkiko n'amagarama azitangwaho

Mu manza z'inshinjabyaha, inyandiko zitangwa n'inkiko n'amagarama azitangwaho bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

### Article 271: Determining documents served by courts and their corresponding court fees

In criminal cases, documents served by courts and corresponding court fees shall be determined by an Order of the Minister in charge of justice.

### Article 271: Détermination des actes de procédure et des frais de justice qui leur sont applicables

En matière pénale, les actes de procédure ainsi que les frais de justice qui leur sont applicables sont déterminés par arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions.

### Ingingo ya 272 : Imirongo yandikwa ku rupapuro

Urupapuro rwose rw'inyandiko z'inkiko cyangwa z'urubanza rwandikwaho imirongo makumyabiri n'itanu (25) nibura.

### Article 272: Lines on a page of court document

Any page of court documents or judgment shall contain at least twenty five (25) lines.

### Article 272: Lignes sur une page d'un acte de procédure

Chaque page d'un acte de procédure ou d'un jugement est de vingt-cinq (25) lignes au minimum.

### Ingingo ya 273: Gusonerwa kubera ko umuntu atishoboye

Igihe Perezida w'Urukiko rwaciye urubanza asanze umuntu atishoboye, ashobora kumuha atishyuye, matolewo iriho kashe mpuruza, inyandiko irambuye y'urubanza, inyandiko ihinnye cyangwa kopi yarwo.

### Article 273: Exemption granted to destitute persons

If the President of the court having rendered the judgment finds that a person is destitute, he/she may issue him/her a copy of judgement bearing an enforcement order, a copy of the judgment, its extract or its copy free of charge.

### Article 273: Exonération pour cause d'indigence

Si le Président de la juridiction qui a rendu le jugement constate qu'une partie est indigente, il peut lui délivrer gratuitement la grosse du jugement, son expédition, son extrait ou sa copie.

**<u>Ingingo ya 274</u>: Kwemeza ibihembo bihabwa abatangabuhamya, abaganga, abasemuzi n'izindi mpuguke**

Ibihembo bihabwa abatangabuhamya, abaganga, abasemuzi n'izindi mpuguke, kimwe n'amafaranga yo gutwara abahesha b'inkiko, byemezwa na Perezida w'iburanisha amaze kubona impapuro zikubiyemo ibi bikurikira:

1° umunsi imirimo yasabiweho gukorwa n'izina ry'uwayihawe;

2° ubwoko bw'icyaha n'izina cyangwa amazina y'abashinjwa;

3° ubwoko bw'imirimo, itariki yakoreweho n'igihe yakozwemo, kimwe n'ibisobanuro byerekana umubare w'amafaranga yayitanzweho;

4° itariki cyangwa iminsi ingendo zakoreweho n'igihe zamaze, kimwe n'uburyo bwakoreshejwe mu rugendo;

5° nomero ya konti y'ugomba guhabwa ibihembo n'aho abarizwa, iyo bibaye ngombwa.

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze yemeza uburyo bukurikizwa mu ibara ry'ayo mafaranga ahabwa abatangabuhamya, abaganga, abasemuzi n'izindi mpuguke.

**<u>Article 274</u>: Approval of allowances to be paid to witnesses, medical doctors, interpreters and other experts**

Allowances to witnesses, medical doctors, interpreters and other experts and transport fees for court bailiffs shall be approved by the presiding judge after obtaining documents which indicates the following:

1° the date of request of services and the names of the person having been provided with such services;

2° the category of the offence and the name or names of the accused;

3° the type of services, dates of performance and their duration and details of related costs;

4° date or days on which different travels were conducted and their duration and the means of transport used;

5° bank account of the beneficiary and his/her address, if necessary.

The Minister in charge of justice shall determine modalities applicable to the calculation of allowances to witnesses, medical doctors, interpreters and other experts.

**<u>Article 274</u>: Détermination des indemnités à allouer aux témoins, médecins, interprètes et autres experts**

Les indemnités à allouer aux témoins, médecins, interprètes et autres experts ainsi que les frais de transport des huissiers sont déterminés par le Président du siège au vu des documents contenant :

1° la date de la réquisition et le nom de la personne ayant bénéficié de ces services;

2° la nature de l'infraction et le nom de l'accusé ou des accusés;

3° la nature, la date et la durée des prestations ainsi que les éléments du calcul de leur coût ;

4° la date ou les jours des déplacements et leur durée ainsi que la nature du moyen de transport utilisé ;

5° le numéro du compte bancaire du bénéficiaire et son adresse complète, en cas de besoin.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions fixe les modalités du calcul des indemnités à allouer aux témoins, médecins, interprètes et autres experts.

Amafaranga y'ingendo z'abaganga, abahesha b'inkiko, abatangabuhamya, abasemuzi n'izindi mpuguke kimwe nay'ibihembo ateganywa ku ngengo y'imari y'Urukiko rw'Ikirenga n'iy'Inkiko za Gisirikare. Urukiko rushobora mu gihe bibanye ngombwa gusaba ababuranyi gutanga amafaranga akenewe mu guhemba inzobere cyangwa umusemuzi. Ayo mafaranga yose yishyurwa n'utsinzwe urubanza, agashyirwa mu isanduku ya Leta.

**<u>INTERURO YA X</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u> : INGINGO ZIHARIYE**

**<u>Ingingo ya 275</u>: Ibihe byashyizweho n'amategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha**

Uretse iyo itegeko ribivuga ukundi, ibihe byashyizweho n'amategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha bikurikiza ibiteganyijwe muri uyu mutwe.

**<u>Ingingo ya 276</u>: Ibihe bibarwa mu minsi cyangwa mu masaha**

Ibihe bibarwa mu minsi cyangwa mu masaha, bibarwa kuva saa sita z'ijoro kugeza saa sita z'ijoro z'umunsi ukurikiraho; ntabwo umunsi w'inyandiko cyangwa w'igikorwa bishingiyeho ubarirwamo, icyakora umunsi wa nyuma wabyo ubarirwamo wose.

Nta gihe cyo kujurira gishobora kongerwa,

Transport fees for medical doctors, court bailiffs, witnesses, interpreters and other experts and allowances shall be included in the budget of the Supreme Court and that of Military Courts. The court may, where necessary, request the parties to pay allowances for experts and interpreters. These fees and allowances shall be paid in the State Treasury by the losing party.

**<u>TITLE X</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>CHAPTER ONE</u>: SPECIAL PROVISIONS**

**<u>Article 275</u>: Time limits provided under laws relating to criminal procedure**

Unless the law provides otherwise, the time limits provided for under laws relating to criminal procedure shall follow provisions specified under this chapter.

**<u>Article 276</u>: Time limits counted in days or hours**

Time limits counted in days and hours shall be counted from midnight to midnight of the following day and shall not include the day of the act or event from which they arise while they shall fully include the day on which they expire.

The appeal period shall in no way be extended,

Les frais de transport des médecins, des huissiers, des témoins, des interprètes et autres experts ainsi que les indemnités sont prévus au budget de la Cour Suprême et des Juridictions Militaires. La juridiction peut, en cas de nécessité, demander aux parties de payer les indemnités des experts et des interprètes. Ces frais et indemnités sont payés par la partie perdante et versés au Trésor Public.

**<u>TITRE X</u> : DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u> : DISPOSITIONS PARTICULIERES**

**<u>Article 275</u>: Délais établis en matière de procédure pénale**

Sauf si la loi en dispose autrement, les délais établis en matière de procédure pénale sont soumis aux règles énoncées au présent chapitre.

**<u>Article 276</u>: Délais établis en jour ou en heures**

Les délais établis en jour ou en heures se comptent de minuit à minuit et ne comportent pas le jour de l'acte ou de l'événement qui leur donne cours, tandis qu'ils comprennent intégralement le jour de leur échéance.

Nul délai de recours ne peut être prolongé, si ce

bidatewe n'impamvu zikomeye, kugeza igihe zirangiriye.

Iminsi y'ibiruhuko yemewe n'amategeko n'iminsi itari iy'akazi ibarirwa mu bihe byateganyijwe.

Ariko, iyo umunsi wa nyuma w'igihe uhuye n'umunsi w'ikiruhuko cyangwa umunsi utari uw'akazi, igihe kirangira ku munsi w'umubyizi ukurikiraho.

**Ingingo ya 277: Ibarwa ry'ibihe byagenwe mu mezi no mu myaka**

Ibihe bibarwa mu mezi no mu myaka, bibarwa bahereye ku munsi wa mbere bikarangirana n'umunsi ubanziriza uwa nyuma.

**UMUTWE WA II: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 278: Ikurikizwa ry'amategeko y'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha**

Uretse iyo hari itegeko ribivuga ukundi, amategeko y'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha akurikizwa mu Bugenzacyaha, mu Bushinjacyaha, mu nkiko zisanzwe no mu nkiko za gisirikare.

Muri iri tegeko, Ubushinjacyaha bivuga Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

unless an event of force majeure arises until it ceases to exist.

Public holidays and non-working days shall be included in the prescribed time limits.

However, when the last day of the time limits coincides with a public holiday or a non-working day, the time limits end on the next working day.

**Article 277: Counting periods fixed in months and years**

The periods fixed in months and years shall be counted from the first day to the eve of the last day.

**CHAPTER II: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 278: Application of laws relating to criminal procedure**

Laws relating to criminal procedure shall apply in Judicial Police, Public Prosecution, Military Prosecution, ordinary and Military courts unless the law provides otherwise.

For the purposes of this Law, the Public Prosecution means the National Public Prosecution Authority and the Military Prosecution.

n'est pour cause de force majeure et jusqu'à la cessation de l'empêchement.

Les jours fériés légaux et les jours chômés sont compris dans les délais prescrits.

Toutefois, si le jour de l'échéance est un jour férié légal ou chômé, l'échéance du délai est reportée au plus prochain jour ouvrable.

**Article 277 : Computation des délais établis en mois et en années**

Les délais établis en mois et en années se comptent de quantième à veille de quantième.

**CHAPITRE II: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 278: Application des lois relatives à la procédure pénale**

Sauf disposition légale contraire, les lois relatives à la procédure pénale sont applicables devant la Police Judiciaire, l'Organe Nationale de Poursuite, les juridictions ordinaires et les juridictions militaires.

Au sens de la présente loi, l'Organe National de Poursuite signifie l'Organe National de Poursuite Judiciaire et l'Auditorat Militaire.

**Ingingo ya 279: Ikurikizwa ry'amategeko y'imiburanishirize y'imanza mboneza mubano mu manza nshinjabyaha**

Ku bindi bidateganyijwe muri iri tegeko bijyanye n'imiburanishirize, hakurikizwa itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, keretse mu gihe amahame ateganywa n'iryo tegeko adashobora gukoreshwa mu miburanishirize y'imanza nshinjabyaha.

**Ingingo ya 280: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 281: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko nº 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 282: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 279: Applying civil procedure in criminal matters**

All matters that are not provided for under this Law shall be handled in accordance with civil procedure rules, unless the civil procedure principles cannot be applicable in criminal matters.

**Article 280: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 281: Repealing provision**

Law n° 13/2004 of 17/05/2004 relating to the Code of Criminal Procedure as modified and complemented to date and all prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

**Article 282: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 279: Application des règles de procédure civile en matière de procédure pénale**

Pour tout ce qui n'est pas prévu par la présente loi, il est fait application des règles de procédure civile, à moins que les principes prévus par la procédure civile ne puissent pas s'appliquer en matière pénale.

**Article 280: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 281: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 13/2004 du 17/05/2004 portant Code de Procédure Pénale telle que modifiée et complétée à ce jour, ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 282: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 24/05/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 24/05/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice /Attorney General

Kigali, le 24/05/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux